

IMIBARE

Umwaka wa

1

Amashuri abanza

Igitabo cy'umwarimu

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igitabo k'Imibare umwaka wa mbere w'amashuri abanza. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize n'imyigire ishingiyeye ku bushobozi mu kunoza akazi ko kwigisha ibiteganyijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo abanyeshuri bagera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro barimo hagamijwe kubategurira gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bibafashe mu myigishirize yanyu. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bunozwe bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku nama zizafasha Mwarimu gutegura imyitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho mu gutanga ibitekerezo ndetse bakanivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa mu matsinda mato. Iyo myitozo ifasha abanyeshuri kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri buri wese ndetse no ku gihugu muri rusange. Mufatanyije n'abanyeshuri murera, turizera ko muzakoresha uburyo bunyuranye kugirango abanyeshuri bunguke ubushobozi bushya mu gukemura ibibazo byo mu buzima bwa buri muni.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiyeye ku bumenyi gusa, aho umwarimu ariwe wafataga igihe kinini mu myigire n'imyigishirize. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gufasha abanyeshuri kuzamura ubumenyi n'ubushobozi bakora imyitozo yateganyijwe kuri buri kigwa;
- Gufasha abanyeshuri gukorera mu matsinda bungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka, baganira hagati yabo, bakora ubushakashatsi bifashishije ibitabo cyangwa amashusho cyangwa ubundi buryo no kumurika ibyo bakoze mu matsinda.
- Gukora ku buryo muri buri tsinda ry'abanyeshuri, buri wese agira uruhare mu kazi yahawe atanga ibitekerezo, akora ubusesesenguzi, kandi akumva ko ari inshingano ze kumurikira abandi ibyakozwe;
- Gufasha abanyeshuri gukora umwanzuro unozwe ujyanye n'ibyavuye mu bushakashatsi.
- Kwiyungura ubumenyi hifashishijwe inyandiko zicapye, iziri kuri murandasi, no guhugurana hagati yanyu. Kubaza abantu bafite ubunararibonye.

Mu rwego rwo kubunganira mu kazi ko kwigisha, ibigize iki gitabo bigabanyijemo ibice bitatu:

- Igice cya mbere gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo rusange bw'imyigishirize ishingiye ku bushobozi;
- Igice cya kabiri gitanga ingero z'amasomo azifashishwa mu gutegura andi masomo;
- Igice cya gatatu gikubiyemo mu buryo burambuye inama ku myigishirize ya buri somo nk'uko biteganyijwe kuri buri kigwa mu gitabo cy'umunyeshuri.

N'ubwo inama zatanzwe ku myigishirize ya buri kigwa, mwarimu azakoresha ubunararibonye bwe mugutegura amasomo ahereye ku kigero cy'abanyeshuri yigisha.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo. Habaye hari ubundi bwunganizi ku bikwiye kunozwa muri iki gitabo, twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu kukivugurura.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ryacyo.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kujya ahagaragara. Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no kunononsora iki gitabo.

Ndashimira kandi uwashushanyije amashusho, uwatunganyije amashusho n'inyandiko n'ufasuzumye ireme ry'igitabo.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Imfashanyigisho n'Integanyanyigisho (CTLRD)

Ishakiro

IGICE CYA MBERE: INTANGIRIRO	11
IGICE CYA KABIRI: INGERO KU MBATA Z'AMASOMO	21
IGICE CYA GATATU: IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE BYA BURI MUTWE	49
UMUTWE WA 1: IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5	49
Isomo rya 1: Insanganyamatsiko	51
Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 2	52
Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y'umubare 1	54
Isomo rya 4: Imisomere n'imyandikire y'imibare 1 na 2	55
Isomo rya 5: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 3	56
Isomo rya 6: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3	57
Isomo rya 7: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 4	58
Isomo rya 8: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4	59
Isomo rya 9: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 5	60
Isomo rya 10: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5	61
Isomo rya 11: Kugereranya umubare w'ibintu bitarenze 5	62
Isomo rya 12: Gutondeka imibare w'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5 uhaye ku bike uya ku byinshi	63
Isomo rya 13: Gutondeka umubare w'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5 uhaye ku byinshi uya ku bike	65
Isomo rya 14: Ibiteranyo by'imibare itarenga 5	66
Isomo rya 15: Iteranyo ry'imibare igiteranyo kitarenga 5	67

Isomo rya 16: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 5	69
Isomo rya 17: Ikuramo ry'imibare itarenze 5 ikinyuranyo kitari 0	70
Isomo rya 18: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare itarenga 5 ikinyuranyo kitari 0 ..	71
Isomo 19: Amahurizo ku iteranya n'ikuramo ry'imibare igisubizo kitarenga umubare 5	73
Isomo rya 20: Isuzuma risoza umutwe wa 1	74
UMUTWE WA 2: IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KU 9	75
Isomo rya 1: Insanganyamatsiko	77
Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugerakuri 6	77
Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6	79
Isomo rya 4: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 7	80
Isomo rya 5: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7	81
Isomo rya 6: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 8	82
Isomo rya 7: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 8	83
Isomo rya 8: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera ku 9	84
Isomo rya 9: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	85
Isomo rya 10: Igereranya ry'umubare w'ibintu bitarenze 9	86
Isomo rya 11: Gutondeka imibare w'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9 uhareye ku bike ujya ku byinshi	88
Isomo rya 12: Igereranya ry'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 hakoreshejwe ibimenyetso	89
Isomo rya 13: Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 uhareye ku muto ujya ku munini	91

Isomo rya 14: Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 uhareye ku munini ujya ku muto	93
Isomo rya 15: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga umubare 9.	94
Isomo rya 16: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 9	96
Isomo rya 17: Ikuramo ry'imibare itarenga 9 ikinyuranyo kitari 0	97
Isomo rya 18: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare itarenga 9 ikinyuranyo kitari 0 ..	99
Isomo rya 19: Isuzuma risoza umutwe wa 2	100
UMUTWE WA 3: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KU 10	103
Isomo rya 1: Insanganyamatsiko	105
Isomo rya 2: Inshoza ya 0	105
Isomo rya 3: Inshoza y'umubare 10 no kubara ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 10	106
Isomo rya 4: Imisomere n'imyandikire y'umubare 0 n'umubare 10	107
Isomo rya 5: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera ku 10	109
Isomo rya 6: Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 uhareye ku mubare muto ujya ku munini cyangwa ku munini ujya ku muto	110
Isomo rya 7: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 10	112
Isomo rya 8: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo gitanga 10	113
Isomo rya 8: Ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugeza ku 10	114
Isomo rya 10: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare kuva 0 kugeza ku 10	115
Isomo rya 10: Isuzuma risoza umutwe wa 3	116

UMUTWE WA 4: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 20 119

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko 120

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 20 121

Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 122

Isomo 4: Isesengura ry'imibare y'imibarwa ibiri itarenza 20. 123

Isomo rya 5: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 hakoreshejwe ibimenyetso bya biruta (>), birutwa (<), na bingana (=) 125

Isomo rya 6: Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 uhereye ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku muto. 127

Isomo rya 7: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 20 128

Isomo rya 8: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 20 129

Isomo rya 9: Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 20 130

Isomo rya 10: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare iri muni ya 20 131

Isomo rya 11: Isuzuma risoza umutwe wa 4 133

UMUTWE 5: GUKUBA NO KUGABANYA NA 2 135

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko 136

Isomo rya 2: Inshoza yo gukuba na kabiri n'ibikubo bya 2 136

Isomo rya 3: Igabanya na 2 ridasagura, ikigabanyo kitarenga 10 138

Isomo rya 4: Amahurizo ku ikuba n'igabanya na 2 139

Isomo rya 5: Isuzuma risoza umutwe wa 5 140

UMUTWE WA 6: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 50 141

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko 143

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 30 143

Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 30 145

Isomo rya 4: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 40 146

Isomo rya 5: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 40 146

Isomo rya 6: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 50 147

Isomo rya 7: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 147

Isomo rya 8: Isesengura ry' imibare y'imibarwa 2 itarenze 50 mo ibinyabumwe
n'ibinyacumi 148

Isomo rya 9: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 hakoreshejwe $<$, $>$ na $=$. 150

Isomo rya 10: Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 151

Isomo rya 11: Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 50 152

Isomo rya 12: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 50 153

Isomo rya 13: Ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 154

Isomo rya 14: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare kuva 0 kugera 50 156

Isomo rya 15: Isuzuma risoza umutwe wa 6 157

UMUTWE WA 7: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KU 100 159

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko rusange 161

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 60 162

Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 60 163

Isomo rya 4: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 70 164

Isomo rya 5: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 7	165
Isomo rya 6: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 80	166
Isomo rya 7: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 80	167
Isomo rya 8: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 90	168
Isomo rya 9: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90	168
Isomo rya 10: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 100	170
Isomo rya 11: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99 ...	170
Isomo rya 12: Isesengura ry' imibare y'imibarwa 2 itarenze 99 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi	172
Isomo rya 13: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99 hakoreshejwe <, > na =	174
Isomo rya 14: Itondekan ry'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99	175
Isomo rya 15: Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 99.	176
Isomo rya 16: Amahurizo ku iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 99	177
Isomo rya 17: Ikuramo ry imibare ikinyuranyo kitarenga 99	178
Isomo rya 18: Amahurizo ku ikuramo ry imibare ikinyuranyo kitarenga 99	180
Isomo rya 19: Isuzuma risoza umutwe wa 7	181
UMUTWE WA 8: IMIGABANE $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$	183
Isomo rya 1: Insanganyamatsiko	184
Isomo rya 2: Umugabane	184
Isomo rya 3: Umugabane	186
Isomo rya 6: Isuzuma risoza umutwe wa 8	187

UMUTWE WA 9: URUKURIKIRANE RW'IBARA 189

Isomo rya 1: insanganyamatsiko rusange 190

Isomo rya 2: Urutonde rw'ibara bateranya 190

Isomo rya 3: Inshoza y'urutonde rw'ibara bakuramo 192

Isomo rya 4: Isuzuma risoza umutwe wa 9 194

Umutwe wa 10: Gupima uburebure butarenze m 10195

Isomo rya 1: insanganyamatsiko 196

Isomo rya 2: Inshoza y'uburebure bw'ibintu 197

Isomo rya 3: Ibikoresho byo gupima uburebure bw'ibintu n'ahantu 198

Isomo rya 4: Imisomere n'imyandikire ya metero 199

Isomo rya 5: Gupima uburebure bwa m 10 ukoresheje metero 201

Isomo rya 6: Igereranya ry'uburebure butarenga m10 202

Isomo rya 7: Iteranya ry'uburebure butarenga m10 n'amahurizo 204

Isomo rya 8: Ikuramo ry'uburebure butarenga m10 n'amahurizo 205

Isomo rya 9: Isuzuma risoza umutwe wa 10. 207

UMUTWE WA 11: Ibice by'ingenzi by'umunsi n'iminsi y'icyumweru 209

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko rusange 210

Isomo rya 2: Ibice by'ingenzi bigize umunsi n'ibibiranga. 210

Isomo rya 3: Iminsi y'icyumweru n'ibikorwa bya buri munsi212

Isomo rya 5: Isuzuma risoza umutwe wa 11.....213

UMUTWE WA 12: Amafaranga y’u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100 215

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko rusange 216

Isomo rya 2: Amafaranga y’u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100 n’ibiyaranga 216

Isomo rya 3: Kuvunja amafaranga y’u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100 218

Isomo rya 4: Iteranya n’ikuramo ry’amafaranga y’u Rwanda atarenga F100 220

Isomo rya 5: Isuzuma risoza umutwe wa 12 221

UMUTWE WA 13: KURANGA AHO IBINTU BIHEREREYE N’IMIRONGO 223

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko224

Isomo rya 2: Kwerekana imbere, hagati n’inyuma 225

Isomo rya 3: Kwerekana “hejuru ya” no “munsi ya”.....226

Isomo rya 4: Kwerekana iburyo n’ibumoso 227

Isomo rya 5: Kwerekana hirya no hino 229

Isomo rya 6: Kuranga ikerekezo cy’aho ikintu giherereye 230

Isomo rya 7: Imirongo igororotse n’imirongo ihese 231

Isomo rya 8: Imirongo ifunze n’imirongo ifunguye 233

Isomo rya 9: Imirongo ivunaguye 234

Isomo rya 10: Utudomo imbere n’inyuma no ku murongo ufunze 235

Isomo rya 11: Isuzuma risoza umutwe wa 13..... 236

Umutwe wa 14: Imfuruka igororotse, kare n’urukiramende..... 239

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko..... 240

Isomo rya 2: Imfuruka igororotse n’ibiyiranga..... 240

Isomo rya 3: Gushushanya imfuruka igororotse	242
Isomo rya 4: Kare n'ibiyaranga	243
Isomo rya 5: Gushushanya Kare	245
Isomo rya 7: Urukiramende n'ibiruranga	246
Isomo rya 8: Gushushanya urukiramende	248
Ibitabo byifashishijwe	251

IGICE CYA MBERE: INTANGIRIRO

Ibyerekeye igitabo cy'umwarimu

Iki gitabo kigamije gufasha umwarimu wigisha isomo ry'imibare mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza gutegura amasomo mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi.

Imiterere y'iki gitabo

Iki gice kiragaragaza imiterere rusange y'iki gitabo, imiterere ya buri mutwe n'imiterere y'amasomo yose awugize.

Imiterere rusange y'iki gitabo

Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu by'ingenzi bikurikira :

Igice cya mbere: Intangiriro

Iki gice kigaragaza uburyo mwarimu yateza imbere ubushobozi nsanganyamasomo, yahuza ingingo nsanganyamasomo n'isomo nyiri zina, yafasha abanyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye mu myigire cyangwa bafite ubumuga, yakwita kumyigishirize iha uruhare umunyeshuri n'ibyerekeye isuzumabushobozi muri iryo somo.

Igice cya kabiri: Urugero rw'imbata y'isomo

Iki gice kigaragaza urugero rw'imbata y'isomo yateguriwe gufasha umwarimu gutegura izindi mbata z'amasomo. Umwarimu ashobora guhitamo gukoresha urugero rw'imbata y'isomo iri muri iki gitabo ariko anategerejweho ubushobozi bwo kuba yahanga irenzeho cyangwa akagira ubundi buryo ategura isomo rye bitewe n'imiterere yihariye y'isomo, ikigero cy'ubushobozi bw'abanyeshuri afite n'aho ishuri rihereye.

Igice cya gatatu: Imiterere y'umutwe

Buri mutwe ugizwe na :

- Izina ry'umutwe: riboneka mu nteganyanyigisho
- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: buboneka mu nteganyanyigisho
- Ubushobozi shingiro (ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukesha): Bigaragara mu nteganyanyigisho ariko ubushobozi shingiro bugenda bwigaragaza muri buri somo.

Ingingo nsanganyamasomo zigomba kwitabwaho

Iki gice gifasha umwarimu kugena ingingo nsanganyamasomo zishobora kuboneka mu mutwe. Ibirimo ni inyunganizi; umwarimu afite uburenganzira bwo gufata iyindi ingingo nsanganyamasomo bitewe n'imiterere y'isomo. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho ni nk'uburinganire bw'ibitsina byombi mu gihe umwarimu akora amatsinda cyangwa aha abanyeshuri inshingano zihariye, kwimakaza umuco w'amahoro bungurana ibitekerezo ku byo bakora, umuco, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu n'uburezi budaheza aho buri munyeshuri wese agomba kwisanga muri buri somo.

Ibyerekeye uburyo bwo gutangira umutwe

Buri mutwe utangirwa n'ingingo nsanganyamatsiko. Mwarimu agomba gufasha abanyeshuri kuvumbura amatsiko yabo agamije ko bagira ishyaka ryo gushaka kumenya byinshi bizigwa muri uwo mutwe.

Urutonde rw'amasomo

Iki gice kigaragaza imbonerahamwe y'amasomo agize umutwe, intego za buri somo n'igihe buri somo rizamara.

Uru rutonde rukurikirwa n'inama ku myigishirize ya buri somo.

Umusozo w'umutwe

Umusozo wa buri mutwe ugizwe n'isuzuma rigizwe n'ibibazo ku byizwe muri uwo mutwe hagamijwe gusuzuma intera n'ubushobozi abanyeshuri bagezeho. Bitewe n'ikigero cy'abanyeshuri, ibi bibazo bishobora kunozwa hatangwa imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi.

Imiterere ya buri somo

Buri somo rigizwe n'ibi bikurikira:

- Inimero y'isomo n'uko ryitwa bihagarariwe na: Isomo rya :
- Ubushobozi bw'ibanze: ibyo umunyeshuri agomba kuba azi gukora mbere yo kwiga isomo;
- Imfashanyigisho: igaragaza bimwe mu bikoresho byafasha mwarimu kwigisha neza isomo. Abarimu barashishikarizwa gusimbuza ibikoresho byagenwe n'iyi nyoborabarezi ibikoresho biboneka aho batuye: hari ibyo bashobora kwishakira cyangwa bakabituma abanyeshuri.
- Ibikorwa: uko isomo ryigishwa bihagarariwe n'ibikorwa by'abanyeshuri n'iby'umwarimu.

1.2 Imyigire n'imyigishirize

1.2.1 Guteza imbere ubushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, u Rwanda rwazereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini mu isomo. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe bwa buri munsu n'ubw'abandi muri rusange.

Inyigisho y'imibare isaba abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye. Mu myigire ishingiyeye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho bagasobanura uburyo babikoze, nyuma bagafatanyaga n'umwarimu kunononsora iby'ingenzi no gufata umwanzuro.

Ubushobozi nsanganyamasomo	Urugero rw'ibikorwa byazamuraga ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo ry'imibare
Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo	Ubushishozi bugaragara nk'igihe abanyeshuri bakora amahurizo yo mu buzima busanzwe.
Guhanga udushya	Guhanga udushya bizagaragara igihe umunyeshuri asobanura uko yabona igisubizo k'ibibazo yahawe.
Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsu	Ubufatanye nk'igihe bari gukorera mu matsinda basangira ibikoresho bimwe na bimwe n'igihe batanga ibitekerezo buri wese akubaha igitekerezo cya mugenzi we azirikana ko bari kuzuzanya
Gusabana mu Kinyarwanda abanyeshuri bimenyereza kunoza neza imikoresheze y'ururimi rwigwamo	Kungurana ibitekerezo: abanyeshuri bunganirana bajya impaka bikabafasha gusabana mu rurimi bigamo bungurana ibitekerezo mu isomo ry'imibare.
Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi	Igihe bishoboka abanyeshuri bashobora gutegurirwa ingendoshuri mu mabanki, mu mazu y'ubucuruzi mu masomero n'ahandi kandi bagashishikarizwa guhora basoma ibitabo no gukora imyitozo ijyanye n'ibyo bize.

Uburezi budaheza	Nta munyeshuri uhejwe mu kwiga buri somo. Abafite ubumuga ubwo aribwo bwose nabo bitabwaho mu myigire yabo.
Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi	Abahungu n'abakobwa bahurira ku masomo bagafashwa, kandi bese bakagira uruhare rungana mu isomo.
Umuco w'amahoro	Umuco w'amahoro ugaragara igihe bungurana ibitekerezo mu mahoro, nta muvundo, buri wese yubaha igitekerezo cya mugenzi we.
Ubuziranenge	Ubuziranenge bugaragara igihe abanyeshuri bubahiriza amategeko mu gushyira ibintu mu mwanya wabyo.
Kubungabunga ibidukikije	Bikorwa igihe abanyeshuri bubaha ibidukikije bakagira uruhare mu kubungabunga no kubyongera.
Uburere mbonezabukungu	Ubu bushobozi kandi bugaragara mu ikoreshwa neza ry'amafaranga no mu gihe abanyeshuri bakoresha ibikoresho biboneka aho batuye batagombye gusesagura umutungo bagura ibihenze.

1.2.2. Kwita ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatamva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatamva neza umwarimu abica hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abatabona neza abica akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite, byaba ari imbonahafi cyangwa indenzamboni. Bityo abafite imbonahafi abica hafi, naho abafite indenzamboni akabica mu myanya y'inyuma. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwana bicaramo ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyi baba batateye urutoki. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

1.2.3. Ibyerekeye isuzuma

Isuzuma ry'inyigisho y'imibare rigizwe n'ibice bitatu by'ingenzi:

- Gusuzuma uko ibyigwa byumvikanye;
- Gusuzuma uko imibare ikoresheya mu buzima busanzwe hakemurwa ibibazo abantu bahura nabyo;
- Gusuzuma niba abanyeshuri bashobora guhimba uburyo bushya bwo gushaka ibisubizo ku bibazo bishya bashobora guhura nabyo.

Mu mibare imyitoto y'isuzuma igomba gufasha abanyeshuri gukoresheya impano bifitemo n'uburyo bw'ibanze bungutse. Imyitoto iyo ari yo yose igomba kwitabwaho kimwe bigahura n'ihame ko bagomba kwiga ariko nanone bakiyigisha. Mu gutegura ibibazo by'isuzuma, umwarimu azifashisha inama ku gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya nk'uko bigaragara mu nteganyanyigisho. Buri ntogo igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho (imikoro, amarushanwa, ibizami n'ibindi).

1.2.4. Ibyerekeye imyitoto y'inyongera

Ni imyitoto ifasha abanyeshuri kumva neza isomo hitawe ku bushobozi bwa buri munyeshuri. Iyi myitoto igizwe n'imyitoto nzamurabushobozi hamwe n'imyitoto nyagurabushobozi, igomba gutegurwa na mwarimu ashingiye ku isuzuma.

1.2.5. Uburyo bunyuranye abanyeshuri bigamo

Hari uburyo butandukanye bw'imyigishirize kugirango intego z'isomo zigerweho. Guhitamo uburyo bw'imyigishirize bigomba kwitonderwa cyane. Bityo rero hari ibigomba kwitabwaho cyane nka: ubwoko bw'isomo, intego zaryo, imfashanyigisho, uburyo abanyeshuri bicaye mu ishuri, ibikenewe kuri buri munyeshuri, ubushobozi bwe n'uburyo bwe bw'imyigire.

Hari uburyo bune bw'imyigire y'abanyeshuri busobanurwa mu buryo bukurikira:

a) Abanyeshuri b'umurava n'abanyeshuri b'abasesenguzi

Abanyeshuri b'umurava basobanukirwa neza ikintu iyo bakiganiraho, bagishyira mu bikorwa cyangwa bagisobanurira abandi. Naho abanyeshuri b'abasesenguzi bo basobanukirwa ikintu ari uko babanje kugitekerezaho cyane.

b) Abanyeshuri bagendera mu murongo umwe n'abanyeshuri b'abacukumbuzi

Abanyeshuri bagendera mu murongo umwe bakunda ibintu bifatika, bakemura ibibazobanyuzemunzira zagenwe (ntibakunda ibibagora) mugihe ab'abacukumbuzi bakunda guhanga ibishya kandi ntibakunda gusubira mu bintu bimwe.

c) Abanyeshuri bitegereza n'abanyeshuri babwirwa

Abanyeshuri bitegereza bagaragazwa no kwibuka neza ibyo babonye cyangwa bitegereje n'amaso yabo (ibishushanyo, amashusho, amafoto, amafirimi..). Naho abanyeshuri babwirwa bagaragazwa no kumva neza ibyo babwiwe mu magambo (ibyandikwa n'ibivugwa).

d) Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi n'abanyeshuri bumva muri rusange

Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi bo basobanukirwa binyuze mu gufashwa buhoro buhoro, berekwa isano iri hagati y'igice runaka n'ikikibanziriza cyangwa ikigikurikira. Naho abanyeshuri bumva muri rusange baherako basobanukirwa igitekerezo rusange cy'isomo, batagombye kwigora baryinjiramo ryose uko ryakabaye.

1.2.6. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Uburyo butandukanye bw'imyigire bwavuzwe haruguru bushobora kugerwaho mu gihe umwarimu akoresheje uburyo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rw'ibanze mu myigire ye.

a) Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri ni iki?

Ni uburyo bwinjiza abanyeshuri mu gukora no gutekereza ku byo barimo bakora. Muri iyi myigishirize abanyeshuri bashishikarizwa kugendera kubyo bashoboye n'ibyo bazi igihe barimo biga ibyigwa bishya.

b) Uruhare rw'umwarimu mu myigishirize ishingiye ku bushobozi

- Umwarimu afasha abanyeshuri akoresha uburyo bwo kubaza, uburyo bwo kuganira mu matsinda, ubushakashatsi, ibikorwa by'ubucukumbuzi n'imikoro ku giti cyabo.
- Akoresha abanyeshuri isuzuma bwite cyangwa mu matsinda yaguye kandi agakoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi.
- Aha abanyeshuri amahirwe yo kuzamura ubushobozi butandukanye bifitemo, abagera ibyo gukora bizamura ubushishozi, ubushobozi bwo gukemura ibibazo, ubushakashatsi, guhanga ibishya, kuganira no gufatanya.
- Umwarimu yifashisha ubu buryo bw'imyigishirize mu guha agaciro uruhare rw'abanyeshuri mu bikorwa byabo ku ishuri.

c) Uruhare rw'abanyeshuri mu myigire yabo

Abanyeshuri ni inkingi y'imyigishirize ibaha uruhare mu myigire yabo. Ntabwo ari abo gufatwa nk'aho ntacyo bazi, umwarimu agomba kubafata nk'abantu bafite ibitekerezo, ubushobozi n'ubukeshya byo kubakiraho imyigire ihamye. Umunyeshuri wiga muri ubu buryo ashobora:

- Kuganira no gusangiza abandi banyeshuri ibyo yifitemo binyuze mu kwerekana,

- kuganira n’abandi, imikoro y’amatsinda, no mu bindi bimuha uruhare rwo kwerekana ubushobozi bwe (kwigana, ubushakashatsi, ubucukumbuzi, n’ibindi);
- Kugira uruhare rugaragara no kugira inshingano ku myigire ye ;
 - Kuzamura ubumenyi n’impano yifitemo, mu gukora;
 - Gukora ubushakashatsi n’ubucukumbuzi binyuze mu gusoma ibiri mu bitabo cyangwa kuri murandasi no kubaza abantu batandukanye, hanyuma akabwira abandi ibyo yagezeho;
 - Gutuma buri wese mu bagize itsinda rye agira uruhare mu mukoro watanze mu itsinda binyuze mu gutanga ibisobanuro, ubushishozi, inshingano no kwigirira ikizere mu gihe avugaga mu ruhamye;
 - Gutanga umwanzuro ushingiyeho ku byagezweho mu kwiga.

1.2.7. Ibice by’ingenzi by’isomo mu buryo bw’imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Ibiranga imyigishirize iha umunyeshuri uruhare byavuzwe haruguru bigaragara mu bice by’isomo bikurikira. Muri rusange, isomo rigabanyijye mu bice bitatu by’ingenzi, aho buri gice na cyo kigabanyijemo ibikorwa byinjiza abanyeshuri mu gikorwa cyo kwiga. Ibyo bice ni ibi bikurikira:

a) Intangiriro:

Intangiriro ni igice umwarimu yerekanamo ihuriro hagati y’isomo ry’uwo munsu n’isomo ryizwe mbere bifitanye isano. Atangiza ikiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gutekereza ku byo bize mu isomo ryabanje no kubihuza n’itege y’isomo ry’uwo munsu. Umwarimu yibanda ku bumenyi bw’ingenzi, ubumenyingiro n’ubukesha bifitanye isano n’ibyo mu isomo rishya mu rwego rwo kubaka ishingiro rihamye no gukurikiza neza uruhererekane.

b) Isomo nyirizina:

Isomo nyirizina rikubiyemo inyigisho nshya rikorwa mu ntambwe nto zikurikira: ibikorwa by’ivumburamatsiko, ibikorwa biganisha ku isomo nyirizina, kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho, kubibyaza umusaruro, gukora inshamake n’imyitozo cyangwa kubishyira mu bikorwa, nk’uko bisobanurwa muri ubu buryo:

b.1. Ibikorwa by’ivumburamatsiko

Intambwe ya mbere:

- Umwarimu asaba abanyeshuri kumenya ko uruhare rwabo mu myigire ari rwo rwa mbere.
- Abaha ibyo gukora akanabaha amabwiriza yose abigenga (niba babikora mu matsinda yagutse, ya babiribabiri cyangwa niba ari buri muntu ukwe, kugira ngo bibafashe kuvumbura ubumenyi bugamijwe gutangwa).

Intambwe ya kabiri:

- Umwarimu areka abanyeshuri bagakora ibyo yabahaye, bakorana hagati yabo.
- Muri iki gihe, yirinda guhita asubiza abanyeshuri ku bijyanye n’ibyateganyijwe kwigwa uwo munsu ahubwo agera ku kuba umuyobozi wabo ariko atabasubiriza ibibazo, ahubwo abayobora mu nzira igana ku bisubizo kandi agafasha abasigara inyuma.

b2) Kugerageza

Mu mikoro imwe n’imwe biba ngombwa ko abanyeshuri bagera uburyo butandukanye na za tekini kugira ngo bagere ku bisubizo basabwa bo ubwabo. Amwe mu magera abasaba guhera ku byo basanzwe bazi bakongera ubumenyigiro butandukanye.

b3)Gukorera mu matsinda

Amatsinda agomba gukorwa hakurikijwe ubwinshi bwabo, ahantu bahererwa amasomo, ibikoresho bihaboneka n’ubwoko bw’ikigenderewe gukorwa. Biba byiza kuvanga abanyeshuri bafite impano zitandukanye hitawe no ku buringanire bw’ibitsina byombi. Nanone amatsinda agomba guhora ahinduka kugira ngo buri wese agire amahirwe angana n’ay’abandi.

b4) Kwita ku mfashanyigisho

Ibikoresho bigira akamaro cyane mu gufasha abanyeshuri kwiungura ubumenyi. Bimwe muri ibyo bikoresho bisaba kwitonderwa mu kubikoresha kugira ngo hirindwe ko byakwangirika. Ni byiza gukurikirana uburyo bwo gutizanya bene ibyo bikoresho kugira ngo hatabaho kwikubira cyangwa gusesagura. Abarimu bashishikarizwa gushaka ibikoresho biri mu bidukikije by’aho ishuri rihereye.

b5) Kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho

- Muri aka gace, umwarimu atumira abahagarariye amatsinda bakaza kwerekana imbere y’abandi banyeshuri ibyo amatsinda yabo yagezeho.
- Nyuma y’uko amatsinda atatu cyangwa ane amaze kwerekana ibyo yagezeho, abaza andi matsinda niba hari igitekerezo gishya bafite kubyo abandi berekanye maze bagafatanyaga gufata umwanzuro.

b6) Uburyo bwo gufata umwanzuro

- Umwarimu asaba abanyeshuri kugenzura umusaruro wavuye mu byakozwe: ibishyitse, ibituzuye neza n’ibitari byo.
- Nyuma umwarimu agera kumva ukuri kw’ibyavuzwe n’abanyeshuri, agakosora ibyo bibeshye, akuzuza ibituzuye, akemeza ibishyitse.

c) Inshamake/ingero

Umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'ibyizwe kandi bagatanga n'ingero zisobanura neza ibyizwe.

d) Imyitozo/gushyira mu bikorwa ibyizwe

- Hatangwa imyitozo igendanye n'ibyizwe mu ishuri .
- Hatangwa kandi imyitozo ishingiyeye ku buzima bwa buri muni ariko bufitwe aho buhurira n'ibyizwe mu ishuri.
- Umwarimu afasha abanyeshuri guhuza ibyizwe n'ubuzima bwa buri muni. Kuri iyi ntera, uruhare rw'umwarimu ni ukuyobora abanyeshuri mu gucengerwa n'ibyo bize.

e) Isuzuma

Kuri iyi ntambwe, umwarimu abaza abanyeshuri bimwe mu bibazo agamije kureba niba intego z'isomo zagezweho. Muri iki gikorwa cy'isuzuma, buri munyeshuri asuzumwa ku giti ke. Umwarimu yirinda guhita atanga ibisubizo, ahubwo ibivuye mu isuzuma bikaba aribyo biha umwarimu icyo azakorera abanyeshuri muri rusange n'umunyeshuri ku giti ke. Rimwe na rimwe, umwarimu ashobora gusoza isomo atanga umukoro wo mu rugo.

IGICE CYA KABIRI: INGERO KU MBATA Z'AMASOMO

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki :	Iny-igisho	Um-waka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w’abanye-shuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 1	1	Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n’umubare wabo				- Abanyeshuri 3 batabona neza			
Umutwe		IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5.					
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe		Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyitse kuva kuri 1 kugera kuri 5.					
Isomo (Ikiganiro)		Insanganyamatsiko ku mutwe wa 1 (Imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5)					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe igishushanyo kiri ku rupapuro rwa 1 igitabo cy’umunyeshuri, Umunyeshuri araba ashobora kureba,kumva , kuvuga amazina yabyo, gutandukanya amabara , kubara no kuvuga umubare w’ibyo yabaze no gutahura mu buryo buziguye ibizigirwa muri uyu mutwe					
Imiterere y’aho isomo (ikiganiro) ribera		Isomo rirabera mu ishuri					
Imfashanyigisho		Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, igitabo cy’umunyeshuri, n’ibindi biboneka aho ishuri riherereye.					
Inyandiko n’ibitabo byifashishijwe		Igitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 1) n’icy’umwarimu(urupapuro rwa 51) umwaka wa mbere w’amashuri abanza, Integanyanyigisho y’imibare icyiciro cya 1 cy’amashuri abanza.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
	Hifashishijwe utubazo tunyuranye ,imfashanyigisho zitandukanye, igishushanyo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 1, umwarimu afasha abanyeshuri gusesengura no kuganira ku bikubiye mu ishusho itangira umutwe wa mbere .		
Intangiriro : Iminota 10	Ifashishe utubazo dushingiye ku ifoto usabe abanyeshuri gusubiza ibibazo bitandukanye. Fasha abanyeshuri mu bisubizo batanga, mu kwirinda ko bavugira rimwe kandi wite kubafite ubumuga ubwo aribwo bwose.	Abanyeshuri batega amatwi batuje ibibazo babazwa na mwarimu bifitanye isano n'ifoto, bagasubiza. Umwumwe. - Ubworozi n'iki? - Ni bande muri mwe bafite amatungo boroye? - Ni ayahe matungo mworoye? - Ni angahe?	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>Ubushishozi mugushaka ibisubizo.</i> Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>uburinganire bw'ibitsina byombi mukubaza abanyeshuri b'abahungu n'ababakobwa, hitabwa kandi no kuburezi budaheza.</i>
isomo nyirizina(Ikiganiro kirambuye) : Iminota 25	Ha abanyeshuri mu matsinda ibitabo. Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho itangira umutwe wa 1, maze baganire kandi bayunguraneho ibitekerezo basubiza ibibazo ubabaza.	Abanyeshuri bari mu matsinda mato , bitegereza ishusho/ ifoto bakungurana ibitekerezo maze bakavuga ibyo babona kuri iyo foto - <i>Inkoko zifite imishwi.</i> - <i>Abana bafite amakayi n'amakaramu.</i> - <i>Umuhungu n'umukobwa.</i>	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu rurimi bigamo. Ingingo nsanganyamasomo <i>Ubufatanye no gukorera hamwe mu matsinda</i> Uburezi budaheza <i>Abanyeshuri 3 batabona neza bahabwa ibitabo buri wese akitegereza ibishushanyo.</i>

	Saba abanyeshuri kuvuga umubare w'ibyo babona ku ishusho ufasha mu buryo bwihariye abakeneye kwitabwaho cyane mu myigire yabo.	- Hari imishwi ingahe ku ishusho?	
Incamake y'ikiganiro Iminota 10	Saba abanyeshuri kuganira ku byo bungukiye mu kiganiro	Abanyeshuri umwumwe baravugaga ibyo bungukiye mu kiganiro, batanga ibitekerezo binyuranye.	Gusabana no kungurana ibitekerezo mu rurimi bigamo.
Umusozo	Umwarimu afata umwanzuro agendeye ku bitekerezo byatanzwe n'abanyeshuri mu kiganiro.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.././20..	Imibare	wa 1	wa 1	3	Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				- Abanyeshuri 2 bafata bitinze - Abanyeshuri 3 batabona neza ibyanditse ku kibaho			
Umutwe		IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyitse kuva kuri 1 kugera kuri 5.					
Isomo		Imisomere n'imyandikire y'umubare 1.					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe utubarisho(utubuye, udukoni, udupfundikizo tw'amacupa,...),umunyeshuri araba ashobora kubara ibintu bitandukanye yerekana ikintu kimwe, gusoma adategwa no kwandika neza umubare 1.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Utubarisho (utubuye, udukoni, udupfundikizo tw'amacupa,...), igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, impapuro zanditseho umubare 1 munini mu mabara atandukanye.					

Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe

Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Integanyanyigisho y'imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
	Hifashishijwe utubazo tunyuranye ,imfashanyigisho zitandukanye, ingero zitandukanye ku bintu bibarika n'imyitozo, umwarimu afasha abanyeshuri umwumwe cyangwa mu matsinda ya babiribabiri: - Kubara ibintu bitandukanye berekana umubare 1, - Gusoma umubare 1 wanditse ahantu hatandukanye, - Kwigana uko bandika umubare 1 (mu kirere, kuntebe, kukibaho,...), - Kwandika umubare 1 ku kibaho no mu makayi yabo.		
Intangiriro : Iminota 5	Saba abanyeshuri buri wese azamure ukuboko 1, azamure ikaye 1 , yerekane agati 1 akuye mutundi hitabwa cyane kubafite ibyo bakeneye byihariye mu myigire yabo.	Mu matsinda ya babiribabiri abanyeshuri barerekana: Ikaye 1,agati 1 , ukuboko 1 Abanyeshuri umwumwe bakora amatsinda y'ibintu bitandukanye bakerekana ikaye 1,undi agati 1 , Abanyeshuri basigaye baritegereza bemeze ko ibyo bagenzi babo berekana aribyo.	Ubushobozi nsanganyamasomo - <i>Ubushishozi mu gushakira ibibazo ibisubizo abanyeshuri berekana ikuntu 1 batoranije mu bindi.</i> - Gusabana mu rurimi bakoresha bavuga umubare 1 mu ijwi riranguruye. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara - <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mukubaza abanyeshuri b'abahungu n'abakobwa,</i>

Isomo nyirizina : Iminota 25	Ifashishe utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.	- Abanyeshuri basubiza ibibazo bikurikira umwumwe Itegereze, ubare ,uvuge(urupapuro rwa 1 igitabo cy'umunyeshuri) Hari inka zingahe? Hari inanasi zingahe? Hari imipira zingahe?	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>-Ubushishozi</i> bugaragara igihe abanyeshuri basoma -Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi. - gusabana mu ruuimi bakoresha.
Kwerekera	Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho yerekana umubare 1 no kuwusoma.	- Abanyeshuri bavuga umubare w'amashusho yerekana: Inkoko imwe, Inanasi imwe Abanyeshuri baritegereza uko bandika umubare 1 mu kirere buhoro buhoro.	Ingingo nsanganyamasomo <i>-Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mukubaza abanyeshuri.</i>
Igerageza	Saba abanyeshuri kwigana umubare 1 wanditse ku kibaho. Fasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza umubare 1, uberekera ubafashe ukuboko.	- Abanyeshuri umwumwe bakoresha urutoki mukwandika umubare 1 mu kirere bigana uko mwarimu yaberetse - Abanyeshuri umwumwe ahuza utudomo turi kurupapuro, ku kibaho cyangwa mu ikayi ye akigana uko bandika umubare 1 - Umunyeshuri umwumwe arandika umubare 1 ku kibaho, nyuma bagerageze kwandika umubare 1 mu makayi yabo.	<i>- Uburezi budaheza: abanyeshuri 2 bafata bitinze bagenerwa imyitozo yihariye ibafasha kubara no kwerekana ikintu kimwe inshuro nyinshi.</i> <i>Abanyeshuri 3 batabona neza bicazwa imbere kandi bagahabwa imfashanyigisho zo kubara n'igitabo kuri buri mwana.</i>
Imyitozo	Saba abanyeshuri kwandukura inshuro nyinshi mu makaye yabo umubare 1, wita cyane ku bafite imbogamizi mu kwandika umubare 1.	- Abanyeshuri umwumwe bandika umubare 1 ku kibaho bigana ibyo mwarimu yakoze - Abanyeshuri umwumwe bandika umubare 1 inshuro 10 mu makaye yabo.	

Umusoze n'isuzuma by'isomo: Iminota 10	Saba abanyeshuri kwandika umubare 1 inshuro nyinshi mu makayi yabo kugirango hamenyekane ko abanyeshuri babyumvise cyangwa batabyumvise. Fasha abanyeshuri kuganira ku kamaro k'isomo mu buzima buzanzwe.	- Abanyeshuri barandika umubare 1 inshuro 5 mu makaye yabo y'imyitozo. Abanyeshuri batanga ibitekerezo binyuranye ku kamaro ko kumenya kubara, kwandika no gusoma umubare 1. - Kumenya umubare w'ibintu murungo batunze (imyenda, inkweto, iradiyo, tereviziyo, ...) - Kumenya umubare w'ibintu bamutumye - Gutoranya ikintu kimwe mu bintu byinshi uhaye ku mubare wanditseho	Ingingo nsanganyamasomo - Gusabana mu rurimi bigamo batanga ibitekerezo bitandukanye. - Umuco w'amahoro mu gihe buri munyeshuri yubaha ibitekerezo cya mugenzi we.
Isuzuma rya mwarimu	Suzuma niba intego zisomo zagezweho ku banyeshuri bose hagamijwe kureba ahagomba gushyirwa ingufu cyangwa gukomereza ku isomo rikurikiraho		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo:**Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	Wa 1	Wa 1		imino-ta 80	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n’umubare wabo				- Abanyeshuri 5 batinda gusubiza			
Umutwe		IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5.					
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe		Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishiritse kuva kuri 1 kugera kuri 5.					
Isomo		Isuzuma risoza umutwe wa 1.					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe ibibazo bitandukanye, umunyeshuri araba ashobora kubara, gusoma,kwandika,gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.					
Imiterere y’aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ingwa, amakayi, amakaramu, utubarisho dutandukanye, ibishushanyo, igitabo cy’umunyeshuri.					

Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Integanyanyigisho y'imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.
---	---

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangiriro : Iminota 10	Tanga amabwiriza agenga isuzuma kandi mu buryo bunoze. Reba ko abanyeshuri bose bafite ibikoresho bikenewe mu isuzuma nk'utubarisho, amakaramu, amakaye, ibitabo,.... Ha ubufasha abanyeshuri bafite ibibazo binyuranye kugirango bifashe buriwese gukora isuzuma yisanzuye.	Muri rusange abanyeshuri batega amatwi amabwiriza agenga isuzuma. Abanyeshuri begeranya ibikoresho bakenera mu isuzuma bakurikije amabwiriza yatanze.	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>Ubushishozi mugushaka ibisubizo.</i> Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>uburinganire bw'ibitsina byombi</i>
isomo nyirizina(isuzuma) : Iminota 60	Ha abanyeshuri ibibazo Ba hafi y'abanyeshuri, kugirango bahabwe ubufasha bakenera. Ifashishe igitabo cy'umwarimu urupapuro rwa 74 utange ibibazo by'isuzuma.	Abanyeshuri, umuntu kugiti ke atuje, aratanga ibisubizo ku bibazo yahawe. Umunyeshuri ugize ikibazo, arazamuka ukuboko acecetse kugirango yunganirwe.	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu rurimi bigamo.

Umusozo w'isuzuma Iminota 10	Saba abanyeshuri gushyira amakaramu hasi. Fata amakaye y'abanyeshuri kugirango bakosorwe. Fasha abanyeshuri gukosorera hamwe ku kibaho no kuganira ku bisubizo	- Abanyeshuri batuje barashyira amakaramu yabo hasi. - Abanyeshuri mu myanya yabo, baratanga amakaye umwumwe kugirango akosorwe - Abanyeshuri barakosorera hamwe ku kibaho umwumwe - Abanyeshuri bungurana ibitekerezo ku bisubizo byatanzwe	Kubahiriza igihe cyatanzwe. - Abanyeshuri 5 basubiza bitinze bagenerwa ibibazo byihariye nyuma y'isuzuma bigamije kuzamura ubushobozi.
Isuzuma rya mwarimu	Fata umwanzuro ushingiyeye ku musaruro w'isuzuma(amanota abana babonye). Umwanzuro ushobora kuba ari ugutanga imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi ku banyeshuri bagaragaje urwego rwo hasi mu myigire y'ibyigwa bigize umutwe wa 1.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihebwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Iso- mo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w’abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 4	7	Imino- ta 80	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n’umubare wabo				- Abanyeshuri 2 batabona neza ku kibaho - Abanyeshuri 4 bafata bigoranye			
Umutwe		IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 20.					
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe		Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20					
Isomo		Iteranya ry’imibare igiteranyo kitarenga 20					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni; umunyeshuri ashobora guteranya neza imibare y’ibintu yandika cyangwa mumutwe igiteranyo kitarenga 20					
Imiterere y’aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Utubarisho dutandukanye (ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni,...), igitabo cy’umunyeshuri n’icy’umwarimu umwaka wa mbere w’amashuri abanza,					

Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 62 n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Integanyanyigisho y'imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangi-riro : Iminota 10	Ifashishe amatsinda 2 y'ibintu bitarenga 20 byose hamwe kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga	Muri rusange abanyeshuri bakore amatsinda 2 y'ibintu bitarenga 20 babare maze bavuge umubare wabyo byose hamwe. – Abanyeshuri 11 barakora itsinda, abandi 8 nabo bakore itsinda, imbere ya bagenzi babo. Abanyeshuri basigaye bicaye babiri babiri barabwirana umubare w'abanyeshuri bose hamwe bagize ayo matsinda yombi. – Abanyeshuri bashyire hamwe umubare w'ibintu 10(ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni,...) bage bongera ho ikintu kimwekimwe maze bavuge umubare wabyo byose hamwe	Ubushobozi nsanganyamasomo -Gusabana mu rurimi bakoresha batanga ibitekerezo . - Ubufatanye mu gukorera hamwe mu matsinda Ingingo nsanganyamasomo zigaragara - <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mukubaza abanyeshuri babahungu n'abakobwa no mu gukora amatsinda</i> - <i>kubungabunga ibidukikije batanyanyagiza aho babonye imfashanyigisho kandi bazifataneza .</i>
Isomo nyirizina : Iminota 50	Saba abanyeshuri kwitegereza ibishushanyo biri mugitabo cy'umunyeshuri. Saba abanyeshuri gukora uturundo dutandukanye	Abanyeshuri mu matsinda mato ,baritegereza amashusho ari ku rupapuro rwa 62 babare,bavuge kandi bandike umubare babonye mu makayi yabo.	Ubushobozi nsanganyamasomo - <i>Ubushishozi bugaragara igihe abanyeshuri basoma</i> - <i>Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi.</i>

	tw'ibibarisho bakurikije uko igishushanyo kimeze. Saba abanyeshuri gukora imyitozo mu makaye yabo. Fasha abanyeshuri batashoboye kubara no guteranya neza ubaha imyitozo yoroshye.	Abanyeshuri bitegereza igishushanyo kiri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 62 maze mu matsinda mato, bakore akarundo k'utubuye 12 n'akandi k'utubuye 5, badushyira hamwe maze batubare. <i>Utubuye 12 wongeyeho utubuye 5 bihwanye utubuye 17</i> Abanyeshuri barakora imyitozo yo guteranya iri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 62 Abanyeshuri batashoboye kubara neza no guteranya, basubiremo ibyo abandi bakoze.	- gusabana mu ruruimi bakoresha. Ingingo nsanganyamasomo -Uburunganire n'ubwuzuzanywe bw'ibitsina byombi mu gukora amatsinda no kubaza abakobwa n'abahungu, - uburezi budaheza mu gukoresha imfashanyigisho zifatika cyangwa ziri mu mabara atandukanye ku banyeshuri 2 batabona neza no gutanga imyitozo yoroshye ku banyeshuri 4 bafata bigoranye.
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota 20	Tanga imyitozo yo guteranya igisubizo kitarenga 20. Saba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko guteranya mu buzima busanzwe.	Abanyeshuri umwumwe mu makaye yabo bakora indi myitozo n'amahurizo binyuranye ku guteranya igisubizo kitarenga 20. Abanyeshuri umwumwe bavugira ku kamaro k'isomo ryo guteranya mu buzima, batanga ibitekerezo binyuranye. Urugero: - Kumenya umubare nyawo w'ibintu bihuriye hamwe - Kumenya ko umubare w'ibintu bihuriye hamwe uba munini	Ingingo nsanganyamasomo -Gusabana mu rurimi bigamo igihe abanyeshuri batanga ibitekerezo -Umuko w'amahoro igihe bahana umwaya mu gutanga ibitekerezo.
Isuzuma rya mwarimu	Suzuma niba intego zisomo zagezweho ku banyeshuri bose hagamijwe kureba ahagomba kongerwa ingufu cyangwa gukomereza ku isomo rikurikiraho.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: Amazina y'umwarimu:

Igihebwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 5	2	Iminota 80	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				Abanyeshuri 2 bafata bitinze			
Umutwe		GUKUBA NO KUGABANYA NA 2.					
Ubushobozi bw'in-genzi bugamijwe		Gukuba na kabiri igikubo kitarenga 20 no kugabanya na kabiri ikigabanyo kitarenga 10.					
Isomo		Inshoza yo gukuba na kabiri.					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe imfashanyigisho (ibibarisho, ibishyimbo, ibigori, utubuye), umunyeshuri araba ashobora gusobanura uko bakuba na 2 bahereye ku nshuro babaze ibintu bibiribiri no kugaragaza isano iri hagati yo gukuba no guteranya.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishyimbo, ibigori, utubuye, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yishushanyirije.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, - Integanyanyigisho y'Imibare ikiciro cya 1 cy'amashuri abanza.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamashuri
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
	Hifashishijwe utubazo tunyuranye, imfashanyigisho (ibibarisho, ibishyimbo, ibigori, utubuye, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yishushanyirije) abanyeshuri mu matsinda mato basobanura uko bakuba na 2 bahereye ku nshuro babaze ibintu bibiribiri, banagaragaze isano iri hagati yo gukuba no guteranya.		

Intangi-riro : Iminota 5	Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri . Saba buri tsinda kubara no gukora akarundo k'ibibarisho 20. Saba abanyeshuri gukora uturundo tw'utubarisho tubiritubiri kandi bagaragaza inshuro z'uturundo zikozwe n'utubarisho 2	Abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore akarundo k'utubarisho 20. Abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore uturundo tw'ibintu bibiribabiri mu tubarisho 20 bafite kandi bagaragaza inshuro z'uturundo zikozwe n'utubarisho tubiritubiri.	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>-Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi igihe bombi bungurana ibitekerezo mu gukora uturundo</i> <i>- Umuco w'ama-horo igihe bakora uturundo, umwe aha agaciro igitekerezo cya mugenzi we.</i> Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>-Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mugukora amat-sinda.</i>
Isomo nyirizina : Iminota 60	Shyira abanyeshuri mu matsinda, Saba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, bakore uturundo tw'ibintu bibiribabiri. Saba umunyeshuri umwe gufata akarundo kamwe, undi tubiri, undi dutatu,... , ubafashe gukoresha imvugo "inshuro" avuga umubare w'uturundo afite	Abanyeshuri bajye mu matsinda mato, bitegereze amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 65, bavuge umubare w'udutasi tugize buri karundo nyuma bavuge umubare w'uturundo kuri buri murongo. Mu matsinda, abanyeshuri bakore uturundo. – umwe afite akarundo 1, ni ukuvuga ibishyimbo 2 inshuro imwe: bandika 2; – undi afite uturundo 2, ni ukuvuga ibishyimbo 2 inshuro ebyiri: bandika: 2+2; – undi afite uturundo 3, ni ukuvuga ibishyimbo 2 inshuro eshatu: bandika:2+2+2; Abanyeshuri baritegereza imyandikire ku kibaho. – kabiri inshuro imwe, byandikwa : 2 x 1; – kabiri inshuro ebyiri, byandikwa : 2 x 2;	Ingingo nsanganyamasomo <i>-Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi(Mukubaza abanyeshuri),</i>

	Saba abanyeshuri kureba/ kwitegereza imyandikire n'imisomere yo gukuba, kandi ubabwire ko ikimenyetso "X" bivuga "gukuba". Koresha imyitoto yo gukora uturundo tw'ibintu bibiri bibiri, usabe abanyeshuri kubikora bandika bakoresheje ibimenyetso byo guteranya no gukuba. Ha abanyeshuri urutonde rw'imibare y'ibikubo bya 2, ubasabe kandi kugaragaza isano iri hagati yo guteranya no gukuba. Abanyeshuri bafite ibyo bakeneye mu myigire yabo bahabwa ubufasha bukiye	– kabiri inshuro eshatu, byandikwa : 2×3; Abanyeshuri bitegereze maze bigane imyandikire yo gukuba n'uko bisomwa. Urugero: kabiri inshuro imwe bihwanye na 2, byandikwa: $2 \times 1 = 1$, bisomwa kabiri dukubye rimwe bihwanye na kabiri kabiri inshuro ebyiri bihwanye na 4, byandikwa: $2 \times 2 = 4$, bisomwa kabiri dukubye kabiri bihwanye na kane Kabiri inshuro eshatu bihwanye na 6, byandikwa: $2 \times 3 = 6$; bisomwa kabiri dukubye gatatu bihwanye na gatandatu. • Abanyeshuri mu matsinda yabo, bandika bakoresheje ibimenyetso byo guteranya no gukuba. Urugero: Kabiri inshuro ebyiri bihwanye na 4, byandikwa: $2 \times 2 = 4$, bisomwa kabiri dukubye kabiri bihwanye na kane cyangwa $2 + 2 = 4$. Abanyeshuri baritegereza urutonde rukurikira: 2, 4, 6, 8, 10, 12, 14, 16, 18, 20 bagaragaze ko ari ibikubo bya 2 kuburyo bukurikira: <table><tr><td>$2 \times 1 = 2$ $2 \times 2 = 4$ $2 \times 3 = 6$ $2 \times 4 = 8$ $2 \times 5 = 10$</td><td>$2 \times 6 = 12$ $2 \times 7 = 14$ $2 \times 8 = 16$ $2 \times 9 = 18$ $2 \times 10 = 20$</td></tr></table> Abanyeshuri mu matsinda mato bashaka kandi bakagaragaza isano iri hagati yo gukuba no guteranya bifashishije imbonerahamwe ikurikira. <table><tr><td>$2 = 2$ $2 + 2 = 4$ $2 + 2 + 2 = 6$ $2 + 2 + 2 + 2 = 8$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 10$</td><td>$2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 12$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 14$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 16$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 18$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 20$</td></tr></table>	$2 \times 1 = 2$ $2 \times 2 = 4$ $2 \times 3 = 6$ $2 \times 4 = 8$ $2 \times 5 = 10$	$2 \times 6 = 12$ $2 \times 7 = 14$ $2 \times 8 = 16$ $2 \times 9 = 18$ $2 \times 10 = 20$	$2 = 2$ $2 + 2 = 4$ $2 + 2 + 2 = 6$ $2 + 2 + 2 + 2 = 8$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 10$	$2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 12$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 14$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 16$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 18$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 20$	Uburezi budaheza: abanyeshuri bafata bitinze bagafashwa kwiga bahabwa imyitoto yoroshye kandi bakore bifashisha imfashanyigisho zifatika
$2 \times 1 = 2$ $2 \times 2 = 4$ $2 \times 3 = 6$ $2 \times 4 = 8$ $2 \times 5 = 10$	$2 \times 6 = 12$ $2 \times 7 = 14$ $2 \times 8 = 16$ $2 \times 9 = 18$ $2 \times 10 = 20$						
$2 = 2$ $2 + 2 = 4$ $2 + 2 + 2 = 6$ $2 + 2 + 2 + 2 = 8$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 10$	$2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 12$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 14$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 16$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 18$ $2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 + 2 = 20$						
Umusozo n'isu-zuma by'isomo: Iminota 10	Saba abanyeshuri gukora imyitoto yo mu gitabo cyabo (urupapuro rwa 67) mu makaye yabo hanyuma ubakosore umwe umwe. Ha abanyeshuri umukoro wo mu rugo.	Umunyeshuri ku giti ke, akore imyitoto iri mu gitabo ku rupapuro rwa 67 mu ikaye ye. Abanyeshuri umwumwe bavuge ku kamaro k'isomo ryo gukuba na 2 mu buzima, batanga ibitekerezo binyuranye. – Kumenya umubare nyawo w'ibintu bihurijwe hamwe – Kumenya ko umubare w'ibintu bihurijwe hamwe uba munini	Ingingo nsanganyamasomo Uburinganire n'ubwuzanyane bw'ibitsina byombi(Mukubaza abanyeshuri b'abahungu n'abakobwa).				

	Saba abanyeshuri kuganira ku kamaro k'isomo ryo gukuba na 2 mu buzima buzanzwe.	
Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe uko isomo ryagenze: – Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho – Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho – Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu	

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomorya	Igihe isomorimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 6	12	Imino-ta40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				Abanyeshuri 2 batazi gusoma neza ikinyarwanda.			
Umutwe		IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 50					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.					
Isomo		Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 50.					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe ikibaho, ingwa, amakaye ,amakaramu, ibishushanyo n'ikibarisho, igitabo cy'umunyeshuri ,Umunyeshuri araba shobora gukora neza amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 50.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishushanyo, ikibarisho..., igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, - Integanyanyigisho y'imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza..					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Hifashishijwe amahurizo yanditse ku kibaho, mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa andi mwarimu yahimba afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni, utubarisho, abanyeshuri mu matsinda cyangwa umwumwe bakora amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 50. Abanyeshuri bakora amahurizo bakurikiza inzira zagenwe mu isomo ry'amahurizo Kwerekera (abanyeshuri na mwarimu) : gukora amahurizo bakoresha imfashanyigisho zifatika, ibishushanyo, n'imibare; Kwimenyereza (abanyeshuri mu matsinda): gukora amahurizo bakoresha imfashanyigisho zifatika, ibishushanyo, n'imibare; Imyitozo (abanyeshuri umwumwe): gukora amahurizo bakoresha imfashanyigisho zifatika, ibishushanyo, n'imibare; Gukora amahurizo bikurikiza intambwe 5 zikurikira: - Gusoma no kumva ihurizo - Kugaragaza ibyo batanze mu ihurizo - Kugaragaza ibyo babaza mu ihurizo - Gushaka igisubizo kubyo babaza mu ihurizo - Gusuzuma no kwemeza igisubizo		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangiriro : Iminota 7	Somera abanyeshuri agakuru ka Torero maze ubaze ibibazo bigashamikiyeho. <i>" Torero yateye ibiti 42 mu murima we. Bukeye atera ibindi bita 6."</i>	Muri rusange abanyeshuri baratega amatwi agakuru ka Torero maze basubize ibibazo bikurikira: - Torero yateye ibiti bingahe ku muni wa mbere? - Ku muni wa 2, Torero yateye ibiti bingahe? - Ibita byose Torero yateye ni bingahe?	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>-Ubushishozi mu gutanga ibisubizo biri byo.</i> <i>-gusabana mu rurimi bakoresha batanga ibitekerezo</i>

		Abanyeshuri bicaye babiribabiri barabwirana umubare w'ibiti byatowe na Torero mubihe bitandukanye maze batange igisubizo. Abanyeshuri basigaye baremeza ko ibisubizo bagenzi babo batanze aribyo.	<i>.- ubufatanye mu gukorera hamwe mu matsinda</i> Ingingo nsan-ganyamaso-mo zigaragara <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu gukora amatsinda.</i>
Isomo nyirizina : Iminota 25 Kwerekera	Fasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo rya mbere mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 83 Fasha abanyeshuri gukoresha ibibarisho cyangwa udukoni mu kumvikanisha ibiri mu ihurizo.	Ihurizo rya 1 Abanyeshuri umwumwe , basoma cyangwa basomerwa ihurizo bakagaragaza ibyo bahawe, bakagaragaza ibyo basabwa, bagatangira gushaka igisubizo. Abanyeshuri bifashisha imfashanyigisho zitandukanye (ibibarisho n'ibishushanyo) mu gushaka igisubizo. Ihurizo rya 2 Abanyeshuri mu matsinda ya bane, barasoma/ barasomerwa ihurizo, bagaragaze ibyo bahawe n'ibyo babazwa maze bakore ihurizo rya 2 mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 83 nyuma bakerekana ibyo bakoze.	Ingingo nsan-ganyamaso-mo <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu gukora amatsinda no kubaza abakobwa n'abahungu, uburezi budaheza mu gukoresha imfashanyigisho zifatika n'ibishushanyo, no gusomera amabwiriza abanyeshuri batazi gusoma neza.</i>
Kwimenyereza	Gusaba abanyeshuri mu matsinda gukora irindi hurizo mu makaye yabo, Yobora abanyeshuri mu kubona igisubizo gikwiye.		

IImyitozo	Fasha abanyeshuri batashoboye kumva no gukora amahurizo wifashisha imfashanyigisho zifatika n'ibishushanyo. Fasha abanyeshuri kumva no guhurizahamwe ibisubizo biribyo mu byavuye mu matsinda atandukanye Ha abanyeshuri amahurizo atandukanye abafasha guteranya igiteranyo kitarenga 50	Ihurizo rya 3 nirya 4 Abanyeshuri umwumwe bakora amahurizo 2 mu makaye yabo y'imyitozo nyuma bakosorere hamwe ku kibaho.	
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota8	Saba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko guteranya binyuze mu mahurizo afitanye isano n'ubuzima buzanzwe.	Abanyeshuri baratanga ibitekerezo binyuranye ku guteranya imibare binyuze mu mahurizo. - Gushaka igisubizo ku kibazo cyo mubuzima busanzwe nko kumenya umubare nyawo w'ibintu byose hamwe - Kumenya ko umubare w'ibintu bihuriye hamwe uba munini - Gushaka igiteranyo cy'ibintu wifashisha ibintu bifatika, ibishushanyo cyangwa imibare.	Ingingo nsanzwe ganyamasomo <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu kwakira ibitekerezo ku bakobwa n'abahungu</i>
Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe uko isomo ryagenze: – Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho – Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho – Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 6		Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				Abanyeshuri 2 batabona neza .			
Umutwe		IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 50					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.					
Isomo		Ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, , ibishyimbo, utubuye, udukoni,Umunyeshuri araba ashobora gukuramo neza imibare 2 itarenga 50.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni, igitabo cy'umunyeshuri, ibibarisho, n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 84-85 n'icy'umwarimu urupapuro rwa 154-155 umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Integanyanyigisho y'imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanzanyamasomo
	Hifashishijwe utubazo tunyuranye ,imfashanyigisho zitandukanye, ibishushanyo, ingero zitandukanye n'imyitoto, abanyeshuri bakorera mu matsinda mato cyangwa umwumwe bashyira hamwe umubare w'ibintu bitarenga 50, bagenda bakuramo umubare runaka w'ibibarisho babishyira ku ruhande. Nyuma babara kandi bakandika umubare w' ibyo bakuyemo, n' umubare w'ibisigaye. Abanyeshuri berekana ibyavuye mu matsinda maze umwarimu akabafasha kubihuriza hamwe no kugira ingingo basigarana ishingiyeye ku byigwa.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	

Intangiriro : Iminota 10	Ifashishe utubazo dushingiye ku gakuru cyanga agakino kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. “ Umwarimu yahaye Edina ingwa 30, nyuma asaba Edina guha ho Ella ingwa 10.”	Muri rusange abanyeshuri baratega amatwi agakuru batuje, kugirango bumve kandi basubize utubazo dutandukanye. - Vuga umubare w’ingwa mwarimu yahaye Edina? - Edina yahaye Ella ingwa zingahe? - Edina yasigaranye ingwa zingahe?	Ubushobozi nsanganya-masomo <i>Ubushishozi mu gutanga ibisubizo.</i> <i>Gusabana mu rurimi bakoresha mu gihe batanga ibisubizo.</i> Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>-Uburinganire n’ubwuzuzanye bw’ibitsina byombi mu kubaza abakobwa n’abahungu</i>
Isomo nyirizina : Iminota 50 Kwerekera Kwimenyereza	Shyira abanyeshuri mu matsinda mato maze ubafashe kwegeranya ibibarisho bitarenga 50. Saba abanyeshuri gukuremo bimwe mu bibarisho babishyira ku ruhande. Saba abanyeshuri kubara maze bandike umubare w’ ibyo bafite,	Abanyeshuri mu matsinda mato barashyira hamwe ibibarisho bitarenga 50. Abanyeshuri barakuramo bimwe mu bibarisho babishyira ku ruhande. Urugero: 50-10= 40 (bikorwe hifashishijwe utubarisho) Abanyeshuri barabara maze bandike umubare w’ ibyo babaze, ibyo bakuyemo, n’ umubare w’ibisigaye. Urugero: 37-13= 24 (bikorwe hifashishijwe ibishushanyo n’imibare)	Ubushobozi nsanganya-masomo <i>Ubushishozi bugaragara igihe abanyeshuri basoma</i> <i>Uburezi budaheza: Abanyeshuri 2 batabona neza bahabwa igitabo buriwese, bikabafasha kwitegereza neza neza ibishushanyo bakoresha kandi imfashanyigisho zifatika mu gukora ibibazo</i> <i>Ubufatanye n’imibanire ikwiye n’abandi.</i>

Imyitozo	ibyo bakuyemo, n'umubare w'ibisigaye. Fasha abanyeshuri kumenya uko gukuramo byandikwa, uko bisomwa n'uko bikorwa mu buryo bw'imibare uhereye ku rugero. Shyira abanyeshuri mu matsinda bakore indi myitozo yo gukuramo Ha ubufasha abanyeshuri batari kugera ku bisubizo bikwiye.	Abanyeshuri bitegereza urugero rwatanzwe (mu mibare: 37-13 = 24; uko bisomwa: 37 gukuramo 13 bihwanye na 24). Abanyeshuri baritegereza, basesengure igishushanyo kiri ku rupapuro rwa 84 mugitabo cyabo. Mu matsinda ya bane bane, abanyeshuri bakora imyitozo mu makaye yabo iri mu gitabo cy'umunyeshuri (rupapuro rwa 84-85) nyuma buri tsinda rigasobanura uko bakoze .	-gusabana mu rurimi bakoresha. Ingingo nsanganyamasomo -Uburinganire n'ubwuzuza-nye bw'ibitsina byombi mukubaza abahungu n'abakobwa.
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota20	Tanga indi myitozo yo gukuramo nyuma abanyeshuri bakosorere hamwe ku kibaho Ifashishe ingero, usabe abanyeshuri kuganira ku kamaro k'isomo ryo gukuramo mu buzima buzanzwe.	Abanyeshuri umwumwe bakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 84-85 mu makaye yabo y'imyitozo. Abanyeshuri batanga ibitekerezo binyuranye ku kamaro ko gukuramo mu buzima bwa buri muni.	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu rurimi bakoresha.

		- Kumenya umubare wibyo utanze n'ibyo usigaranye - Kumenya umubare w'ibyangiritse no gufata ingamba (urugero umubare w'amagi mazima n'ayamenetse, umubare w'ibiti byameze n'ibyumye....)	<i>Ingingo nsanganyamasomo</i> <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi habazwa abahungu n'abakobwa.</i> <i>Umuco w'amahoro mugihe bunganirana bavuga icyo isomo rimaze mu buzima.</i>
Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe ku ingingo z'ingenzi zigenga isomo ryagenze: – Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho – Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho – Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**.....

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Um-waka	Umut-we	Iso-mo rya	Igihe iso-mo rimara	Umubare w'abanye-shuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 10	3	Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				Abanyeshuri 2 bafite ubumuga bw'ingingo			
Umutwe		GUPIMA UBUREBURE BUTARENZE m 10					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Gupima,kugereranya uburebure bw'ibintu binyuranye bitarenze m 10 ,gukora imyitozo y'ieranya n'ikuramo.					
Isomo		Gupima uburebure bw'ibintu ukoresheje intambwe, umugozi, uduti,...					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe intambwe z'amaguru, ibirenge, n'intambwe y'ikiganza, umugozi, uduti umunyeshuri araba ashobora gupima no kugereranya uburebure bw' ibintu bitandukanye avuga ibigufi n'ibirebire.					

Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rirabera mu ishuri no hanze.
Imfashanyigisho	Ikibaho, ingwa, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo, umugozi, udukoni dufite uburebure butandukanye
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, - Integanyanyigisho y'Imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangiriro : Iminota 5	Ganiraza abanyeshuri ku ngendo zabo zaburi munsu bakora bava imuhira bajya ku ishuri, ku isoko, ku rusengeri, ku bwihereho bw'ishuri,...	Muri rusange abanyeshuri baganire ku ntera iri hagati y'ahantu n'ahandi, bakoresheje ijamba "ni kure/ harehare" cyangwa "hafi/hagufi", ...	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>Gusabana mu rurimi bakoreshe mu gihe batanga ibitekerezo bitandukanye .</i> Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>Umuko w'amahoro mu gihe abanyeshuri batanga ibitekerezo kandi buri umunyeshuri akubaha ibitekerezo bya mugenzi we.</i>
Isomo nyirizina : Iminota 25	Fata udukoni tubiri, agakoni kamwe mu kiganza k'iburyo akan-di mu kiganza k'ibumoso, usabe abanyeshuri kugereranya utwo dukoni twombi bavuga akagufi n'akarekare. Shyira ibiganza hejuru maze ubaze abanyeshuri kwerekana agakoni karekare n'akagufi. Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubahereze udukoni tuvanzemo utugufi n'utureture.	Abanyeshuri umwumwe bitegereza udukoni twombi berekana ikiganza kirimo agakoni karekare n'ahari kagufi. Abanyeshuri bapima utwo dukoni twombi bifashishije intambwe z'ikiganza bakavugaga agakoni gafite intambwe nyinshi n'inke n'umubare wazo.	Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>Umuko w'amahoro abanyeshuri mu gihe bumvikana ku bipimo babonye.</i> <i>Uburezi budaheza mugihe abafite ubumuga bw'ingingo bahabwa izindi mfashanyigisho ba koreshe bapima nk'uduti kubafite ubumuga bw'amaguru;.....</i>

	Saba abanyeshuri kudutondeka bava ku kagufi baja ku karekare. Saba abanyeshuri kugereranya ibintu bifite uburebure bureshya. Saba abanyeshuri gupima ibintu bitandukanye (ameza, ikibaho, intebe, urugi, ishuri,...). Fasha abanyeshuri batashoboye gupima neza ku bw'impamvu zitandukanye gukoresha uburyo butandukanye bagere ku bipimo bibafasha kumenya ibintu bigufi, n'ibirebire.	Abanyeshuri mu matsinda mato barifashisha utundi duti, bapimishe intambwe z'ikiganza berekane utugufi n'utureture. Abanyeshuri barajya mu matsinda mato, bapime udukoni 2 tureshya bakoresha intambwe z'ikiganza maze bavuge bati "iki ni kirekire kuri..."; "iki ni kigufi kuri...". Abanyeshuri mu matsinda, baraganira berekana agakoni karekare n'akagufi. Mu matsinda, abanyeshuri bapime ibintu bitandukanye, bakoresheje intambwe z'amaguru, intambwe z'ikiganza; cyangwa gutera ibirenge maze baganire ku birebire n'ibigufi. Nyuma, basobanure ibyo babonye.	-Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi <i>hakorwa amatsinda, bapima banasubiza.</i>
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota 10	Tanga ibindi bintu byo gupima (umugozi, uburebure bw'urukuta rw'ishuri) hakoreshejwe intambwe y'amaguru no gutera ibirenge, ubasabe kuvuga umubare w'intambwe bapimye.	Umunyeshuri ku giti ke, akoresheje intambwe y'amaguru, cyangwa ibirenge,	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>gusabana mu rurimi bakoresha bungurana ibitekerezo kandi bagaragaza aho bashobora gupima uburebure bakoresheje intambwe mu buzima bwabo.</i>
	Saba abanyeshuri kuganira ku kamaro k'isomo mu buzima busanzwe.	arapima ibintu binyuranye nk'umugozi, n'uburebure bw'urukuta rw'ishuri agaragaze umubare w'intambwe apimye. Abanyeshuri batange ibitekerezo binyuranye, berekana aho gupima uburebure bakoresha intambwe bihurira n'ubuzima bwabo. <i>Gutera intambwe bakina umupira, biye,....</i>	
Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe ku ngingo z'ingenzi zigenga isomo ryagenze: • Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho • Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho • Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihebwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 8	2	Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				– Abanyeshuri 2 batabona neza . – Abanyeshuri 2 bafata bitinze			
Umutwe		IMIGABANE NA					
Ubushobozi bw'in- genzi bugamijwe		Kwerekana kimwe cya kabiri na kimwe cya kane k'ikizima.					
Isomo		Inshoza y'umugabane $\frac{1}{2}$, .					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe imfashanyigisho zitandukanye (amacunga, icyuma, impapuro, umukasi, urunyanya,...), n'ibishushanyo biriho imigabane $\frac{1}{2}$, umunyeshuri ashobora gutahura neza inshoza y'umugabane .					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Amacunga, icyuma, impapuro, umukasi, urunyanya, inanasi, ipapaye, ibishushanyo biriho umugabane $\frac{1}{2}$, igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, - Integanyanyigisho y'Imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Hifashishijwe imfashanyigisho zifatika (amacunga, icyuma, impapuro, umukasi,urunyanya,inanasi, ipapaye,...) n'ibishushanyo , abanyeshuri umwumwe cyangwa babiribabiri barekana ikizima. Umwarimu ayobora abanyeshuri kumva no gusobanukirwa ko umugabane $\frac{1}{2}$ ari igice kimwe mu bice bibiri bingana byagabanijwe mu kizima.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	

Intangiriro : Iminota 5	Ereka abanyeshuri amacunga 2 ubasabe kuyagabanya abana 2 maze ubabaze umubare w'amacunga buri mwana afata. Nyuma ubahe icunga rimwe ubasabe kurigabanya abana 2 ku buryo bungana maze ubabaze buri mwana icyo yafata.	Abanyeshuri 2 bagabana amacunga 2 bakereka bagenzi babo ko buri wese afite icunga 1 Abanyeshuri 2 bagabana icunga rimwe ku buryo bungana , nyuma bakereka kandi bagasobanurira bagenzi babo ko buri wese afata igice k'icunga	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>Ubushishozi mu kugabana banga-ya no mu gusubiza ibibazo babazwa na mwarimu.</i>
Isomo nyirizina : Iminota 30	Shyira abanyeshuri mu matsinda mato ubasabe kwitegereza imfashanyigisho ubaha bagatoranyamo ibice 2 bingana : Udupaparo dufite ishusho y'uruzinga, turimo ibice bibiri bingana Saba abanyeshuri gufata no kwitegereza ibintu byuzuye bazanye, ubasabe kugabana banganye, kandi urebe niba buri tsinda rya bikoze neza.	Abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, bitegereze imfashanyigisho bafite bagatoranyamo udupapuro turiho ibice bibiri bingana . Buri tsinda ryerekana igice kimwe rivuga riti "kimwe cya kabiri". Abanyeshuri mu bwitonzi bafata urupapuro bakaruhinamo 2 ku buryo bungana , bakarugabanya mo ibice bibiri bingana. Umwe afate igice n'undi igice bereke bagenzi babo. Abanyeshuri bitegereze amashusho ari mu gitabo cyabo urupapuro rwa 97 -98, maze berekane ikizima na kimwe cya kabiri k'ikizima($\frac{1}{2}$).	Ingingo nsanganyamasomo <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mugihe abahungu n'abakobwa bagira uruhare rungana mu isomo</i> Uburezi Budaheza: <i>Abanyeshuri 2 bata-bona neza bafashwa kwicara imbere kandi bagahabwa imfashanyigisho zihariye kuri buri wese. (Udupapuro turi mu mabara kandi twerekana imigabane $\frac{1}{2}$)</i>

	Saba abanyeshuri kureba amashusho ari mu gitabo cyabo no kwerekana ikizima n'umugabane $\frac{1}{2}$. bukwiye.		
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota5	Tanga umukoro wo murugo wo kugabanya icunga, ipapayi, umuneke, inanasi mo ibice bibiri bingana. Saba abanyeshuri kuganira ku kamaro k'imigabane mu buzima buzanzwe.	Abanyeshuri umwumwe, bahitemo ikintu (icunga, ipapayi, umuneke, inanasi) maze bakigabanyemo ibice bibiri bingana. Abanyeshuri baratanga ibitekerezo binyuranye ku kamaro ko kugabanyamo ikintu kimwe mo ibice bibiri bingana. - Bituma abantu babiri bagabanye ikintu nta wuhenda undi. - Bituma umuntu ashobora gufata ikintu kimwe akagikuramo ibindi bibiri bingana	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>Ubushishozi bugaragara igihe abanyeshuri bagabanya ikizima mo ibice bibiri bingana</i>
Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe ku ngingo z'ingenzi zigenga isomo ryagenze: – Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho – Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho – Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: Amazina y'umwarimu:

Igihem-bwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umut-we	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 12	2	Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.				Abanyeshuri 4 bafata batinze			
Umutwe		Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100.					
Ubushobozi bw'in-genzi bugamijwe		Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100.					
Isomo		Ibiranga amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe ibiceri bigize amafaranga y'u Rwanda bitandukanye (F 1,F5,F10,F20,F 50 ,F100) abanyeshuri baraba bashobora gutandukanya neza amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ibiceri by'amafaranga akoreshwa mu Rwanda. (F 1, F 5, F 10, F 20, F50, F 100), igitabo cy'umunyeshuri ni cy'umwarimu umwaka wa mbere w'amasuri abanza.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, - Integanyanyigisho y'Imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganya-masomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
	Hifashishijwe ibiceri bitandukanye by'amafaranga y'u Rwanda (F 1, F 5, F 10, F 20,F50, F 100), abanyeshuri mu matsinda mato bitegereza ibyo bicere kimwekimwe. Abanyeshuri umwumwe bavuga ibyo babona byose (ikirangantego, ibara, umubare uri ku gicere n'ibindi) kandi bakagaragaza umwihariko wa buri gicere n'ibigitandukanya n'ibindi bicere. Umwarimu afasha abanyeshuri kumenya no gusobanukirwa ibiranga buri gicere mu nshamake.		

Intangiriro : Iminota 5	Ganira n’abanyeshuri ku bikorwa bazi bikenera amafaranga.	Muri rusange abanyeshuri batanga ibitekerezo ku bikorwa bazi bikenera amafaranga - Amafaranga agura ibikoresho by’ishuri, - Amafaranga agura imyambaro, - Amafaranga agura ibyo kurya ,	Ubushobozi nsanganya-masomo Gusabana mu rurimi bakoresha batanga ibitekerezo bitandukanye Ingingo nsanganya-masomo zigaragara <i>Uburere mbonzabukungu mu kugaragaza akamaro k’amafaranga</i>
-----------------------------------	---	---	--

Isomo nyirizina : Iminota 25	- Shyira abanyeshuri mu matsinda 6 atandukanye, - Hereza abanyeshuri mu matsinda ibicere bitandukanye by'amafaranga y'u Rwanda ubasabe kubyitegereza bavuge ibyo babona kuri buri giceri. - Hinduranya ibicere kuri buri tsinda kuburyo abana bese babona ibicere byose uko ari 7 - Fasha abanyeshuri kuvuga ibiranga buri giceri no kuvuga agaciro kacyo. Fasha abafite ibibazo bitandukanye mu myigire yabo kumenya ibiranga ibicere by'amafaranga y'u Rwanda n'agaciro kabyo.	- Abanyeshuri mu matsinda mato , bitegereza ibicere bitandukanye bakavugaga ibyo babonaho (ibara rya buri giceri, umubare uri kuri buri giceri n'ibindi byose babona). Itsinda rya 1: igiceri cya F 1 Itsinda rya 2: igiceri cya F 5 Itsinda rya 3: igiceri cya F 10 Itsinda rya 4: igiceri cya F 20 Itsinda rya 5: igiceri cya F50 Itsinda rya 6: igiceri cya F 100 - Abanyeshuri mu matsinda, baganira berekana hagati yabo buri giceri kandi bakemeza ibyo babonye kuri buri giceri bakabibwira abandi. - Abanyeshuri basigaye bifashisha ibishushanyo by'amafaranga n'ibiyaranga biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 124-125 bakemeza niba ibyo bagenzi babo bavugaga aribyo .	Ubushobozi nsanganya-masomo <i>Gusabana mu rurimi bakoresha.</i> Ingingo nsanganya-masomo <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu matsinda abanyeshuri b'abakobwa n'abahungu bagira uruhare rungana mu isomo.</i> <i>Uburezi budaheza:</i> <i>Abanyeshuri bafata bitinze bahabwa imyitozo itandukanye ibafasha kumva neza isomo</i>
--	---	--	---

Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota 10	Tanga ibirango by'amafaranga , kugirango abanyeshuri batahure amafaranga, no gutanga amafaranga abanyeshuri bakavuga ibirango byayo bibafashe gutandukanya ibiceri bikoreshwa mu Rwanda.	Umunyeshuri ku giti ke, mu ikaye y'imyitozo arasubiza ibibazo bikurikira: - Ni ikihe giceri gifite ibara rya feza, ikigori n'ikirangantego? - Vuga ibiranga igiceri cya F 5 ? - Ni ikihe giceri gifite ibara ry'umuringa, igitoki n'ikirangantego? - Vuga ibiranga igiceri cya F 20 ? - Vuga ibiranga igiceri cya F 1 ? - Ni ikihe giceri gifite ibara rya feza n'umuringa, n'ikirangantego?	Ubushobozi nsanganya-masomo <i>Ubushishozi bugaragara igihe abanyeshuri bitegereza kandi bakavuga ibiranga ibiceri by'amafaranga y'u Rwanda.</i> Ingingo nsanganya-masomo <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu gutanga ibitekerezo ku bahungu n'abakobwa.</i>
Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe ku ngingo z'ingenzi zigenga isomo ryagenze: – Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho – Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho – Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu.		

URUGERO RW'IMBATA Y'ISOMO

Ikigo: **Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki :	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomoya	Igihe isomorimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	.../.../20...	Imibare	wa 1	wa 14		Iminota 40	
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				Abanyeshuri 2 batabona neza Abanyeshuri 3 bafata batinze			
Umutwe		Imfuruka igororotse, kare n'urukiramende					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Gutahura imfuruka igororotse,kare n'urukiramende mu yandi mashusho no kubishushanya.					
Isomo		Gushushanya imfuruka igororotse .					
Intego ngenamukoro		Hakoreshejwe : Inguni, metero,agacumurongo,ikinyatuzu gishushanyije ku rupapuro, umunyeshuri araba ashobora gushushanya neza imfuruka igororotse.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rirabera mu ishuri.					
Imfashanyigisho		Ikibaho, ingwa, Inguni, metero, agacumurongo, ikinyatuzu gishushanyije ku rupapuro mu mabara agaragara neza.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Integanyanyigisho y'Imibare icyiciro cya 1 cy'amashuri abanza.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
	Hifashishijwe, imfashanyigisho zitandukanye zifite imfuruka igororotse , ikinyatuzu gishushanyije ku rupapuro abanyeshuri baritegereza, bavuye kandi bagaragaze ibiranga imfuruka igororotse umwumwe cyangwa mu matsinda mato. Abanyeshuri kandi bifashishije inguni, imetero, agacumurongo, ikinyatuzu gishushanyije ku rupapuro barashushanya imfuruka igororotse ku kibaho no mu makayi yabo.		

Intangiriro : Iminota 5	Saba abanyeshuri kwitegereza ibikoresho binyuranye biri mu ishuri berekane imirongo igororotse ihagaze n'itambitse babona	Abanyeshuri umwumwe bitegereza intebe, akabati, ikibaho, ameza ya mwarimu,... bakerekana imirongo igororotse itambitse n'ihagaze babona. Abanyeshuri bitegereza urugi, idirishya, akabati,... berekane aho imirongo itambitse n'imirono ihagaze bihurira kandi bagerageze gutanga izina ryaho.	Ubushobozi nsanganyamasomo <i>Ubushishozi mu kwerekana imirongo igororotse iri ku bikoresho bitandukanye .</i> Ingingo nsanganyamasomo zigaragara <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu kubaza abakobwa n'abahungu</i>
Isomo nyirizina : Iminota 25	Saba abanyeshuri babiribabiri guca imirongo igororotse itambitse n'ihagaze inyuranamo berekana ahari imfuruka.	Abanyeshuri babiribabiri baca imirongo inyuranamo mu makayi yabo: umurongo ugororotse uhagaze, n'undi ugororotse utambitse bifashishije agacumurongo. Abanyeshuri umwumwe baca imirongo inyuranamo ku kibaho : umurongo ugororotse uhagaze, n'undi ugororotse utambitse bifashishije imetero. Abanyeshuri berekana aho imirongo inyuranamo ihurira kandi bakavuga umubare w'imfuruka babona n'ubwoko bwayo.	<i>Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi binyuze mugukorera hamwe mu matsinda .</i> Ingingo nsanganyamasomo <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu matsinda mugihe abanyeshuri b'abakobwa n'abahungu bagira uruhare rungana mu isomo,</i>

Kwerekera	Sobanurira abanyeshuri ko aho imirongo 2 inyuranamo ihurira (umurongo ugororotse uhagaze n'utambitse) ikorana inguni igororotse ariyo bita "imfuruka igororotse". Fasha abanyeshuri gushushanya imfuruka igororotse .		
Kwimenyereza	Saba abanyeshuri kwitegereza uko bashushanya imfuruka igororotse mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 138 nabo bayishushanye.	Abanyeshuri umwumwe bashushanya imfuruka igororotse mu makayi yabo, nyuma ku kibaho bifashishije agacamurongo , imetero cyangwa inguni kandi bakurikiza ibyo babona mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 138	<i>Uburezi Budaheza:</i> <i>Abanyeshuri batabona neza bahabwa igitabo kuri buri mwana kandi bakerekwa ibishushanyo by'imfuruka igororotse kandi biri mu mabara atandukanye.</i> <i>Abanyeshuri bafata bitinze bahabwa ingero zitandukanye zo mu buzima bwa buri muni aho imfuruka igororotse igaragara.</i>
Imyitozo	Saba abanyeshuri gushushanya imfuruka igororotse mu makayi yabo.	Umunyeshuri ku giti ke, akoresheje agacamurongo cyangwa inguni arashushanya imfuruka igororotse.	
Umusozo n'isuzuma by'isomo: Iminota 10	Saba abanyeshuri kwerekana ibikoresho bitandukanye bigaragaraho imfuruka igororotse mu ishuri no gutanga ingero z'ibindi bikoresho bitari mu ishuri.	Abanyeshuri batanga ingero zibikoresho bigaragaraho imfuruka igororotse. <i>Intebe, urugi, idirishya, ikayi, igitabo, ameza, akabati, urukuta rw'inzu....</i>	<i>Gusabana mu rurimi bakoreshe igihe batanga ingero z'aho imfuruka igororotse iboneka mu buzima busanzwe.</i>

Isuzuma rya mwarimu	Gufata umwanzuro hashingiwe ku ngingo z'ingenzi zigenga isomo ryagenze: – Kureba niba intego zavuzwe haruguru zagezweho – Kwisuzuma ukareba ibyatuma isomo ry'ubutaha ritangwa mu buryo bunoze kurushaho – Kwerekana ahagomba gushyirwa ingufu.
----------------------------	--

Umutwe wa 1

IGICE CYA GATATU: IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE BYA BURI MUTWE

UMUTWE WA 1: IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5

1.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyitse kuva kuri 1 kugera kuri 5.

1.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko azi: bimwe mu bikoresho n'amatungo byo mu rugo n'amazina yabyo, abagize umuryango, gutandukanya amabara, amazina y'ibidukikije.

1.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu, uburezi budaheza.

1.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha (period)
1	Insanganyamatsiko	Kuganira n'abanyeshuri kubyo bazi mu buzima busanzwe ugamije kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe	1
2	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 2	Kumva no gutahura inshoza y'imibare kuva kuri 1 na 2	2
3	Imisomere n'imyandikire y'umubare 1	Gusoma no kwandika umubare 1	2
4	Imisomere n'imyandikire y'imibare 1 na 2	Gusoma no kwandika umubare 1 na 2	2

5	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 3	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera kuri 3	1
6	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3	Gusoma no kwandika imibare 1, 2 na 3	2
7	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 4	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera kuri 4	1
8	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4	Gusoma no kwandika imibare 1 kugera kuri 4	2
9	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 5	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera kuri 5	1
10	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5	Gusoma no kwandika imibare 1 kugera kuri 5	2
11	Kugereranya umubare w'ibintu bitarenze 5	Kugereranya amatsinda y'ibintu bitarenze 5.	1
	Kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.		1
12	Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 uhaye ku muto ujya ku munini.	Gutondeka amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugeza kuri 5 uhaye ku bike ujya ku byinshi .	2
13	Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 uhaye ku munini ujya ku muto.	Gutondeka amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugeza kuri 5 uhaye ku byinshi ujya ku bike .	2
14	Ibiteranyo by'imibare itaragenda 5	Gushaka ibiteranyo by'imibare 2 ku buryo igiteranyo kitagenda 5	2
15	Iteranyo ry'imibare igiteranyo kitagenda 5	Guteranya neza imibare y'ibintu igiteranyo kitagenda 5 no gukoresha neza ibimenyetso bikoreshejwe +,=.	2

16	Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 5	Gukora neza amahurizo ku iteranya ry'ibintu igiteranyo kitarenga na 5.	2
17	Ikuramo ry'imibare itarenze 5 ikinyuranyo Kitari 0	Gukuramo neza imibare itarenga umubare 5 ikinyuranyo kitari 0.	2
18	Amahurizo ku ikuramo ry'imibare itarenze 5 ikinyuranyo kitari 0.	Gukora neza amahurizo ku ikuramo ry'imibare y'ibintu bitarenze 5 ikinyuranyo kitari 0.	2
19	Amahurizo ku iteranya n'ikuramo igisubizo kitarenga 5	Gukora neza amahurizo ku iteranya n'ikuramo ry'imibare y'ibintu igisubizo kitari 0 kandi kitarenga 5.	2
20	Isuzuma risoza umutwe wa 1	Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, Kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.	1
	Umubare w'amasaha yose (periods)		35

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Iri somo ritangwa nk'ikiganiro. Umwarimu ahereye ku mashusho ari mugitabo cy'umunyeshuri abaza abanyeshuri utubazo tunganisha kuri ayo mashusho. Urugero: amatungo bafite murugo. Abanyeshuri bavuga byinshi bishobotse: inka, ihene,... Niba umunyeshuri avuze ihene, mwarimu amubaze: ni zingahe? Nyuma mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho y'**insanganyamatsiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 1**: Umunyeshuri w'umukobwa ufashe ikaye 1 n'ikaramu 1 ari kwitegereza inkoko zimwegereye, umuhungu afite ikaramu 2 n'ikaye 1 ari kwitegereza inkoko zimwegereye.

Umwarimu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

- Murabona iki kuri iyi shusho?
- Hari abantu bangahe? Inkoko nini zingahe? Imishwi ingahe, ari umuhungu n'umukobwa ni nde ufite amakaramu menshi, ni nde ufite inkoko nkeya? Amurusha inkoko zingahe? Amurusha amakaramu angahe?

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 2

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akerekana umutwe we, amaso ye, kuzamura ukuboko kwe kumwe, amaboko ye yombi, kwerekana ugutwi kwe kumwe, amatwi ye yombi no gukora ku maguru ye yombi.

Umwarimu akwiye kureba uko afasha abanyeshuri bafite ibyo bakeneye mu myigire yabo, kugirango ufite urugingo rumwe atabazwa kwerekana ingingo ebyiri cyangwa urugingo adafite.

b) Imfashanyigisho:

Inanasi, indabo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, amabiye y'amabara anyuranye n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Igice cya mbere: Kubara ikintu 1

- **Ivumburamatsiko:**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugirango afashe abanyeshuri kumenya neza inshoza y'umubare 1.

Urugero: Umuntu agira imitwe ingahe?

Erekana ikaramu 1, ikayi 1, igitabo 1, n'ibindi

Toranya ibiye 1 ifite ibara ritukura cyangwa irindi bara wihitiyemo.

- **Kwitegereza amashusho**

Gufasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ari ku rupapuro rwa 1 mu gitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babonaho n'umubare wabyo. Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye.

urugero: murabona inanasi zingahe?

murabona inkoko zingahe?

- **Igerageza**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bumvise neza umubare bize.

Urugero: Ni nde watwereka ikaramu 1? Igitabo 1?

Ni nde wanzanira akabuye 1, ikaye 1?

- **Isuzumabushobozi:**

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Mu isuzuma, mwarimu atanga imyitozo ituma buri munyeshuri agaragaza ko yumvise kandi ashoboye gukoresha ibyo yize.

Urugero: Gusaba abanyeshuri kuzana ibintu binyuranye, buri wese kimwekimwe. Gukosora buri munyeshuri ukwe, akirinda kugira umunyeshuri yibagirwa gukosora.

Igice cya kabiri: Kubara ibintu 2

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yongera kwifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga cyangwa akabafasha kuririmba indirimbo isaba kwerekana ibintu bibiri.

Urugero:

Umuntu agira amaso, amaboko, amaguru angahe?

Erekana amakaramu 2, amakaye 2, ibitabo 2...

Toranya amabiye 2 afite ibara ry'icyatsi kibisi cyangwa irindi bara wishakiye.

Kwitegereza amashusho

Gufasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 3 mu gitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babonaho n'umubare wabyo. Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye.

urugero: murabona amacunga angahe?

murabona imodoka zingahe?

- **Igerageza**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bumvise neza umubare bize.

Urugero: Ni nde watwereka amakaramu 2? Ibitabo 2?

Ni nde wanzanira utubuye 2?

- **Isuzumabushobozi**

Mu isuzuma, mwarimu atanga imyitozo ituma buri munyeshuri agaragaza ko yumvise kandi ashoboye gukoresha ibyo yize.

Urugero: Gusaba abanyeshuri kuzana ibintu binyuranye, buri wese 2,

Mwarimu akosora buri munyeshuri ukwe, akirinda kugira uwo yibagirwa gukosora.

Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y'umubare 1

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Gusaba abanyeshuri buri wese akazamura ukuboko 1, akazamura ikaramu imwimwe, kwerekana uduti 2 n'ibindi bintu 2.

Umwari mu akwiye kureba uko afasha abanyeshuri bafite ibyo bakeneye mu myigire yabo, kugirango ufite urugingo rumwe atabazwa kwerekana ingingo ebyiri cyangwa urugingo adafite.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo (reba ku rupapuro rwa 2 mu gitabo cy'umunyeshuri)

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Urugero: Ifashisha udukarita turiho umubare 1 n'igishushanyo 1, ubaze abana umubare w'ibyo babona.

Kwerekera

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 1; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora.

Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 1 wanditse ku kibaho cyangwa ku dukarita dutandukanye nkuko biri ku rupapuro rwa 2 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare yanditse ku kibaho bandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza akaberekera abafashe ukuboko. Abafite ubumuga bw'intoki ntagomba kubahutaza, agomba kureba uburyo bwabo bukwiye akabafasha.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika inshuro nyinshi mu makaye yabo umubare bize

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Asaba abanyeshuri kwandika umubare 1 mu makayi yabo kandi bakabikora inshuro nyinshi.

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ko babyumvise cyangwa babishoboye.

Isomo rya 4: Imisomere n'imyandikire y'imibare 1 na 2

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akandika umubare 1, nyuma akabasaba kwitegereza amashusho y'ibintu 2.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishyimbo, igitabo cy'umunyeshuri, n'ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari ku rupapuro rwa 3 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 2; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 2 ushushanyije ku kibaho nk'uko biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare yanditse ku kibaho bandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza.

Abandikisha imoso n'abafite ubumuga ntagomba kubahutaza, agomba gushaka uburyo bwabafasha.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura inshuro nyinshi mu makaye yabo imibare 1 na 2.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo kwandika 1 na 2 mu makaye yabo. Nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga indi myitozo akurikije ko babikoze neza cyangwa babishoboye. Iyi myitozo ikorerwa mu rugo

Isomo rya 5: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 3

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akerekana urutoki rumwe nyuma intoki 2.

b) Imfashanyigisho:

Indabo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni, amabiye y'amabara anyuranye n'ibindi biboneka aho ishuri rihereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Urugero: asaba abanyeshuri gushyira hamwe amakaramu 2 n'indi 1 ku ruhande, akabasaba kuyashyira hamwe nyuma akabaza umubare w'amakaramu babonye.

- **Kwitegereza amashusho**

Gufasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 4 mu gitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babonaho n'umubare wabyo. Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye urugero : murabona avoka zingahe? Murabona amabinika angahe?

- **Igerageza:**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bumvise neza umubare mushya bize.

Urugero: Ni nde watwereka amakaramu 3? Ibitabo 3?

Ni nde wanzanira utubuye 3? Utubuye 2, akabuye 1.

Asaba abanyeshuri babiribabiri gukora uturundo tw'utubuye 2 cyangwa utubuye 3.

- **Isuzumabushobozi:**

Mwarimu atanga imyitozo ituma buri munyeshuri agaragaza ko yumvise kandi azi gushyira mu bikorwa ibyo yize.

Urugero : gusaba abanyeshuri gukora uturundo tw'ibintu 2 na 3 agakosora buri munyeshuri ukwe.

Isomo rya 6: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akandika imibare 1 na 2 nyuma akabasaba kwerekana no kuvuga umubare w'ibintu 3.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, n'ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiyekwiga. Yibanda ku gusoma amashusho y'ibintu 3.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 3; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 3 ushushanyije ku kibaho cyangwa ku dukarita nk'uko bishushanyije mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare wanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza, abafite ubumuga bw'ingingo, agomba kubafasha mu buryo bwihariye abagera ibikoresho bikwiye.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika umubare 3 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma akabasaba kwandika 1, 2 na 3 inshuro nyinshi.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo yo kwandika 1, 2 na 3 mu makayi y'abanyeshuri. Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma. Iyi myitozo ikorerwa murugo nk'umukoro.

Isomo rya 7: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 4

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Gusaba abanyeshuri buri wese kuvuga, kubara no kwandika imibare 1, 2 na 3.

b) Imfashanyigisho:

Karoti, indabo, ibishyimbo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, utubuye, udukoni, amabiye y'amabara anyuranye n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Abashyira mu matsinda maze akabasaba kubara ibishyimbo 3 n'ikindi kimwe ku ruhande nyuma bagahuriza byose hamwe bakavuga ibyo babonye.

Bashobora kubara amakaramu 3 n'iyindi imwe ku ruhande, nyuma akabasaba guhuriza yose hamwe bavuge ayo babonye.

Gusaba abanyeshuri umwumwe kwerekana ibintu bine: amakaye 4, ibitabo 4, ingwa 4, utubuye 4, n'ibindi. Gusaba abanyeshuri gutoranya utubiye 4 dufite ibara runaka mu tubiye tuvangavanze.

- **Gusoma amashusho**

Gufasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 5 mugitabo cy'umunyeshuri, cyangwa ayo yashushanyije bakavuga ibyo babona kandi bakabibara bahera kuri 1 kugeza kuri 4, nyuma akababaza ibibazo.

Urugero: murabona karoti zingahe ? amafi angahe?

- **Igerageza**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bumvise neza umubare bize. **Urugero:** Ni nde watwereka amakaramu 4? Ibitabo 4 ? Utubuye 4?

- **Isuzumabushobozi:**

Mu isuzuma, mwarimu atanga imyitozo ituma buri munyeshuri agaragaza ko yumvise kandi ashoboye gukora ibyo yize.

Urugero: ashobora gusaba buri munyeshuri kuzana ibintu 4 binyuranye.

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 8: Imisomere n’imyandikire y’imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akandika imibare 1, 2 na 3 nyuma akabasaba kwitegereza amashusho y’ibintu 4.

b) Imfashanyigisho:

Karoti, indabo, ibishyimbo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, utubuye, udukoni, amabiye y’amabara anyuranye n’ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga: Kwitegereza amashusho y’ibintu 4.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 4; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 4 ushushanyije ku kibaho cyangwa ku makarita nk’uko biri mugitabo cy’umunyeshuri (reba urupapuro rwa 5).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare 4 wanditswe ku kibaho bandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batabishoboye n’abandi bafite ibyo bakeneye byihariye mu myigire yabo kwandika neza mu buryo bunoze.

- **Imyitozo:**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika umubare 4 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma bakandika imibare yose 1, 2, 3 na 4.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga umukoro wo kwandika imibare 1, 2, 3, na 4 ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije urwego abanyeshuri bagezeho.

Mu gushyira mu bikorwa ibyizwe mwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ahantu bajya babona handitse imibare bize: ku mafaranga, mu bitabo, kuri mudasobwa, imashini zifashishwa mu kubara, televiziyo, telekomande, telephone n’ahandi.

Isomo rya 9: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 5

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akabara ibintu 1, 2, 3 na 4.

b) Imfashanyigisho:

Amacupa, indabo, ibishyimbo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, utubuye, udukoni, amabiye y'amabara anyuranye n'ibindi biboneka aho ishuri rihereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Abashyira mu matsinda maze akabasaba kubara ibishyimbo 4 n'ikindi kimwe ku ruhande nyuma akabasaba guhuriza byose hamwe bakavuga ibyo babonye.

Kubara amakaramu 4 n'iyindi imwe ku ruhande, nyuma baturize yose hamwe bavuye ayo babonye.

Mwarimu asaba abanyeshuri umwumwe kwerekana ibintu bitanu: amakaye 5, ibitabo 5, ingwa 5, utubuye 5, n'ibindi. Gusaba abanyeshuri gutoranya utuntu 5 dufite ibara runaka mu tuntu tuvangavanze.

- **Kwitegereza amashusho**

Gufasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 6 mu gitabo cy'umunyeshuri, cyangwa ayo yashushanyije bakavuga ibyo babona kandi bakabibara bahera kuri 1 kugera kuri 5, nyuma akababaza ibibazo.

Urugero: murabona amacupa angahe ? amagare angahe?

- **Igerageza**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku ibara ry'ibintu bitarenze 5 kugira ngo arebe niba bumvise neza umubare bize.

Urugero: Ni nde wabara akatwereka amakaramu 5? Ibitabo 5 ?

Utubuye 5 ?

- **Isuzumabushobozi**

Mu isuzuma, mwarimu atanga imyitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo ituma buri munyeshuri agaragaza ko azi neza kubara ibintu bitarenze 5.

Isomo rya 10: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubaza abanyeshuri buri wese akandika imibare 1, 2, 3 na 4.

b) Imfashanyigisho:

Amacupa, indabo, ibishyimbo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, utubuye, udukoni, amabiye y'amabara anyuranye n'ibindi biboneka aho ishuri rihereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Bashobora kwitegereza amashusho y'ibintu 5 bakavuga uwo mubare.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 5; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 5 ushushanyije nkuko biri mu gitabo cy'umunyeshuri (reba urupapuro rwa 6).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare yanditse ku kibaho bandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batabishoboye n'abandi bafite ubumuga kwandika neza mu buryo bunoze.

Imyitozo:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika umubare 5 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma bakandika imibare yose 1, 2, 3, 4 na 5.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga umukoro wo kwandika imibare 1, 2, 3, 4 na 5 ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije urwego abanyeshuri bagezeho.

Mugushyira mu bikorwa ibyizwe, mwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ahantu bajya babona handitse imibare bize: ku mafaranga, mu bitabo, kuri mudasobwa, ku mashini zifashishwa mu kubara, televiziyo, telekomande n'ahandi. Ashobora kandi kuzana igiceri cy'amafaranga 5 n'ikifaranga 1 bakitegereza ahanditse umubare.

Isomo rya 11: Kugereranya umubare w'ibintu bitarenze 5

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Mwarimu abaza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5

Urugero:

Andika umubare 1, 2,3,4 na 5.

Erekana amakaramu 2, ibitabo 4, amakayi 5, ingwa 1, ...

Umwari mu agomba abanyeshuri bafite ibyo bakeneye byihariye mu myigire yabo cyanecyane yibanda kubafasha kwandika imibare.

Abasabe gukora imyitozo iri ku rupapuro rwa 7 mugitabo cy'umunyeshuri.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga ashobora kubasaba kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi.

Urugero: udukarito 2 turimo bombo hamwe harimo 3 ahandi harimo 5, abanyeshuri bakavuga berekana agakarito karimo bombo nyinshi cyangwa agakarito karimo bombo nkeya.

- **Kwerekera**

- Mwarimu ashyira abanyeshuri mumatsinda bakitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 9
- Nyuma, mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo tubiritubiri turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye hamwe harimo byinshi ahandi harimo bike bakurikije amashusho bitegereje.

Urugero : Gukora uturundo 2 turimo amakaramu; hamwe harimo amakaramu 3 ahandi harimo amakaramu 4; uturundo 2 turimo amakayi hamwe harimo amakayi 2 ahandi harimo ikayi 1.....

- Mwarimu aha umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kubwira bagenzi babo ibyo bakoze.
- Buri tsinda rigomba kwerekana akarundo karimo ibintu bike n'akarimo ibintu byinshi.

- Mwarimu agenzura niba abanyeshuri bakora neza mu matsinda barimo ibyo yabahaye akabagira inama.

- **Igerageza**

- Mwarimu ashushanya ibintu binyuranye bibarika biri mu turundo tubiritubiri bifite umubare unyuranye bimwe ari bike ibindi ari byinshi, agasaba buri tsinda kwerekana bavuga akarundo karimo byinshi n’akarimo ibike. Bashobora kwandika umubare wabyo maze ahari byinshi bakazengurutse akaziga cyangwa bagacishaho umurongo.

- **Imyitozo**

- Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yateguye ku mpapuro ku kugereranya ibintu binyuranye bavuga ibike n’ibyinshi
- Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.
- Mwarimu ashimira abanyeshuri buri gihe ku bisubizo bamuhaye.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi myitozo yo kugereranya imibare y’ibintu kugeza kuri 5; abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk’umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bumvise neza ibyo bize.

Ikitonderwa: Mwarimu akurikije ubushobozi bw’abanyeshuri ashobora kubereka ibimenyetso bikoreshwa mu kugereranya imibare aribyo biruta ($>$), bihwaye ($=$), birutwa ($<$) urupapuro rwa 10 na 11 mu gitabo cy’umunyeshuri. Yakwifashisha isomo rya 12, umutwe wa 2.

Isomo rya 12: Gutondeka imibare w’ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5 uhaye ku bike ujya ku byinshi

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 1 kugera kuri 5 no kugereranya umubare w’ibintu bitarenga 5 berekana ibike n’ibyinshi.

Saba abanyeshuri bakore umwitozo uri ku rupapuro rwa 8 mugitabo cyabo.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, igitabo cy’umunyeshuri, ibishushanyo (reba ku rupapuro rwa 9 mu gitabo cy’umunyeshuri).

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda , bakavuga ibike n’ibyinshi.

Gutondeka ibintu binyuranye biri mu turundo bahereye ku bike bajya ku byinshi.
Urugero : Uturundo turimo amakaramu 2, 4, 1, 3.

Uturundo turimo ibiyiko 2, 5, 3, 4, 1.

Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka uturundo twa buri bwoko bw’ibintu bahereye ku ngano cyangwa indeshyo zabyo.

- **Kwerekera n’igerageza**

Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.

- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa.
- Mwarimu aha abanyeshuri uturundo turimo ibintu bisa bifite umubare unyuranye ariko bitarenga 5.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo yakoze bahereye ku karimo ibintu bike bagaherutsa akarimo byinshi.

Urugero: Kora uturundo 4 turimo udushyimbo 2, 1, 3, 4, tondeka utwo turundo uhereye ku karimo udushyimbo duke.

Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry’abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze.

Buri tsinda rigomba gusobanura neza berekana uko batondetse uturundo tw’ibintu.

Mwarimu agenzura niba abanyeshuri bakora neza mu matsinda barimo ibyo yabahaye akabagira inama.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka ibintu binyuranye kuva kuri 1 kugeza kuri 5 kandi bagasobanura neza uko babikora.

N.B .Umunyeshuri akora imyitozo ku giti ke cyangwa mu matsinda.

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitoto, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamiye kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bumvise neza ibyo bize.

Isomo rya 13: Gutondeka umubare w'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5 uhereye ku byinshi ujya ku bike

a) Ubushobozi bw'ibanze

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 no kutondeka umubare w'ibintu bitarenga 5 bahereye ku bike bajya ku byinshi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi,

Gutondeka ibintu binyuranye biri mu turundo ahereye ku byinshi,

Urugero: Uturundo turimo ibitabo 5, 4, 2, 3,

Uturundo turimo ikaramu z'igiti 4, 1, 3, 5, 2

- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka uturundo twa buri bwoko bw'ibintu bahereye ku ngano yabyo.

- **Ukwerekera n'igerageza**

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo tutarenga 5 turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo yakoze ahereye ku turimo ibintu byinshi ajya ku bike.

Urugero: Kora uturundo 5 turimo udushyimbo 2, 5, 3, 4, tondeka utwo turundo uhareye ku karimo udushyimbo twinshi.

- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry’abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze
- Buri tsinda rigomba gusobanura neza berekana uko batondetse uturundo tw’ibintu.
- Mwarimu agenzura niba abanyeshuri bakora neza mu matsinda barimo ibyo yabahaye akabagira inama.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka ibintu binyuranye kuva kuri 1 kugeza kuri 5 bahereye ku byinshi kandi basobanura neza uko babikora

N.B .Umunyeshuri ayikora ku giti ke cyangwa bari mu matsinda.

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk’umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bumvise neza ibyo bize.

Isomo rya 14: Ibiteranyo by’imibare itarenga 5

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 no kugereranya umubare w’ibintu bitarenga 5.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, inyanya, udushyimbo, igitabo cy’umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 14) n’ibindi mwarimu ashobora gutegura.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Gufata ibintu 5 akabasaba kubigabanyamo uturundo 2; bavuge umubare w’ ibintu bigize buri karundo. Bareke bakore uturundo tubiri twose dushoboka.

- **Kwerekera n'igerageza**

Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda. Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza aenga buri gikorwa.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gufata ibintu bitarenga 5 bisa bakabikoramo uturundo 2 kuburyo bandika umubare w'ibintu bigize buri karundo.
- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze.
- Mwarimu agenzura niba abanyeshuri bakora neza mu matsinda barimo ibyo yabahaye akabagira inama.

Nyuma yo kwerekana ibyakozwe, mwarimu afasha abanyeshuri kubonako ibintu bitarenga 5 bishobora gukorwamo amatsinda 2. Urugero: iry'ibintu 5 ryakorwamo amatsinda 2 rimwe ririmo 3 irindi 2 cyangwa se rimwe ririmo ibintu 4 irindi rigizwe n'ikintu 1

Ibi bivuze ko imibare bateranya ikabyara 5 ari 3 na 2 cyangwa se 4 na 1.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo ku mibare itarenga 5 bagasabwa gukoresha uturundo kugirango berekane imibare bateranya igatanga umubare uba watanzwe.

- **Isuzumabushobozi:**

- Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bumvise neza ibyo bize

Isomo rya 15: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 5

a. Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitozo yo gushaka ibiteranyo by'imibare itarenga 5 no kubyandika.

b. Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibibarisho.

c. Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga, abafasha guhuriza hamwe ibintu byari mu turundo 2 bakabibarira hamwe bakandika umubare babonye.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa :

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo tw'ibintu bakurikije uko ibishushanyo bimeze (urupapuro rwa 14 mu gitabo cy'umunyeshuri). Ashobora gusaba umunyeshuri umwe gufata ibintu 2 mu karundo kamwe, undi agafata 3 mu kandi karundo. Nyuma akabasaba guhuriza hamwe maze bakabara ibyo babonye.

Urugero shusho:

Mwarimu yerekana uko babyandika ku kibaho.

Urugero: $3 + 2 = 5$.

Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga mu ijwi riranguruye: gatatu guteranya na kabiri bihwanye na gatanu.

Nyuma bitegereze amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 14).

- **Igerageza**

Mwarimu arabisoma, abanyeshuri bakabisubiramo umwumwe inshuro nyinshi ariko mu makaye yabo bandikamo imibare gusa. Urugero: $3 + 1 = 4$ bisomwa : gatatu guteranya na rimwe bihwanye na kane.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo (urupapuro rwa 14, 15 na 16) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe.

Mu myitozo mwarimu azanamo n'indi yo kuzuza umubare ubura akoresheje uturundo tw'ibintu n'amashusho:

- **Isuzumabushobozi**

Umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo: nyuma yo gukora imyitozo mu makaye mwarimu ashobora gutanga indi ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa iyo asanze bafite ibibazo.

Isomo rya 16: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 5

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitozo yo guteranya imibare ibiri igiteranyo kitarenze 5. Umwarimu akwiye kureba uko afasha abanyeshuri bataramenya guteranya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, amakibe, udukoni, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo mu gitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 16 na 17) cyangwa ibyateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Akoresheje imfashanyigisho, mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora gusoma agahurizo kagufi maze abanyeshuri bagasubiza mu mutwe. Urugero: Niba Kiza afite amakaramu 2, umurezi we akamuha ikaramu 1. Kiza ubu yaba agize amakaramu angahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa : Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo mu gitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 16) bakoresheje ibikoresho bifatika cyangwa ibishushanyo cyangwa uturongo ku kibaho. Abanyeshuri babiri cyangwa batatu bakora amahurizo, bagakora bavuga ibyo bakora abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ari byo.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kuja mu matsinda gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, akazenguruka areba uko bakora. Iyo barangije buri tsinda risobanura uko ryakoze.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora amahurizo yo mu gitabo cyabo (urupapuro 17) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe.

- **Isuzumabushobozi**

Umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 17: Ikuramo ry'imibare itarenze 5 ikinyuranyo kitari 0

a. Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitoto yo guteranya imibare ibiri igiteranyo kitarenze 5. Umwarimu akwiye kureba uko afasha abanyeshuri batararamenya guteranya.

b. Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri (rupapuro rwa 17 na 18), ibibarisho

c. Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Urugero: Mwarimu ashobora gusaba itsinda ry'abanyeshuri batarenze batanu kuza imbere bakababara. Asabe bamwe muri bo basubire mu byicaro byabo maze abanyeshuri bavuge umubare w'abagiye kwicara n'uwabasigaye imbere. Subiramo ako kitozo ukoresheje amatsinda anyuranye y'abanyeshuri.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa :

- Hereza abanyeshuri bari mu matsinda ibibarisho bitarenze bitanu. Basabe bakureho bimwe mu bibarisho babishyire ku ruhande. Babaze babare ibyo bakuyemo maze bavuge umubare w'ibisigaye.

Bafashe bamenye uko babyandika kandi bamenye kubisoma:

Urugero: $3-2 = 1$. Bwira abanyeshuri ko ikimenyetso (-) gihagarariye gukuramo. Reka abanyeshuri bavuge: gatatu gukuramo kabiri bihwaye na rimwe.

Urugero shusho:


Abanyeshuri babiri cyangwa batatu basubiza ibibazo by'ikuramo bakoresha amashusho nk'uko biri ku rupapuro rwa 17 na 18 mu gitabo cy'umunyeshuri. Abanyeshuri berekwa ko gucisha mo akarongo bivuga gukuramo.

Abanyeshuri basoma interuro yose abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ibyo bakora bitaba byo abandi bakabakosora.

- **Imyitoto**

Mwarimu ashira abanyeshuri mu matsinda cyangwa bagakora buri wese ku giti ke imyitoto yo mu gitabo cyabo (rupapuro 18) mu makaye yabo hanyuma akabasaba kwerekana ibyo bakoze akabakosora.

Mu myitozo mwarimu azanamo n'indi yo kuzuza umubare ubura akoresheje uturundo tw'ibintu n'amashusho:



- **Isuzumabushobozi**

Umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukora imyitozo mu makaye mwarimu ashobora gutanga indi ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa. .

Isomo rya 18: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare itarenga 5 ikinyuranyo kitari 0

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitozo yo gukuramo imibare ibiri ikinyuranyo kitari 0 ufashe abanyeshuri bagihuzagurika mu ikuramo.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, amakibe, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo (reba ku rupapuro 18 na 19 mu gitabo cy'umunyeshuri)


c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyanga udukino tunyuranye. Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi abanyeshuri bakagerageza gusubiza. Urugero: Kiza yahawe na mama we avoka 3, Kiza ahaho mushiki we Mariya avoka 2. Kiza yasigaranye avoka zingahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo riri ku rupapuro rwa 18 mu gitabo cy’umunyeshuri. Ashobora kwifashisha ibibarisho, udukibe cyangwa udukoni. Urugero: Kamana yari afite ibirayi 5 maze aha murumuna we Manase ibirayi 3. Kamana yasigaranye ibirayi bingahe?



Gushyira ku ruhande

Gucishamo agakoni

Urugero shusho:

Abanyeshuri babiri cyangwa batatu bakora amahurizo akurikiyeho ku kibaho, basobanura ibyo bakora abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ibyo bakora ari byo bitaba byo abandi bakabakosora.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda utundi duhurizo mu makaye yabo, barangiza akabasaba gusobanura uko bakoze.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo mu gitabo cyabo (rupapuro rwa 19) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe.

- **Isuzumabushobozi**

Umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukora imyitozo mu makaye mwarimu ashobora gutanga indi ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa iyo asanze bafite ibibazo.

Isomo 19: Amahurizo ku iteranya n'ikuramo ry'imibare igisubizo kitarenga umubare 5

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitoto yo gukuramo no guteranya imibare ibiri itarenze 5 hagamijwe gufasha abanyeshuri bataramenya guteranya cyangwa gukuramo.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, amakibe, udukoni, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo (reba ku rupapuro rwa 19 na 20).

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye agatanga agahurizo kagufi abanyeshuri bakagerageza gusubiza. Urugero: Kiza yari afite amagi 3, rimwe rirameneka, mushiki we Mariya amuha amagi 2. Kiza afite amagi angahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa : Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora uduhurizo turi ku rupapuro rwa 20 mu gitabo cy'umunyeshuri .

Abafasha kumenya gukoresha ibibarisho cyangwa udukoni.

Ikitonderwa: ntabwo byemewe kwandika: $3-1+2=4$. Ahubwo andika: $3-1=2$ na $2+2=4$.

- Abanyeshuri babiri cyangwa batatu bakora andi mahurizo ari mu gitabo cy'umunyeshuri n'andi mwarimu yateguye ku kibaho, bavuga ibyo bakora abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ibyo bakora ari byo bitaba byo abandi bakabakosora.

- **Imyitoto**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda andi mahurizo hanyuma akabakosora umwumwe.

Ikitonderwa: Abanyeshuri babanza gukoresha amashusho ariko gahoro gahoro bagenda bamenyerezwa kubikora mu mutwe.

- **Isuzumabushobozi**

Umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukora imyitoto mu makaye mwarimu ashobora gutanga indi ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa iyo asanze bafite ibibazo.

Isomo rya 20: Isuzuma risoza umutwe wa 1

a) Ubushobozi bw'ibanze: Abanyeshuri bakwiye kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 hagamijwe gufasha abanyeshuri bafite ibibazo bitandukanye bifitanye isano n'ibyigwa byo mu mutwe wa 1.

Mwarimu aganiriza abanyeshuri inkuru z'ubuzima busanzwe zirimo kubara, kwandika, guteranya no gukuramo imibare itarenga umubare 5.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu makaye yabo ibibazo yateguye hanyuma akabakosora umwumwe.

Subiza

$$3 + 2 = \dots$$

$$5 - 3 = \dots$$

$$1 + 4 = \dots$$

$$4 - \dots = 3$$

$$2 + \dots = 4$$

$$\dots + 3 = 5$$

$$\dots - 2 = 1$$

2. Musana yaguze amakaye 4, noneho aha Mariya amakaye 2. Musana afite amakaye angahe?

3. Minani yari afite ihene 2, imwe ibyara abanyeshuri babiri. Minani agize ihene zingahe?

4. Fiyona yari afite ibiti 3 mu busitani. Atera ibindi biti 2, bukeye ihene zonona igiti 1. Vuga umubare w'ibiti bizima biri mu busitani bwa Fiyona.

5. Ganiriza abanyeshuri akamaro ko kumenya kubara, guteranya no gukora amahurizo

Icyitonderwa: Nyuma yo gukosora iri suzuma, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri badafite ubushobozi bwifuzwa agatanga indi myitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi.

Umutwe wa 2

UMUTWE WA 2: IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KU 9

1.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyitse kuva kuri 1 kugera ku 9.

1.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko azi: amazina y'ibidukikije, kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyitse kuva kuri 1 kugera kuri 5.

1.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu, uburezi budaheza.

1.4. Urutonde rw'amasomo

No	Ibyigwa	Intego	Umubare w'amasomo
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza no kubara ibigize ibidukikije ugamije kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 6	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera kuri 6	1
3	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6	Kubara no gusoma imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6 adategwa	2
4	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 7	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera kuri 7	1
5	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7	Kubara no gusoma adategwa imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7	2

6	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 8	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera kuri 8	1
7	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 8	Kubara neza ibintu no gusoma imibare kuva kuri 1 kugera kuri 8 adategwa	2
8	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera ku 9	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 1 kugera ku 9	1
9	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	Kubara ibintu no gusoma imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 adategwa	2
10	Igereranya ry'umubare w'ibintu bitarenze 9	Kugereranya amatsinda y'ibintu bitarenze 9	3
11	Igereranya ry'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 hakoreshejwe ibimenyetso bya biruta(>), birutwa(<), na bingana (=)	Kugereranya imibare itarenze 9 bandika kandi bakoreshe ibimenyetso bya biruta(>), birutwa(<), na bingana (=)	3
12	Itondeka ry'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 uhereye ku muto ujya ku munini.	Gutondeka neza umubare w'ibintu kuva kuri 1 kugez ku 9 uva ku muto ujya ku munini	2
13	Itondeka ry'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 uhereye ku munini ujya ku muto.	Gutondeka neza umubare w'ibintu kuva kuri 1 kugez ku 9 uva ku munini ujya ku muto.	2
14	Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga umubare 9.	Gusobanukirwa neza ibimenyetso bikoreshwa mu iteranya (+,=) no Guteranya neza imibare y'ibintu igiteranyo kitarenga 9.	2
15	Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga umubare 9.	Gukora neza amahurizo ku iteranya ry'imibare y'ibintu igiteranyo kitarenga 9.	2

16	Ikuramo ry'imibare itarenga 9 ikinyuranyo kitari 0.	Gukora neza imibare y'ikuramo ry'imibare itarenga 9 ikinyuranyo kitari 0.	3
17	Amahurizo ku ikuramo ry'ibintu bitarenga 9 ikinyuranyo kitari ubusa (0).	Gukora neza amahurizo ku ikuramo ry'ibintu bitarenga 9 ikinyuranyo kitari ubusa.	3
18	Isuzuma risoza umutwe wa 2	Gukora neza isuzumabushobozi ku kubara, gusoma, kwandika, Kugereranya, gutondeka, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.	1
	Amasomo y'umutwe		34

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Iri somo ritangwa nk'ikiganiro. Umwarimu ahereye ku mashusho ari ku rupapuro rwa 21 mu gitabo cy'umunyeshuri abaza abanyeshuri utubazo tunganisha kuri ayo mashusho. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho: ibiti 4, ihene 3, inzu 3 (imwe ifite inzugi 2, indi urugi 1, iya gatatu ifite inzugi 4), indabo 4 hamwe n' ahandi 5, abakobwa 4 n'abahungu 3, bitegereza umukobwa uri ku igare.

Umwarimu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri. Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

- Murabona iki kuri iyi shusho?
- Hari abantu bangahe? Inzu zingahe? ari abahungu n'abakobwa abenshi ni bangahe, indabo zose hamwe ni zingahe? Ihene ziri kugira gute? Ziramutse ziriye indabo 3 hasigara indabo zingahe? Ni iki cyakorwa kugirango ihene zitarya indabo?

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 6

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese akabara ibintu bifatika bitarenga 5.

b) Imfashanyigisho:

Indabo, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Asaba abanyeshuri gushyira hamwe amakayi 5 n'indi 1 ku ruhande maze akabasaba kuyashyira hamwe, akabaza umubare w'amakayi babonye yose hamwe. Asaba abanyeshuri kwerekana ikintu 1, nyuma ibintu 2, ibintu 3 kugeza ku bintu 6. Urugero: ururabo 1, indabo 2, 3, 4, 5, 6.

- **Urugero mbonwa**

Gufasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 21 mu gitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babonaho n'umubare wabyo (mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye).

Urugero : Murabona inka zingahe? murabona indabo zingahe? Murabona imipira yo gukina ingahe? inkoko zingahe?

- **Igerageza:**

Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda: kubara ibintu biri mu gitabo cyangwa amashusho yateguye. Mwarimu asaba buri tsinda kwerekana no gusobanura ibyo bakoze.

Nyuma mu guhuriza hamwe, ababaza ibibazo.

Urugero: Ni nde watwereka ibitabo 4? ibitabo 5? ibitabo 6? ibishyimbo 2? ibishyimbo 3? ibishyimbo 4? ibishyimbo 6?

Imyitozo:

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Urugero: Kora uturundo tw'ibintu bifatika kuva kuri 1 kugera kuri 6:

Inyanya 2, imyembe 4, imineke 5, utubuye 6.

Isomo rya 3: Imisomere n’imyandikire y’imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese kubara ibintu bitarenga 6 nyuma bakandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, amakibe, igitabo cy’umunyeshuri, ibishushanyo (urupapuro rwa 22)

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Yibanda cyanecyane kubara no kuvuga umubare w’ibintu bitarenga 6.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 6; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 6 ushushanyije (reba urupapuro rwa 22).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare 6 wanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza, abandikisha imoso n’abafite ubumuga bw’ingingo, agomba kubafasha mu buryo bwabo.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura umubare 6 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma akabasaba kwandika 1, 2 ,4, 5 na 6 inshuro nyinshi.

- **Isuzumabushobozi**

Gutanga imyitozo igize umukoro ku kwandika imwe mu mibare 1, 2 ,3,4,5 na 6 ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Urugero :

1) Igana uyu mubare

6 6 6 6

.....

2) Igana iyi mibare

1 3 5 6 2 3 4 6 4 2 2 4 6 3 5 1 4 6 4 5 6 3 6 1 6

.....

Isomo rya 4: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 7

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese akabara ibintu bifatika bitarenga 6

b) Imfashanyigisho:

Inkoko, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni, udukibe n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Asaba abanyeshuri gushyira hamwe utubuye 6 n'akandi 1 ku ruhande maze akabasaba kudushyira hamwe maze akabaza abanyeshuri umubare w'utubuye babonye twose hamwe. Asaba abanyeshuri kwerekana ikintu 1, nyuma ibintu 2, ibintu 3 kugeza ku bintu 7.

Urugero: igishyimbo 1, ibishyimbo 2 ; 3; 4; 5; 6 ; ibishyimbo 7.

- **Gusoma amashusho**

Gufasha abanyeshuri bari mu matsinda kwigereza amashusho ku rupapuro rwa 23mu gitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babona n'umubare wabyo (mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye).

Urugero : Murabona imodoka zingahe? murabona amacunga/amaronji angahe ? Murabona uducupa tungahe?

- **Igerageza:**

Mwarimu asaba kurunda ibintu mu turundo dutandukaye abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa.

Mwarimu asaba buri tsinda kwerekana no gusobanurira bagenzi babo ibyo bakoze.

Imyitozo

Nyuma yo gukosora, mwarimu agomba gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura no gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Urugero: Kora uturundo tw'ibintu bifatika kuva kuri 1 kugera kuri 7: Amakaramu 3, inyanya 5, imineke 6; amagare 7.

Isuzumabushobozi:

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 5: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese kubara ibintu bitarenga 7 nyuma bakandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, udushyimbo, avoka, amakibe, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo (urupapuro rwa 23)

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiyekwiga. Yibanda cyane cyane ku gusoma amashusho y'ibintu 7.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 7; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bose bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 7 ushushanyije (reba urupapuro rwa 23).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare 7 wanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza, abandikisha imoso n'abafite ubumuga bw'ingingo agomba kubafasha mu buryo bwabo.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura umubare 7 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma akabasaba kwandika 1, 2, 4, 5, 6 na 7 inshuro nyinshi.

Urugero :

1) Igana uyu mubare

7 7 7 7
.....

2) Igana iyi mibare

7 3 5 6 2 7 4 6 4 7 2 4 6 3 5 1 7 6 4 5 7 3 6 1 7
.....

- **Isuzumabushobozi**

Gutanga imyitozo igize umukoro ku kwandika 1, 2, 3, 4, 5, 6 na 7 ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 6: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 8

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese akabara ibintu bifatika bitarenga 7.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni, biboneka aho ishuri riherereye, amashusho (urupapuro rwa 24 mu gitabo cy'abanyeshuri)

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Asaba abanyeshuri gushyira hamwe ibishyimbo 7 n'ikindi 1 ku ruhande maze akabasaba kubishyira hamwe; akabaza umubare w'ibishyimbo babonye byose hamwe. Nyuma asaba abanyeshuri kwerekana ikintu 1, nyuma ibintu 2, ibintu 3 kugeza ku bintu 8. Urugero: ikaramu 1, amakaramu 2; 3; 4; 5; 6; 7; amakaramu 8.

- **Kwerekera:**

Gufasha abanyeshuri bari mu matsinda kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 24 mugitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babona n'umubare wabyo: avoka, ibinika.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda gukora uturundo tw'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 8. Asaba buri tsinda kwerekana no gusobanurira abandi ibyo ryakoze.

Imyitozo:

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bashoboye gukoresha neza umubare mushya bize. **Urugero:** Ni nde watwereka amakayi 8; amakayi 5; imineke 6, ibishyimbo 8?

Isuzumabushobozi:

Mwarimu agomba kongera gutanga imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bazi gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 7: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 8

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese agasoma amashusho y'ibintu bitarenga 8 no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, udushyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 24), ibishushanyo bitegurwa na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Yibanda cyane cyane ku gusoma amashusho y'ibintu 8.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 8; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 8 ushushanyije (reba urupapuro rwa 24).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare 8 wanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza, abandikisha imoso n’abafite ubumuga bw’ingingo akabafasha mu buryo bwabo.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura umubare 8 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma akabasaba kwandika 1, 2 ,4, 5 ,6 ,7,8 inshuro nyinshi.

Urugero :

1) Igana uyu mubare

8 8 8 8
.....

2) Igana iyi mibare

8 3 5 6 2 7 4 8 6 7 2 8 6 3 5 1 7 6 4 8 7 8 6 1 8
.....

- **Isuzumabushobozi**

Gutanga imyitozo igize umukoro ku kwandika 1, 2 ,3,4,5 ,6 ,7 na 8 ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 8: Ibara ry’ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera ku 9

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Gusaba abanyeshuri buri wese akabara ibintu 8 bifatika.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni, n’ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Asaba abanyeshuri gushyira hamwe udukoni 8 n’akandi 1 ku ruhande maze akabasaba kudushyira hamwe; akabaza abanyeshuri kuvuga umubare w’udukoni babonye twose hamwe.

Asaba abanyeshuri kwerekana ikintu 1, nyuma ibintu 2, ibintu 3 kugeza ku bintu 9. urugero: ikaramu 1, amakaramu 2; 3; 4; 5; 6; 7; 8; 9.

- **Kwerekana**

Gufasha abanyeshuri bari mu matsinda kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 25 mugitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babona n'umubare wabyo: karoti n'amafi.

Imyitozo:

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bashoboye gukoresha neza umubare mushya bize. **Urugero:** Ni nde watwereka amakaramu 9; ibitabo 5; imineke 7.

- Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 9: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri bakavuga umubare w'ibintu bitarenga 9 no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 8.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, udushyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 25), ibishushanyo byateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiyekwiga. Yibanda cyanecyane ku gusoma amashusho y'ibintu 9.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 9; yandika buhoro buhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bese bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 9 ushushanyije (reba urupapuro rwa 25).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare 9 wanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza, abandikisha imoso n’abafite ubumuga bw’ingingo akabafasha mu buryo bwihariye.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura umubare 9 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma akabasaba kwandika 1, 2, 4, 5, 6, 7, 8 na 9 inshuro nyinshi.

Urugero :

1) Igana uyu mubare

9 9 9 9

.....

2) Soma kandi wigane kwandika imibare ikurikira

9 3 5 6 2 7 4 8 9 1 2 9 6 3 5 1 7 9 4 8 9 8 6 1 9

.....

- **Isuzumabushobozi**

Gutanga umukoro wo kwandika 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, na 9 ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 10: Igereranya ry’umubare w’ibintu bitarenze 9

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera ku 9. Ushobora gukoresha imyitozo iri ku rupapuro rwa 26-28 mu gitabao cy’umunyeshuri.

Urugero:

Andika umubare 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8 na 9

Erekana amakayi 2, igitabo 1, ingwa 6, uturabo 8, ibishyimbo 9.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, igitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 26-29), ibishushanyo byo mu gitabo n’ibindi byateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

• Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike, ibyinshi cyangwa ibingana

Urugero: Udukarito 2 turimo amakaramu hamwe harimo 8 ahandi harimo 5, abanyeshuri bakavuga berekana agakarito karimo amakaramu menshi n'agakarito karimo amakaramu makeya.

• Kwerekera

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo tubiritubiri turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye hamwe harimo byinshi ahandi harimo bike bakurikije amashusho bitegereje ku buryo buri karundo katarenza ibintu 9.

Urugero: akarundo k'utuntu 3 n'akandi k'utuntu 5, noneho akabaza ufite byinshi uwo ari we, n'ufite bike uwo ari we.

Mu guhuriza hamwe ibyo babonye, umwarimu yibanda kuri aya magambo akurikira:



- ufite byinshi ni we urusha ufite bike.
- ibyinshi biruta ibike
- ibike birutwa n'ibyinshi

Mwarimu arunda uturundo tungana, agasaba abanyeshuri kuvuga ikiruta ikindi, bakivumburira ko bingana.

• Igerageza

Mwarimu ashushanya ibintu binyuranye bibarika biri mu turundo 2 bifite umubare unyuranye bimwe ari bike ibindi ari byinshi, cyangwa agakoresha amashusho ari mu gitabo (urupapuro rwa 29) agasaba buri tsinda kwerekana akarundo karimo byinshi n'akarimo bike.

Abanyeshuri bashobora gusabwa kwandika umubare w'ibintu bishushanyije maze bagaca akaziga ahari byinshi cyangwa bagacisha ho umurongo:



- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yateguye , umunyeshuri akayikora ku giti ke cyangwa mu matsinda.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi myitozo yo kugereranya imibare y'ibintu bitarenze 9; abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 11: Gutondeka imibare w'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9 uhereye ku bike ujya ku byinshi

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 1 kugera ku 9 no kugereranya umubare w'ibintu bitarenga 9 berekana ibike n'ibyinshi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 31), ibishushanyo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibindi byateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga:

Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi; gutondeka ibintu binyuranye biri mu turundo bahereye ku bike bajya ku byinshi. Urugero: Uturundo turimo amakayi 5, 4, 9.

- **Kwerekera n'igerageza**

Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.

- Mwarimu aha abanyeshuri uturundo turimo ibintu bisa bifite umubare unyuranye ariko bitarenga 9 maze agasaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo yakoze bahereye ku karimo ibintu bike bagaherutsa akarimo byinshi.

Urugero: Uturundo turimo amakibe 5, 4, 1, 3, 2, 6, 8, 9.

Uturundo turimo amakaramu 7, 5, 3, 4, 6; 8; 9.

Utubuye dufunze mu dushashi tubonerana.

- Mwarimu agenzura niba abanyeshuri bakora neza mu matsinda barimo ibyo yabahaye akabagira inama.

Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri rikereka bagenzi babo ibyo bakoze, bagomba gusobanura neza berekana impamvu batondetse uturundo tw'ibintu mu buryo ubu n'ubu: amakibe 5 ni menshi ku makibe 4.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka ibintu binyuranye kuva ku bike bajya ku byinshi kandi bagasobanura neza uko babikora.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 12: Igereranya ry'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 hakoreshejwe ibimenyetso

Ibimenyetso bikoreshwa mu kugereranya imibare ni biruta (>), birutwa (<), na bingana/bihwanye (=).

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera ku 9; kugereranya ibintu bitarenga 9 no gutondeka ibintu bitarenze 9 bahereye ku bike cyangwa bahereye ku byinshi.

Urugero:

Kora uturundo 2 turimo amakayi 9 n'akandi karimo amakayi 4, Akarundo karimo amakaramu 6 n'akandi karimo amakaramu 8, ni akahe karimo amakaramu menshi? ni akahe karundo karimo amakaramu make?

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishushanyo n'igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 30).

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Abafasha kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi bagaragaza umubare w'ibiri muri buri tsinda.

Mu kugereranya ayo matsinda 2, abafasha gukoresha amagambo akurikira:

- Ibi byinshi **biruta** ibi bike
- Ibi bike **birutwa** n'ibi byinshi
- Ibi **bingana** n'ibi

- **Kwerekera**

Nyuma yo kugereranya bavuga byinshi n'ibike, mwarimu afasha abanyeshuri gukoresha imibare iri muri buri tsinda:

Urugero: Udukarito 2 kamwe karimo ingwa 7 akandi karimo ingwa 9.

Ingwa 9 ziruta ingwa 7 cyangwa ingwa 7 zirutwa n'ingwa 9

Cyangwa ingwa 9 zingana n'ingwa 9.

- Mwarimu akoresha ibimenyetso $<$, $>$ cyangwa $=$ mu kugereranya umubare w'ibintu kandi akabwira abanyeshuri uko bisomwa:
 $9 > 7$: 9 ziruta 7
 $7 < 9$: 7 karutwa na 9
 $9 = 9$: 9 ringana na 9.
- Mwarimu asobanura imikoreshereze y'ibimenyetso bikoreshe mu igereranya yifashishije urugero rw'umubare w'ibintu babaze mu turundo bakoze.

biruta yandikwa: $>$

birutwa yandikwa: $<$


bingana yandikwa = igasomwa : bihwanye

- **Igerageza**

- Reka abanyeshuri bakore imyitozo iri ku rupapuro rwa 30 mu gitabo cy'umunyeshuri
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda maze bakabara ibishushanyo birimo ibintu binyuranye bibarika biri mu turundo tubiritubiri bifite umubare unyuranye bimwe ari bike ibindi ari byinshi, utundi turundo tugizwe n'ibintu bifite umubare ungana.

Abanyeshuri buzuzwa umubare w'ibintu biri muri buri karundo maze bakagereranya

bakoresheje ibimenyetso < ; > ; na = uko bikwiye.



Imyitozo

- Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yateguye ku mpapuro ku kugereranya imibare, azenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi myitozo yo kugereranya imibare kuva kuri 1 kugeza ku 9 bakoresha ibimenyetso < ; > na = , abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk’umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 13: Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 uhareye ku muto ujya ku munini

a) Ubushobozi bw’ibanze

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 no gutondeka umubare w’ibintu bitarenga 9 bahereye ku bike bajya ku byinshi, kugereranya imibare kuva kuri 1 kugeza ku 9 bakoresheje ibimenyetso < , > na =

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, igitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 31), ibishushanyo byo mu gitabo cy’umunyeshuri n’ibyo mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi no gutondeka ibintu binyuranye biri mu turundo ahereye ku bike,

Urugero : Uturundo turimo amakaramu 1, 7; 6, 9, 5

Uturundo turimo amakayi 3, 9, 2, 1, 7, 8

- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka uturundo twa buri bwoko bw'ibintu bahereye ku karimo umubare w'ibintu bike bajya ku karimo byinshi.

- **Kwerekera n'igerageza**

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo nibura hagati ya 2 na 9 turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye utarenga 9.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo yakoze ahereye ku turimo ibintu bike ajya ku byinshi;

Munsi ya buri karundo bakandika umubare w'ibintu biri muri buri karundo hagati y'umubare n'undi agakoresha ikimenyetso birutwa (<) kubera ko aba yahereye ku mubare muto.

Urugero: Kora uturundo 7 turimo udufuniko tw'amacupa y'amazi 7, 4, 5, 8, 9, 3;1. Tondeka utwo turundo uhereye ku karimo udufuniko duke.

Tondeka imibare y' udufuniko turi muri buri karundo uhereye ku mubare muto ujya ku munini.

- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze nawe akagenzura uko bikorwa kugirango atange ubugororangingo.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka imibare iri hagati ya 1 n'umubare 9 bahereye ku muto bajya ku munini.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 14: Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 uhereye ku munini ujya ku muto

a) Ubushobozi bw'ibanze

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 no gutondeka umubare w'ibintu bitarenga 9 bahereye ku byinshi bajya ku bike, niba bazi kugereranya imibare kuva kuri 1 kugeza ku 9 bakoresheje ibimenyetso $<$, $>$ na $=$

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa

• Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi,

Gutondeka ibintu binyuranye biri mu turundo ahereye ku byinshi,

Urugero : Uturundo turimo amakaramu 1, 7; 6, 9, 5

Uturundo turimo amakayi 3, 9, 2, 1, 7, 8

- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka uturundo twa buri bwoko bw'ibintu bahereye ku karimo umubare w'ibintu byinshi bajya ku karimo bike.

• Ukwerekera n'igerageza

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo nibura hagati ya 2 na 9 turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye ariko utarenga 9.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo yakoze ahereye ku turimo ibintu byinshi ajya ku bike.

Munsi ya buri karundo bakandika umubare w'ibintu biri muri buri karundo hagati y'umubare n'undi bagakoresha ikimenyetso **biruta** ($>$) kubera ko baba bahereye ku mubare munini.

Urugero: Kora uturundo 7 turimo udufuniko tw'amacupa y'amazi 7, 4, 5, 8, 9, 3; 1. Tondeka utwo turundo uhereye ku karimo udufuniko twinshi.

Tondeka imibare y'udufuniko turi muri buri karundo uhereye ku mubare munini ujya ku muto.

- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze nawe akagenzura uko bikorwa kugirango atange ubugororangingo.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka imibare iri hagati ya 1 n'umubare 9 bahereye ku munini bajya ku muto.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 15: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga umubare 9.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Baza utubazo two gusuzuma niba abanyeshuri bazi kubara, gusoma, kwandika no kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, inyanya, udushyimbo, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 32) n'ibindi mwarimu ashobora gutegeza.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Gukora uturundo tubiri tw'ibintu igiteranyo cyabyo kitarenga 9 maze akabasaba kubara ibintu bigize buri karundo bakandika umubare wabyo.

Guhuriza hamwe ibintu bigize twa turundo maze bakabibarira hamwe bakandika umubare wabyo.

• Kwerekera n'igerageza

Iyo hatanzwe igiteranyo k'imibare 2, urugero $4 + 3 =$

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, abasaba gukora uturundo 2 kamwe k'ibintu 4 akandi k'ibintu 3 (uduti, utubiye, udushyimbo cyangwa udukibe),

- Mwarimu asaba abanyeshuri gushyira hamwe utwo turundo maze bakabarira hamwe bakandika umubare w'ibyo babonye.
- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze

Mu guhuriza hamwe ibyakozwe, Mwarimu yereka abanyeshuri uko bandika igisubizo n'uko babisoma:

$$4 + 3 = 7$$


4 guteranya ho 3 bihwanye na 7.

• Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo ku guteranya imibare igiteranyo kitarenga 9 bagasabwa gukoresha uturundo, udukoni, utubuye cyangwa ibishyimbo kugirango berekane igisubizo.

Urugero:

$$6 + 2 = ?$$



- | | | | |
|--------------|--------------|--------------|--------------|
| a) $2 + 1 =$ | e) $3 + 3 =$ | i) $3 + 4 =$ | m) $6 + 1 =$ |
| b) $1 + 3 =$ | f) $4 + 4 =$ | j) $2 + 6 =$ | n) $4 + 1$ |
| c) $3 + 3 =$ | g) $4 + 5 =$ | k) $5 + 4 =$ | |
| d) $2 + 3 =$ | h) $4 + 2 =$ | l) $7 + 3 =$ | |

• Isuzumabushobozi:

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 16: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 9

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitoto yo guteranya imibare ibiri igiteranyo kitarenze 9.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, amakibe, udukoni, ibibarisho, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa ibyateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Akoresheje imfashanyigisho, mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora kuvuga agahurizo kagufi akoresheje abanyeshuri maze bakagerageza gusubiza. Urugero: Mwarimu ahamagara umunyeshuri (tuvuye witwa Oda) agafata utubarisho 6 mu tubarisho twateganyijwe, noneho mwarimu amwongerere utubarisho 2. Abaze abandi banyeshuri utubarisho Oda afite. Abanyeshuri bamaze gutanga igisubizo, Oda abare utubarisho twose hamwe abandi bese bareba.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo riri ku rupapuro rwa 32 mu gitabo cy'umunyeshuri. Abanyeshuri babiri cyangwa batatu bakora andi amahurizo, bagakora bavuga ibyo bakora abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ari byo.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kuja mu matsinda gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, akazenguruka areba uko bakora. Iyo barangije buri tsinda risobanura uko ryakoze.

- **Imyitoto**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora indi imyitoto amahurizo mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe.

- **Isuzumabushobozi**

Umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 17: Ikuramo ry'imibare itarenga 9 ikinyuranyo kitari 0

a. Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitoto yo guteranya imibare ibiri igiteranyo kitarenze 9.

b. Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro 33), ibibarisho n'izindi zitegurwa na mwarimu.

c. Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Urugero: Mwarimu ashobora gusaba itsinda ry'abanyeshuri batarenze 9 kuza imbere, agasaba umunyeshuri wasigaye wicaye akababara. Asabe bamwe muri bo basubire mu byicaro byabo maze abanyeshuri babare umubare w'abagiye kwicara n'uwabasigaye imbere.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa:

Hereza abanyeshuri bari mu matsinda ibibarisho bitarenze 9. Basabe bakureho bimwe mu bibarisho babishyire ku ruhande. Basabe babare ibyo bakuyemo maze bavuge umubare w'ibisigaye.

Bafashe bamenye uko babyandika kandi bamenye kubisoma:

Urugero: $7 - 2 = 5$.



$$7 - 2 = 5$$

Urugero shusho:

Abanyeshuri babiri cyangwa batatu basubiza ibibazo by'ikuramo bakoresha amashusho nk'uko biri mugitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 33).

Ni ngombwa kubishyira mu mashusho no mu mibare.

Urugero: $7 - 2 = ?$



Abanyeshuri basobanurirwa ko gucisha mo akarongo bivuga gukuramo.

Abanyeshuri basoma interuro yose abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ibyo bakora aribyo, bitaba byo abandi bakabakosora.


- **Imyitozo**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda cyangwa bagakora buri wese ukwe imyitozo yo mu gitabo cyabo (urupapuro rwa 34) mu makaye yabo hanyuma akabasaba kwerekana ibyo bakoze akabakosora.

Mu myitozo mwarimu azanamo n'indi yo kuzuzanya umubare ubura akoresheje uturundo tw'ibintu n'amashusho:

Urugero:

1) Uzuzanya mu kazu umubare ubura



- 4 = 5

2) - 4 = 5

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo y'isuzumabushobozi.

Atanga kandi umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora mu makaye, mwarimu ashobora gutanga indi myitozo ifasha abanyeshuri

kurushaho gusobanukirwa iyo asanze bafite ibibazo.

Isomo rya 18: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare itarenga 9 ikinyuranyo kitari 0

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitozo yo gukuramo imibare ibiri kuva kuri 1 kugera ku 9 ikinyuranyo kitari 0.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 34), ibibarisho, amakibe, uduti, ibishushanyo mwarimu yikoreye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**


Mwarimu yifashisha udukuru tugufi dusaba kwibaza ku mibare y'ibintu abanyeshuri bakagerageza gusubiza.

Urugero: Kiza yahawe na mama we avoka 6, Kiza ahaho mushiki we Mariya avoka 2. Kiza yasigaranye avoka zingahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo bakoresheje ibibarisho cyangwa udukoni.

Niba Kiza yahawe na mama we avoka 6, maze agahaho mushiki we Mariya avoka 2:



$6 - 2 = 4$. Kiza yasigaranye avoka 4.

Urugero shusho:

Abanyeshuri babiri cyangwa batatu bakora ihurizo rikurikiyeho ku kibaho, bavuga ibyo bakora abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ibyo bakora ari byo; bitaba byo abandi bakabakosora.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda utundi duhurizo byarangira buri tsinda rigasobanurira abandi uko ryabikoze.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu makaye yabo imyitozo yo mu gitabo cyabo hanyuma akabakosora umwumwe.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo y'isuzumabushobozi.

Atanga kandi umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Nyuma yo gukora imyitozo mu makaye mwarimu ashobora gutanga indi ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa iyo asanze bataragira ubushobozi bugamijwe.

Isomo rya 19: Isuzuma risoza umutwe wa 2


a) Ubushobozi bw'ibanze

Koresha abanyeshuri imyitozo yo kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.


Iri suzumabushobozi rigomba gukorerwa mu ishuri, nyuma yo gukosora mwarimu ashobora gufata umwanzuro wo gutangira undi mutwe cyangwa guha ubufasha abanyeshuri bagifite imbogamizi.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi:

1) Bara wuzuze imibare mu tuzu



2) Bara wuzuze imibare ahabugenewe



3) $3 + 2 + 3 =$

4) $5 + 1 + 2 =$

$9 - 3 =$

6) $7 - 5 =$

7) Mama yari afite ibirayi 8 bihiye. Afatamo 5 abiha Giramata. Vuga ibirayi bisigaye.

8) Mu ivuriro bahaye Gasore ibinini 9 yivuza malariya, ahita afatamo 3. Vuga ibinini bisigaye.

9) Gasana yaguze imodoka 7. Acuruzamo 5 ariko agura izindi modoka 4. Vuga umubare w'imodoka Gasana afite.

10) Ha umwanya abanyeshuri bavuge akamaro ko kumenya kubara, guteranya, gukuramo no gukora amahurizo.

Icyitonderwa: Nyuma yo gukora iri suzuma, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri badafite ubushobozi bwifuzwa agatanga indi myitozonzamurabushobozi na nyagurabushobozi.

Umutwe wa 3

UMUTWE WA 3: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KU 10

3.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusoma no kwandika 0, kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare itarenze 10.

3.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko azi amazina y'ibidukikije, kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyitse kuva kuri 1 kugera ku 9.

3.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu, uburezi budaheza.

3.4. Urutonde rw'amasomo

No	Ibyigwa	Intego	Umubare w'amasaha (periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza umumama ufite imeneke agiye kugabanya abana be ugamije kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Inshoza y'umubare 0	Gutahura no gusobanukirwa n'inshoza y'umubare 0	1
3	Kubara ibintu kuva kuri 1 kugera ku 10	Gutahura no gusobanukirwa umubare 10, kubara ibintu no gukora urutonde rw'ibikoresho binyuranye bitarenze 10.	1

4	Imisomere n'imyandikire y'umubare 0 n'umubare 10	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 10	1
5	Kugereranya imibare iri muni ya 10 bakoresheje ibimenyetso < ; > na =	Kugereranya amatsinda y'ibintu bitarenze 10 no kugereranya neza imibare itarenga umubare 10.	1
6	Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera ku 10, uhaye ku mubare muto uya ku munini cyangwa ku munini uya ku muto.	Gutondeka neza imibare y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 10, uhaye ku byinshi uya ku bike cyangwa uva ku bike uya ku byinshi.	1
7	Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga umubare 10	Guteranya imibare igiteranyo kitarenga 10	1
8	Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga umubare 10	Gukora neza amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 10	1
9	Ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugeza ku 10	Gukuramo neza imibare iri muni ya 10	1
10	Amahurizo ku ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugera ku 10.	Gukora neza amahurizo ku ikuramo ry'imibare iri muni ya 10	1
11	Isuzuma risoza umutwe wa 3	Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera ku 10.	1
Amasomo y'umutwe			11

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho riri ku rupapuro rwa 35 mu gitabo cy'umunyeshuri: Mama afite imineke ari kuyihereza abana; mu kuboko kumwe hari imineke 2 ukundi harimo imineke 4.

Umuhungu n'umukobwa bakiriye buri wese imineke 3 naho mama asigaranye ubusa mu ntoki.

Umwarimu azirikana ko atagomba kwanga igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri ahubwo asaba abandi kugira icyo bakongeraho.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

- Murabona iki kuri iyi shusho?
- Hari abantu bangahe?
- Mama afite imineke ingahe? Ari umuhungu n'umukobwa ni nde wahawe imineke myinshi? Mama amaze gutanga imineke asigaranye imineke ingahe mu ntoki?

Isomo rya 2: Inshoza ya 0

Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bazi kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9

Imfashanyigisho:

Inanasi, indabo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, amabiye y'amabara anyuranye n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa:

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu afate ingwa mu ntoki azigabanye abanyeshuri babiri cyangwa batatu ku buryo ntangwa asigarana. Aganire n'abanyeshuri ku mubare w'ingwa buri munyeshuri afite. Ababaze izo nawe asigaranye? Afashe abanyeshuri kuvuga ko asigaranye ubusa mu ntoki.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa

Abanyeshuri mu matsinda basabwa kubara ibintu bitarenga 9 bakabishyira mu ikarito bakavuga umubare wabyo;

Kubasaba kongera kubibara babishyira ahandi kugeza igihe ya karito nta kintu na kimwe gisigaramo.

Kubasaba kuvuga umubare w'ibintu bisigaye mu ikarito.

Urugero shusho

Yifashishe amashusho ari ku rupapuro rwa 35 mu gitabo cy’umunyeshuri, mwarimu aganiriza abanyeshuri ku mubare w’abakinnyi bari mu bibuga by’umipira: ikibuga cya mbere nta mukinnyi urimo, ubwo kirimo ubusa; ikibuga cya kabiri kirimo abakinnyi icumi.

Gufasha abanyeshuri gusobanukirwa ko ijambo “**ubusa**” rihagararirwa n’**umubare “zeru”**.

Saba abanyeshuri basuremo inshuro nyinshi: zeru.

- **Igerageza**

Gufasha abanyeshuri gukorera mu matsinda bakitegereza amashusho ari ku rupapuro rwa 36 y’igitabo cy’umunyeshuri, bakavuga ibyo babona n’umubare wabyo: abanyeshuri bavugaga umubare w’ibinyugugu.

Nyuma yo gukora, abanyeshuri basobanura ibyo bakoze mu matsinda n’ibisubizo babonye.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kumwerekako bashoboye gukoresha inshoza ya zeru: urugero barunda uturundo tw’ibintu, bakatwimura twose; bakavugaga ko hasigaye ubusa.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga imyitozo y’inyongera igamije kuzamura cyangwa kwagura ubushobozi.

Isomo rya 3: Inshoza y’umubare 10 no kubara ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 10

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bashobora kubara ibintu bitarenga 9, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.

b) Imfashanyigisho:

Inanasi, indabo, ibinyomoro, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, amabiye y’amabara anyuranye n’ibindi biboneka aho ishuri rihereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Asaba abanyeshuri gushyira hamwe ibishyimbo 9 n'ikindi 1 ku ruhande maze akabasaba kubishyira hamwe; akabaza abanyeshuri kuvuga umubare w'ibishyimbo babonye byose hamwe.

Kwerekera n'igerageza

Mwarimu abwira abanyeshuri ko kubintu 9 iyo hiyongereyeho kimwe biba ibintu icumi. Asaba abanyeshuri gusubiramo umubare icumi.

Asaba abanyeshuri kwerekana ikintu 1, nyuma ibintu 2, ibintu 3 kugeza ku bintu 10. urugero: akabuye 1, utubuye 2; 3; 4; 5; 6 ;7;8; 9, 10.

Kwereka

Gufasha abanyeshuri bari mu matsinda kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 35 mu gitabo cy'umunyeshuri, bakavuga umubare w'abakinnyi bari muri buri kibuga

Imyitozo:

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bashoboye gukoresha neza umubare mushya bize. **Urugero:** Ni nde watwereka amakaramu 3; ibitabo 10; imineke 7 , utubuye 10.

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 4: Imisomere n'imyandikire y'umubare 0 n'umubare 10

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Kubwira abanyeshuri buri wese kwandika no gusoma imibare 1 kugera ku 9 nyuma bakabara ibintu kuva kuri 1 kugeza ku 10.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Yibanda cyanecyane kwitegereza amashusho y'ibintu 10, n'amashusho adafite ikintu.

- **Kwerekera n'igerageza**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 0; yandika buhorobuhoro avuga ibyo akora. Asaba abanyeshuri kumwigana bose bandika mu kirere, ku ntebe bakoresheje urutoki. Nyuma asaba umwumwe guhuza utudomo agakora umubare 0 ushushanyije.

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana umubare 0 wanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye.

Nyuma yo gufasha buri wese kumenya kwandika 0, mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare 10 ugizwe n'imibare 1 na 0.

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika umubare 10 ugizwe n'imibare ibiri 1 na 0 yegeanye.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza kandi abafite ibyo bakeneye byihariye mu myigire yabo agomba gufasha mu buryo bukwiye.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura umubare 0 n'umubare 10 inshuro nyinshi mu makaye yabo nyuma akabasaba kwandika 0 na 10 inshuro nyinshi bitegereza mu gitabo cy'umunyeshuri kurupapuro rw 36

Nyuma abasaba kwandika imibare yose bize kuva kuri 0 kugera ku 10.

0	0	0	0																
.....																			
10	10	10	10																

0	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	0	1	2	3	4	5	6	7	10
.....																			

- **Isuzumabushobozi**

Gutanga imyitozo ku gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 10. Imyitozo ishoboro gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 5: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera ku 10

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kugereranya imibare ibiri itarenze umubare 9.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 37-39), ibibarisho, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitegurwa na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.


Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi n'umubare wabyo.

Urugero: udukarito 2 turimo utubuye hamwe harimo 3 ahandi harimo 10, abanyeshuri berekana agakarito karimo utubuye twinshi na karimo utubuye duke.

Basabwa kugereranya iyo mibare y'utubuye bakoresheje **ibimenyetso** $<$ na $>$.

- **Kwerekera**

Urugero shusho: Shushanya ku kibaho igishushanyo giteye gitya maze uhamagare umwe mu banyeshuri ahuze kimwekimwe, avuge itsinda rifite bike kurusha irindi.



Fasha abanyeshuri gusoma "gatandatu irutwa n'icumi" no kwandika $6 < 10$ mu makaye yabo.

Koresha ibindi bishushanyo; ibumuso hari itsinda rifite ibintu byinshi. Ufashe abanyeshuri kwandika, urugero: $9 > 5$, ikenda riruta gatanu.

Koresha ibindi bishushanyo ariko amatsinda yombi afite ibintu bingana. Abanyeshuri bandike: $4 = 4$, basome kane ihwanye na kane.

Ushobora gusubiramo uwo mukoro inshuro nyinshi ukurikije ibisubizo uhabwa n'abanyeshuri.

- **Igerageza**

Mwarimu ashushanya ibintu binyuranye bibarika biri mu turundo tubiritubiri bifite umubare unyuranye bimwe ari bike ibindi ari byinshi, agasaba buri tsinda kwandika umubare wabyo maze ahari byinshi bakanyuza mu kaziga cyangwa bagacisha ho umurongo.

Basabe kwandika kandi basoma bakoresheje ikimenyetso cyabugenewe: $<$, $>$ cyangwa $=$.

- **Imyitozo**

Imyitozo ikwiye kuba iri mu buryo bubiri:

i) Imyitozo yateguye ku kugereranya imibare y'ibintu binyuranye cyangwa ibishushanyo bakandika imibare yabyo maze bagakoresha ikimenyetso cyabugenewe: $<$, $>$ cyangwa $=$.

ii) Imyitozo yo kugereranya imibare gusa idaherekejwe n'ibishushanyo.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukora mu makaye mwarimu ashobora gutanga indi imyitozo yo kugereranya imibare ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa.

Isomo rya 6: Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 uhereye ku mubare muto ujya ku munini cyangwa ku munini ujya ku muto

a) Ubushobozi bw'ibanze

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 kugereranya imibare kuva kuri 0 kugeza ku 10 bakoresheje ibimenyetso $<$, $>$ na $=$.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibindi mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa

• Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, kubitondeka bahereye ku byinshi, nyuma bakabitondeke bahereye ku bike .

Urugero: Uturundo turimo udukoni 4, 2, 6, 9, 8, 5, 10

Uturundo turimo amakayi 8, 7; 9, 2, 10, 1, 7, 4

- Mwarimu asaba abanyeshuri batondeka uturundo twa buri bwoko bw'ibintu bahereye ku karimo umubare w'ibintu byinshi, nyuma batondeke bahereye ku karimo ibintu bikeya.

• Ukwerekera n'igerageza

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo nibura hagati ya 2 na 9 turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye ariko utarenga 10.

Ingingo ya mbere: Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo yakoze ahereye ku turimo ibintu byinshi ajya ku bike;

Munsi ya buri karundo bakandika umubare w'ibintu biri muri buri karundo hagati y'umubare n'undi bagakoresha ikimenyetso **biruta (>)** kubera ko baba bahereye ku mubare munini.

Urugero: Kora uturundo 7 turimo udufuniko tw'amacupa 7, 4, 5, 8, 9, 3;1. Tondeka utwo turundo uhareye ku karimo udufuniko twinshi.

Tondeka imibare y'udufuniko turi muri buri karundo uhareye ku mubare munini ujya ku muto.

Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda rikereho bagenzi babo ibyo bakoze nawe akagenzura uko bikorwa kugirango atange ubugororangingo.

Ingingo ya kabiri: Mwarimu asaba noneho abanyeshuri gutondeka neza uturundo bakoze bahereye ku turimo ibintu bike bajya ku byinshi;

Munsi ya buri karundo bakandika umubare w'ibintu biri muri buri karundo hagati y'umubare n'undi bagakoresha ikimenyetso **birutwa (<)** kubera ko baba bahereye ku mubare muto.

- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry’abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze nawe akagenzura uko bikorwa kugirango atange ubugororangingo.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka imibare iri hagati ya 1 na 10 bahereye ku munini bajya ku muto nyuma bakayitondeka bahereye ku muto bajya ku munini.

- **Isuzumabushobozi:**

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk’umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 7: Iteranya ry’imibare igiteranyo kitarenga 10

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bashobora kuba bashoboye kubara no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 10.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, igitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 41), ibibarisho, ibishushanyo byo mu gitabo cy’umunyeshuri hamwe n’ibyateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

- **Kwerekera n’igerageza**

Urugero mbonwa :

Yereka abanyeshuri uturundo 2 tw’ibintu 10: kamwe karimo 3, akandi 7. Abasaba kubara no kwandika umubare w’ibintu biri muri buri karundo. Nyuma abasaba guhuriza hamwe utwo turundo maze bakabara ibyo bintu maze bakandika umubare wabyo.

Mwarimu yerekana uko babyandika ku kibaho: $3 + 7 = 10$.

Asaba abanyeshuri gusoma: gatatu guteranya na karindwi bihwanye n’icumi.

Urugero shusho:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibishushanyo ku rupapuro rwa 41 mu gitabo cy'umunyeshuri. Abanyeshuri bitegereze uko bateranya imibare $3 + 7$.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda gukora akarundo k'utuntu 6 n'akandi k'utuntu 4. Babishyire hamwe babibare, bandike umubare w'igiteranyo $6 + 4 = 10$.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo mu gitabo cyabo (urupapuro rwa 41) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe.

Imyitozo ikwiye kuba inyuranye: isaba kubara no kuzuza mo imibare, iyatanzwe ari imibare isaba gushushanya no kubara kugirango babone igisubizo n'isaba gukora vuba mu mutwe bakoresheje intoki.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo y'isuzumabushobozi, atanga kandi umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora gutanga indi myitozo nzamurabushobozi n'indi nyagurabushobozi.

Isomo rya 8: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo gitanga 10

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye guteranya imibare ibiri igiteranyo kitarenga 10.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo, ibibarisho.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi. Akabaza abanyeshuri ibibazo bitandukanye.

Urugero: Oliva yahawe na mama we bombo 8, musaza we amwongerera ho 2. Oliva yagize bombo zingahe?

- Kwerekera

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo ku rupapuro rwa 42 mu gitabo cy’umunyeshuri bakoresheje ibibarisho cyangwa udukoni.

- Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, barangiza buri tsinda rigasobanurira abandi ku kibaho uko ryakoze.

- Imyitoto n’isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora amahurizo yo mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 42 mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Ashobora no gutanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 9: Ikuramo ry’imibare kuva kuri 0 kugeza ku 10

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye guteranya no gukuramo imibare ibiri itarenze 9..

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, ibibarisho, igitabo cy’umunyeshuri

c) Ibikorwa

- Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora gutangira aha umunyeshuri Anita ingwa 10. Nyuma agasaba Anita guha Manzi ingwa 6. Akabaza abandi banyeshuri umubare w’ingwa Anita asigaranye?

- Kwerekera


Urugero mbonwa :

Abanyeshuri bashyirwa mu matsinda, bagahabwa ibibarisho 10. Mwarimu abasaba gukuraho umubare wa bimwebimwe mu bibarisho bakabishyira ku ruhande.

Nyuma abasaba kubara ibyo bakuyemo bakandika umubare wabyo, bakabara n’ibisigaye bakandika umubare wabyo.

Mwarimu yereka abanyeshuri uko bakuramo imibare bakoresheje ibibarisho, udukibe cyangwa udukoni.

Abafasha kumenya uko babyandika kandi n'ukobisomwa:



$$10 - 3 = 7$$

Urugero: $10 - 3 = 7$, basoma: icumi gukuramo gatatu bihwanye na karindwi.

Urugero shusho :

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza igishushanyo kiri ku rupapuro rwa 43 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Igerageza**

Abanyeshuri babiri cyangwa batatu bakora imyitoto ku kibaho, bavuga ibyo bakora abandi bakabakurikira kandi bakareba niba ibyo bakora ari byo; bitaba byo abandi bakabakosora

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora indi myitoto mu matsinda barangiza buri tsinda rigahabwa umwanya wo kwereka abandi uko ryakoze. Muri iri somo hibandwa cyane ku ikuramo ritanga 0.

Imyitoto n'Isuzumabushobozi

Mwarimu aha abanyeshuri gukora indi myitoto mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe, atanga kandi umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Imyitoto igomba kuba izamura ubushobozi ku buryo bunyuranye: isaba kuzura umubare ku mashusho, isaba ku zura umubare aho ubura n'iyi gukuramo bakoresheje ibibarisho n'iyi gukora mu mutwe mu buryo bwihuse.

Isomo rya 10: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare kuva 0 kugeza ku 10.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Koresha abanyeshuri imyitoto yo gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 hagamijwe gushimangira ubushobozi bw'ibanze.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibibarisho, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi abanyeshuri bakagerageza gusubiza.

Urugero: Oliva yahawe na mama we bombo 10, ahaho musaza we bombo 2. Oliva yasigaranye bombo zingahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afata ingwa 10 mu ntoki, agahereza umunyeshuri ingwa 3. Abaza abanyeshuri ingwa asigaranye.

Urugero shusho: Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza no gusobanura ibiri mu gishushanyo ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, barangiza buri tsinda rigasobanurira abandi ku kibaho uko ryakoze.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Ashobora no gutanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 11: Isuzuma risoza umutwe wa 3


a. Ubushobozi bw'ibanze

Ibikorwa: Koresha abanyeshuri imyitozo yo kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 10.

Iri suzumabumenyi rigomba gukorerwa mu ishuri, nyuma yo gukosora mwarimu ashobora gufata umwanzuro wo gutangira undi mutwe cyangwa guha ubufasha abanyeshuri babukeneye.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi:

1. Bara wuzuze imibare mu tuzu



2. Kora iyi mibare


i) $6 - 5 =$

iii) $5 + 1 =$

ii) $10 - 3 =$

iv) $\dots + 3 + 10$

2. Uzuza mu kazu umubare ubura



3. Uzuza umubare ubura

i) $6 - \dots = 2$

iii) $4 + \dots = 6$

ii) $\dots - 3 = 7$

iv) $\dots + 3 = 10$

4. Rebero yari yoroye ihene 10. Ahaho Kabera ihene 4. Vuga ihene Rebero asigaje.

5. Yohanita yari afite amakaye 7. Macumi amakaye 3. Vuga amakaye Yohanita agize.

6. Mukabagire yagiye gucuruza inanasi 7 mu isoko. Kanobana amuha izindi nanasi 3. Vuga inanasi zagiye ku isoko.

7. Mutesi yari afite amasaro 9 ariko atakazamo 6. Kayitesi amuzanira amasaro 5. Vuga amasaro Mutesi afite ubu.

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi bugamijwe akabaha imyitozo nzamurabushobozi.

Umutwe wa 4

UMUTWE WA 4: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 20

4.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20

4.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko azi: amazina y'ibidukikije, kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare itarenze umubare 10.

4.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu, uburezi budaheza.

4.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasommo	Intego	Umubare w'amasomo (periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza ishusho y'insanganyamatsiko igamije kuvumbura amatsiko ku byo abanyeshuri baziga muri uyu mutwe.	1
2	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 20	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	1
3	Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20	Kubara no gusoma adategwa imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20	2
4	Isesengura ry'imibare y'imibarwa ibiri kuva ku 10 kugera kuri 20.	Gusesengura imibare y'imibarwa ibiri itarenze umubare 20 mu ibinyabumwe n'ibinyacumi.	2

5	Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 hakoreshejwe ibimenyetso bya biruta(>), birutwa(<), na bingana (=)	Kugereranya imibare y'ibintu itarenze 20 bandika kandi bakoresha ibimenyetso bya biruta(>), birutwa(<), na bingana (=)	2
6	Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 uhereye ku muto ujya ku munini no guhera ku munini ujya ku muto.	Gutondeka neza umubare w'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 20 uhereye ku bike ujya ku byinshi.	1
7	Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 20	Guhuriza hamwe umubare w'ibintu byari mu matsinda 2 ukavuga umubare w'igiteranyo cyabyo.	2
8	Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 20	Guteranya cyangwa gukuramo imibare igiteranyo kitarenga 20	1
9	Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 20	Gukuramo imibare ikinyuranyo kitarenga 20	1
10	Amahurizo ku ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 20	Gukora neza amahurizo ku ikuramo ry'imibare y'ibintu ikinyuranyo kitarenga 20	1
11	Iteranya n'ikuramo igisubizo kitarenga 20	Guteranya cyangwa gukuramo imibare igisubizo kitarenga 20	2
12	Isuzuma risoza umutwe wa 4	Gukora neza isuzuma bushobozi ku kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, Kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20.	1
Amategeko yose agize umutwe			17

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho iri ku rupapuro rwa 45

mu gitabo cy'umunyeshuri: ikipe imwe igizwe n'abana 8 n'umutoza wabo, indi ifite abana 9 n'umutoza wabo, hagati hari umupira w'amaguru.

Umwari mu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri. Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

- Murabona amakipe angahe mu kibuga? Abantu bakuru barimo ni bangahe?
- Ikipe ifite abana benshi ifite bangahe? Irabura abana bangahe ngo ikipe y'umupira w'amaguru yuzure? Ikipe ya kabiri irabura abana bangahe ngo ikipe yuzure? Kubera iki amakipe atuzuye?
- Umubare w'abana bose hamwe ni bangahe?
- Ikipe imwe uwayongeraga abana 3 bose hamwe baba bangahe?

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 20

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara ibintu bifatika umubare utarenga 10 bahereye kuri 1; no kwandika imibare kuva kuri 0 kugeza ku 10.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni, biboneka aho ishuri riherereye, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

• Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Asaba abanyeshuri gushyira hamwe umubare w'ibintu 10 bakajya bongera ho kimwekimwe maze bakabara ibyo babonye.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

- Mwarimu asaba abanyeshuri gushyira hamwe umubare w'ibintu 10 bakajya bongera ho kimwe kimwe kugeza bibaye 20
- Asaba abanyeshuri kubara ibintu biri muri buri karundo uko bongeyeho kimwe.

Iyo ku karundo k'ibintu 10 bongereye ho ikintu kimwe, mwarimu afasha abanyeshuri kubona ko byose hamwe biba ari ibintu 11, kandi ko mu kubara iyo uvuye ku 10 ujya kuri 11. Agakomeza gutyo kugeza kuri 20

Urugero shusho:

Abanyeshuri bashyirwa mu matsinda, mwarimu akabafasha kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 45-55 mugitabo cy'umunyeshuri, bakavuga ibyo babonaho

bakabara n’umubare wabyo.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo tw’ibintu. Yibanda cyanecyane ku gukoresha uturundo tw’ibintu kuva ku bintu 10 kugeza kuri 20 kandi bakabibara bavuga cyane.

Mwarimu asaba abanyeshuri ibibazo byo kubara kugira ngo arebe niba bashoboye gukoresha neza imibare bize.

Urugero: Bara amakayi 12; amakaramu 15; imineke 20; imyembe 13.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo yo kubara neza ibintu biri mu matsinda kuva kuri 1 kugeza kuri 20 abanyeshuri bayikorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk’umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 3: Imisomere n’imyandikire y’imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 no kubara ibintu bitarenga 20.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy’umunyeshuri, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Yibanda cyanecyane kuvuga umubare w’ibintu biri hagati ya 11 na 20.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bandika umubare w’imibare 2 kuva ku 10 kugera kuri 20; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w’ibintu birenga 10 biri mu karundo nyuma ibindi bakabikorera mu matsinda yabo. Ashobora kwifashisha igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 46 kugera ku rwa 56.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwigana imibare y’imibare 2 kuva kuri 11 kugera kuri 20 byanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye. Afasha abanyeshuri

batashoboye kwandika neza, Mwarimu afasha abanyeshuri bafite ibyo bakeneye byihariye mu myigire yabo.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza no kwandukura imibare y'imibara 2 kuva kuri 11 kugera kuri 20 bakabikora inshuro nyinshi mu makaye yabo.

- **Isuzumabushobozi**

Gutanga imyitozo igize umukoro ku kwandika 10; 11 ; 12; 13; 14; 15 ; 16; 17 18; 19; 20 ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo 4: Isesengura ry'imibare y'imibara ibiri itarenza 20.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Gusuzuma niba abanyeshuri bazi gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20. Ushobora kwifashisha imyitozo iri ku rupapuro rwa 57 mu gitabo cy'umunyeshuri.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Gukora akarundo karimo ibintu 10 ukwabyo n'akandi karundo k'ibindi bisa bitagera ku 10 ku ruhande rw'ako karundo ka mbere.

Urugero: niba ari utubuye 17, bakabara utubuye icumi ku ruhande rumwe n'utundi 7 ku rundi ruhande.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa:

Gukora akarundo karimo ibishyimbo 10 ukwabyo n'akandi karundo k'ibishyimbo 6 ku ruhande rw'ako karundo.

Nyuma mwarimu abwira abanyeshuri ko umubare 16 urimo icumi rimwe n'umubare 6 utagera ku 10.

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko basesengura umubare w'imibarwa 2 mo ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b) kuva ku 10 kugera kuri 20:

Kubara umubare w'amacumi n'uw'imibare itagera ku cumi bakoresheje uturundo:


Abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu biri mu karundo k'ibintu icumi, nyuma akabaha ibindi bakabikorera mu matsinda yabo.

Urugero shusho:

Sesengura umubare 17 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe nk'uko biri ku rupapuro rwa 58 mu gitabo cy'umunyeshuri.



Gukoresha amasoro yo mu kibarisho niba cyaboneka



Kuzuza mu mbonerahamwe y'ibara:

c	b
1	7

Mwarimu yerekana uko byandikwa mu mibare $17 = c1 b7$.

- Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa neza ko mu mubare w'imibarwa ibiri hasesengurwamo ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b).
- Abanyeshuri basobanurirwa neza ko akarundo cyangwa umufungo w'ibintu icumi werekana ibinyacumi naho umubare w'ibintu bituzuye 10 byerekana ibinyabumwe.

Igerageza

- Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo bahereye ku rugero bamaze gukorera hamwe. Abanyeshuri bakora akarundo 1 k'ibintu 10 n'akandi kamwe k'ibintu 5. Basobanura ko ikinyacumi ari kimwe (1) naho ibinyabumwe ari bitanu (5).

Imyitozo

- Mwarimu yifashisha amashusho ari mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 58-59 bagasesengura imibare myinshi y’imibarwa 2 itarenga 20 mo ibinyacumi (c) n’ibinyabumwe.

Imyitozo ikwiye kuba inyuranye mu buryo buzamura ubushobozi bw’umunyeshuri,
urugero: $12 = c.....b....$ (Sesengura umubare)

$c1b8 =$ (Shyaka umubare wasesenguwe).

Isuzumabushobozi

Gutanga imyitozo ku gusesengura imibare y’imibarwa 2 mo ibinyacumi n’ibinyabumwe igakorerwa mu ishuri, mwarimu agakora umwumwe kandi agatanga indi yo gukorera mu rugo.

Isomo rya 5: Igereranya ry’imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 hakoreshejwe ibimenyetso bya biruta (>), birutwa (<), na bingana (=)

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20; kugereranya no gutondeka ibintu bitarenze 10 bahereye ku bike cyangwa bahereye ku byinshi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, ibishushanyo, ibibarisho, ibitabo by’abanyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n’ibyinshi.

Urugero: Udukarito 2 turimo amakayi; kamwe karimo 12 akandi karimo amakayi 18, abanyeshuri bakavuga berekana agakarito karimo amakayi menshi n’agakarito karimo amakayi make.

Kwerekera

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura

neza amabwiriza agenga buri gikorwa.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo 2 turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye hamwe harimo byinshi ahandi harimo bike ku buryo ibintu muri buri karundo bitarenga 20.
- Mwarimu abafasha gukoresha ibimenyetso $<$, $>$ cyangwa $=$ mu kugereranya umubare w'ibyo bintu.

Urugero: Gukora akarundo karimo uducupa tw'amazi 12 n'akandi karimo uducupa 19.

Amacupa 19 ni menshi ku macupa 12. Amacupa 19 aruta amacupa 12.

Dukoresheje ikimenyetso: $19 > 12$ cyangwa $12 < 19$.

Ufite uturundo 2 kamwe karimo amasaro 17 n'akandi karimo amasaro 17. Utwo turundo turimo umubare ungana w'amasaro.

Amasaro 17 angana n'amasaro 17; bityo $17 = 17$.

Fasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ari ku rupapuro rwa 60.

- **Igerageza**

Mwarimu ashushanya ibintu binyuranye bibarika biri mu turundo tubiritubiri bifite umubare unyuranye bimwe ari bike ibindi ari byinshi, agasaba buri tsinda kwandika imibare yabyo maze bakayigereranya bakoresheje ibimenyetso $<$; $>$; na $=$ uko bikwiye.

Reka abanyeshuri bakore imyitozo iri ku rupapuro rwa 61 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Imyitozo n'Isuzumabushobozi

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yateguye ku mpapuro ku kugereranya imibare itarenga umubare 20.

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 6: Itondeka ry' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 uhereye ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku muto.

a) Ubushobozi bw'ibanze

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 no gutondeka umubare w'ibintu bitarenga 10 bahereye ku bike bajya ku byinshi, niba bazi kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 20 bakoresheje ibimenyetso $<$, $>$ na $=$.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 20, bakavuga ibike n'ibyinshi n'uko birutana.

- **Ukwerekera n'igerageza**

- Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda atarenze abanyeshuri 5 nibura buri tsinda.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo turimo ibintu bisa ariko bifite umubare unyuranye guhera ku 10 kugera kuri 20 kandi bakandika umubare uri muri buri karundo;
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza uturundo bakoze bahereye ku turimo ibintu byinshi bajya ku bike; bakandika umubare w'ibintu biri muri buri karundo ku ruhande ashyiramo akadomo n'akitso (;) hagati y'umubare n'undi.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza iyo mibare banditse ku ruhande bahereye ku munini bajya ku muto.

Urugero: Kora uturundo turimo ibishyimbo 10, 14, 15, 18, 20 tondeka utwo turundo uhereye ku karimo ibishyimbo byinshi; n'akarimo ibishyimbo bike.

Tondeka imibare y'ibishyimbo iri mu turundo uhereye ku mubare munini ujya ku muto, nyuma uyatondeke uva ku muto ujya ku munini.

- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze.
- Buri tsinda rigomba gusobanura neza berekana uko batondetse uturundo tw'ibintu.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri ko imibare ikurikirana mu bwinshi cyangwa mu buke nk'uko imibare y'ibintu ihagarariye ikurikirana:

Uva ku muto ujya ku munini: 10; 11; 12; 13; 14; 16; 18; 20

Uva ku munini ujya ku muto: 20; 18; 16; 14; 13; 12; 11; 10.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka imibare itarenga 20 bahereye ku munini bajya ku muto nyuma bakayitondeka bahereye ku muto bajya ku munini kandi basobanura neza uko babikora.

N. B. Umunyeshuri ayikora ku giti ke cyangwa mu matsinda.

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.

Isuzumabushobozi:

Mwarimu atanga indi myitozo ku gutondeka imibare inyuranye ariko itarenga umubare 20 bahereye ku muto bajya ku munini, nyuma bakava ku munini bajya ku muto.

Nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 7: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 20

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, kwandika, imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20, guteranya no gukuramo imibare kuva 0 kugera 10.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibibarisho, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha ibikorwa binyuranye ku guhuriza hamwe ibintu biri mu matsinda atandukanye maze bakabibarira hamwe.

Kwerekera

- **Urugero mbonwa :**

Mwarimu ahamagara abanyeshuri 11 imbere bakore itsinda, ahamagare abandi 8 bakore itsinda. Asabe abandi banyeshuri kubara abagize ayo matsinda yombi bari hamwe.

Urugero shusho:

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igishushanyo ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri. Abanyeshuri bagashaka igisubizo maze akabasaba gukora imyitozo ikurikiyeho bifashishije ibibarisho.

- **Igerageza**

Abanyeshuri bari mu matsinda basabwa gukora ibibazo biri ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri. Nyuma yo gukora buri tsinda risobanura uko ryakoze maze mwarimu agashimangira ibyo babonye. Mwarimu afasha buri tsinda gukoresha utubarisho cyangwa uturongo.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo yo guteranya imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 20 abanyeshuri bayikorera mu ishuri. Aba agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize nyuma akabaha umukoro.

Nyuma y'umukoro, abanyeshuri bashobora guhabwa imyitozo nyagurabushobozi cyangwa nyongerabushobozi.

Isomo rya 8: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 20

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bashoboye guteranya imibare igiteranyo kitarenga 20.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Urugero: Oliva yahawe na mama we bombo 16, musaza we amwongerera ho bombo 2. Oliva yagize bombo zingahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa:

Umunyeshuri (Oliva) afate udukoni 16, mugenzi we amwongerereho 2 mwarimu abaze abanyehsuri udukoni Oliva afite?

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri kwitegereza ishusho y'ihene ku rupapuro rwa 63 mu gitabo cy'umunyeshuri bakabara bakavuga umubare wose w'ihene. Abafasha gukoresha ibibarisho cyangwa gushushanya udukoni ku kibaho agamije ko babona igisubizo gisa n'icyo babonye babaze ihene.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, barangiza buri tsinda rigasobanurira abandi ku kibaho uko ryakoze.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Nyuma y'umukoro, abanyeshuri bashobora guhabwa imyitozo nyagurabushobozi cyangwa nyongerabushobozi.

Isomo rya 9: Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 20

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bashobora gusoma kubara no kwandika imibare itarenga umubare 20 bazi no gukuramo imibare ibiri iri munsu ya 10

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, igitabo cy'umunyeshuri, n'ibishushanyo.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Ashobora kubaza umwana Kaliza kwerekana amakaye 12 maze agakuramo amwe akayashyira ku meza maze abanyeshuri bakavuga umubare w'ayo asigaranye mu ntoki.

- **Kwerekera n'igerageza**

- **Urugero mbonwa :**

Mwarimu ashobora gutangira aha umunyeshuri Marita ingwa 19. Agasaba Marita guhaho Manzi ingwa 7. Nyuma akabaza abandi banyeshuri umubare w'ingwa Marita asigaranye mu ntoki.

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ku rupapuro rwa 64 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Bashobora kandi gushushanya udukoni 19 nyuma bakabara 14 bakaducishamo uturongo maze bakabara udukoni dusigaye.

Saba abanyeshuri kwandika kandi basome: $19-14=5$.

Igerageza:

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo gukuramo iri ku rupapuro rwa 64.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo bakorera mu makayeyabo hanyuma akabakosora umwumwe. Abanyeshuri bashobora guhabwa indi myitozo nyagurabushobozi cyangwa nyongerabushobozi.

Isomo rya 10: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare iri muni ya 20

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye gukuramo imibare ibiri itarenga umubare 20.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Ashobora guhamagara umunyeshuri Mariko akamuha amakaye 12 akamusaba guhaho mugenzi we Mutesi amakaye 4 maze akabasaba kureba amakaye Mariko asigaranye.

- **Kwerekera**

Urugero

Asaba abanyeshuri bari mu matsinda gufata ibibarisho 18, bakabara 6 bakabishyira ku ruhande maze bakabara kandi bakavuga umubare w'ibisigaye.

Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora amahurizo ari ku rupapuro rwa 64 mu gitabo cy'umunyeshuri. Abafasha kumenya gukoresha ibibarisho cyangwa udukoni bashushanya ku kibaho.

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akababasomera amahurizo bakora nyuma agasaba buri tsinda gusobanura ibyo bakoze. Mu gihe asoma amahurizo, agomba kubwira abanyeshuri bakajya bandika umubare w'ibintu avuze.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Muri aya mahurizo, mwarimu ashobora gutangamo amahurizo akomatanya guteranya no gukuramo ibintu mu gihe igisubizo kitarenga 20. Abanyeshuri bashobora guhabwa indi myitozo nyagurabushobozi cyangwa nyongerabushobozi.

Isomo rya 11: Isuzuma risoza umutwe wa 4

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bazi neza kubara, gusoma, kwandika, kugereranya, gutondeka, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera ku mubare 20.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1. Teranya cyangwa ukuremo

i) $15 - 8 =$

ii) $20 - 5 =$

iii) $15 + 5 =$

iv) $9 + 8 =$

v) $18 - 6 =$

2. Uzuza umubare ubura:

i) $19 - \dots = 11$

ii) $7 + \dots = 16$

iii) $0 + \dots = 13$

3. Kamana, Kabatesi na Kanamugire bakoze koperative. Kamana azana ihene 7, Kabatesi azana ihene 8, Kanamugire 5. Vuga umubare w'ihene z'iyakooperative.

4. Kagabo yateye ibiti 20 mu murima we, bukeye ibiti 8 biruma. Umunyeshuri wa Kagabo atera ibindi bita 5. Vuga ibiti biri gukurira muri uwo murima.

5. Mugeni yari afite imineke 8, Papa we amuha iyindi mineke 5. Musaza we Boni aje Mugeni amuhaho imineke 6. Mugeni yasigaranye imineke ingahe?

Ikoreshwa ry'imibare:

Mwarimu asaba abanyeshuri kuganira kuri ibi bikurikira:

- Akamaro ko kwiga kumenya guteranya no gukuramo imibare;
- Ahantu babona imibare ikoreshwa: telefoni, calculator, televiziyo, computer, calendar, isaha n'ibindi.

Icyitonderwa: Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi buteganyijwe agatanga n'indi myitozo nyagurabushobozi.

Umutwe wa 5

UMUTWE 5: GUKUBA NO KUGABANYA NA 2

5.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gukuba na kabiri igikubo kitarenga 20 no kugabanya na kabiri ikigabanyo kitarenga 10.

5.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko azi: kubara, gusoma, kwandika, guteranya no gukuramo imibare itarenze umubare 20.

5.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu n' uburezi budaheza.

5.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasomo (periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza abanyeshuri bari gutera ibiti ku mirongo ugamije kuvumbura amatsiko ku bizigwa muri uyu mutwe.	1
2	Inshoza yo gukuba na kabiri n'ibikubo bya 2	Kumva inshoza yo gukuba na 2	2
3	Igabanya na 2 ridasagura, ikigabanyo kitarenga 10	Kugabanya imibare na 2, ikigabanyo kitarenga 10	1
4	Amahurizo ku ikuba n'igabanya na 2.	Gukora neza amahurizo ku ikuba n'igabanya ry'imibare na 2 mu buzima busanzwe	1
5	Isuzuma risoza umutwe wa 5	Gukora neza isuzuma bushobozi ku gukuba na 2, igikubo kitarenga 20 no kugabanya na 2 ikigabanyo kitarenze 10.	1
Amasaha yose (Periods)			6

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho riri ku rupapuro rwa 66 mu gitabo cy'umunyeshuri. Kwitegereza abanyeshuri bari gutera ibiti ku mironko, buri wese atwaye ibiti 2 (kimwekimwe muri buri kuboko). Umwe amaze gutera ibyo yazanye, undi nawe yiteguye gutera, abandi 8 bari ku murongo bagana mu murima. Haragaragara kandi ishyamba ry'ibitibikuze.

Umwarimu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri. Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho? Abanyeshuri ni bangahe, buri wese afashe ibiti bangahe? Abanyeshuri 2 bafite ibiti bangahe? Abanyeshuri 4 bafite ibiti bangahe?

Ni gute wamenya umubare w'ibiti by'abanyeshuri 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, 10?

Ibiti 8 ni iby'abanyeshuri bangahe? Ibiti 18 ni iby'abanyeshuri bangahe?

Ni gute wabona umubare w'abanyeshuri bateye ibiti 16?

Isomo rya 2: Inshoza yo gukuba na kabiri n'ibikubo bya 2

a) Ubushobozi bw'ibanze

Umunyeshuri akwiye kuba azi guteranya imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20. Mwarimu abaza ibibazo byo gusuzuma ubwo bushobozi yibanda ku iteranya ry'imibare ingana ariko igiteranyo kitarenga 20.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishyimbo, ibigori, utubuye, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibindi mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa


- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Ashobora guha abanyeshuri ibishyimbo akabasaba gukora uturundo 3 buri karundo karimo ibishyimbo 2 maze akavuga umubare wabyo.

- **Ukwerekera:**

Urugero mbonwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ukurikije ibibarisho wateganyije. Ha buri tsinda umubare w'ibibarisho bitarenze 20. Abanyeshuri bakore uturundo tw'utubarisho tubiritubiri igiteranyo kitarenga 20 kandi bagaragaza inshuro z'uturundo zikozwe n'utubarisho 2. Utubarisho turunze mu buryo bukurikira:



Urugero shusho: Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza igishushanyo kiri ku rupapuro rwa 65 mu gitabo cy’umunyeshuri. Asaba abanyeshuri gukora uturundo bakurikije uko ibishushanyo bimeze.

Urugero: gukora akarundo kamwe kagizwe n’ibishyimbo 2, bakongera bagakora utundi turundo 2 tugizwe n’ibishyimbo 2 buri karundo, bakongera bagakora utundi turundo 3 tugizwe n’ibishyimbo 2 buri karundo.

Mwarimu asaba umunyeshuri umwe gufata akarundo kamwe, undi tubiri, undi dutatu. Afasha abanyeshuri gukoresha imvugo “inshuro” avuga umubare w’uturundo afite.

Mwarimu yerekana uko babyandika ku kibaho:

- kabiri inshuro imwe, byandikwa : 2×1 ;
- kabiri inshuro ebyiri, byandikwa : 2×2 ;
- kabiri inshuro eshatu, byandikwa : 2×3 ;

Mwarimu asaba abanyeshuri kubara ibishyimbo bafite akabereka uko byandikwa n’uko bisomwa nabo bakabisubiramo:

- kabiri inshuro imwe bihwanye na 2, byandikwa: $2 \times 1 = 2$, bisomwa kabiri ukubye rimwe bihwanye na kabiri
- kabiri inshuro ebyiri bihwanye na 4, byandikwa: $2 \times 2 = 4$, bisomwa kabiri ukubye kabiri bihwanye na kane
- kabiri inshuro eshatu bihwanye na 6, byandikwa: $2 \times 3 = 6$; bisomwa kabiri ukubye gatatu bihwanye na gatandatu

Mwarimu asobanurira abanyeshuri ko **ikimenyetso “x”** ari ikimenyetso cyo “gukuba”.

Urutonde rw’imibare: **2, 4, 6, 8, 10, 12, 14, 16, 18, 20** iboneka bakubye 2 n’urutonde rw’imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 yitwa **ibikubo bya 2**.

• Igerageza

Mwarimu akoresha imyitozo mike yo gukora uturundo tw’ibintu bibiri bibiri. Mwarimu asaba abanyeshuri kubikora bandika bakoresheje ibimenyetso byo guteranya no gukuba.

Mu matsinda abanyeshuri basubiza ibibazo biri mugitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 65-67).

Nyuma mwarimu afasha abanyeshuri gufata mu mutwe mara ya kabiri mu buryo bw’akaririmbo.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi buteganyijwe agatanga n'indi myitozo nyagurabushobozi.

Isomo rya 3: Igabanya na 2 ridasagura, ikigabanyo kitarenga 10

a) Ubushobozi bw'ibanze

Umunyeshuri akwiye kuba azi neza gukuba na 2 no gushaka ibikubo bya kabiri bitarenze 20. Umwarimu abaza ibibazo bigamije gushimangira ubwo bushobozi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibindi mwarimu yishushanyirije.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha inkuru cyangwa utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

- **Ukwerekera:**

Urugero mbonwa

Mwarimu asaba abanyeshuri gufata ibibarisho 8 akabasaba gukoramo uturundo tw'ibibarisho bibiribibiri bakareba umubare w'uturundo babonye.

Mwarimu afasha abanyeshuri kumva neza ibyo bakoze ko ari "ukugabanya na 2"

Mwarimu yandika ku kibaho $8:2=4$ Abanyeshuri basome "umunani kugabanya kabiri bihwanye na kane".

Abereka kandi ko kugabanya na 2 biborohera cyane iyo bazi neza ibikubo bya kabiri nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
$\times 2$	2	4	6	8	10	12	14	16	18	20

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa no gusubiza ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 68 na 69.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akurikije ibibarisho yateganyije. Aha buri tsinda umubare w'ibibarisho bitarenze 20 ariko umubare ugabanyika na kabiri. Abasaba gukora uturundo tw'ibibarisho tubiritubiri maze bakareba umubare w'uturundo babonyemo.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yateguye bakayikorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe, yakoresha kandi imyitozo iri ku rupapuro rwa 69 mu gitabo cy'umunyeshuri. Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi buteganyijwe agatanga n'indi myitozo nyagurabushobozi.

Isomo rya 4: Amahurizo ku ikuba n'igabanya na 2

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri akwiye kuba ashobora gukuba no kugabanya na kabiri.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibibarisho n'ibishushanyo.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi karimo gukuba cyangwa kugabanya na 2 akabaza abanyeshuri ho ibibazo bakagerageza gusubiza.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa:

Mwarimu aha abanyeshuri batatu ingwa ebyiri buri muntu. Akabaza abanyeshuri umubare w'ingwa zose abo 3 bafite.

Mwarimu aha umunyeshuri umwe utubarisho 6. Akamusaba kudusaranga bagenzi be batatu maze akabaza abandi umubare w'utubarisho buri wese yahawe.

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 69.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha uduhurizo bakora barangiza buri tsinda rigasabwa gusobanurira abandi bose uko bakoze maze mwarimu agafasha gushimangira ubushobozi bwabo.

- **Imyitozo n'Isuzumabushobozi**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo bakorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi buteganyijwe agatanga n'indi myitozo nyagurabushobozi.

Isomo rya 5: Isuzuma risoza umutwe wa 5

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bazi neza guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera ku mubare 20, gukuba no kugabanya na kabiri bakoresheje ibikubo bya 2 bitarenga umubare 20.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1.Kora iyi myitozo

a) $2 \times 3 =$

b) $2 \times 8 =$

c) $10:2 =$

d) $18 : 2 =$

2. Kora aya mahurizo

i) Abanyeshuri 9, bagiye gutera ibiti buri wese atera ibiti 2. Bose hamwe bate ye ibiti bingahe?

ii) Mico afite amacunga 16 agomba kuyaha abanyeshuri babiri ku buryo bungana. Buri munyeshuri azafata amacunga angahe?

3. Aho imibare ikoreshwa

i) Baza abanyeshuri bahimbe uduhurizo turimo kugabanya no gukuba na kabiri bahereye ku byo bakora mu rugo iwabo.

ii) Fasha abanyeshuri kuganira ku kamaro ko gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni.

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri badafite ubushobozi bwifuzwa agatanga n'indi myitozo nyagurabushobozi.

UMUTWE WA 6: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KURI 50

6.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.

6.2 Ubushobozi bw'ibanze

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko azi: kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo, gusesengura imibare itarenze umubare 20.

6.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu n' uburezi budaheza.

6.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha (Periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza umucuruzi uri muri butiki ugamije kuvumbura amatsiko ku bizigwa muri uyu mutwe..	1
2	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 30	Gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 0 kugera kuri 30	1
3	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 30	Kubara no gusoma adategwa imibare kuva kuri 0 kugera kuri 30	2
4	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 40	Kumva no gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 0 kugera kuri 40	1

5	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 40.	Kubara no gusoma adategwa imibare kuva kuri 0 kugera kuri 40	2
6	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 50	Kubara neza umubare w'ibintu biri mu matsinda guhera kuri 1 kugera kuri 50	1
7	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50	Gusoma neza no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.	2
8	Isesengura ry' imibare y'imibarwa 2 itarenze 50 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi	Gusesengura imibare y'imibarwa ibiri itarenza umubare 50 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi.	2
9	Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 hakoreshejwe ibimenyetso $<$, $>$ na $=$	Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 hakoreshejwe ibimenyetso bikwiye: biruta ($>$), birutwa ($<$), na bingana ($=$).	2
10	Itondekan ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50	Gutondeka neza imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 50 uhaye ku muto ujya ku munini cyangwa uhaye ku munini ujya ku muto.	1
11	Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga umubare 50	Guteranya neza imibare igiteranyo kitarenga 50	2
12	Amahurizo ku iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 50	Gukora neza amahurizo ku iteranya ry'imibare y'ibintu igiteranyo kitarenga 50.	1
13	Ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.	Gukuramo imibare ikinyuranyo kitarenga umubare 50	2

14	Amahurizo ku ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 50	Gukora neza amahurizo yo mu buzima busanzwe ku ikuramo ry'imibare y'ibintu ikinyuranyo kitarenga 50	1
15	Isuzuma risoza umutwe wa 6	Gukora neza isuzuma bushobozi ku kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.	1
Amasomo y'umutwe			22

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho riri ku rupapuro rwa 71. Umucuruzi uri muri butiki ye, muri etajeri ye hari ibintu bitandukanye byanditseho n'umubare wabyo, imbere ye hari itereyi ashyiramo amagi, hari kandi umugore uje kugurisha amagi ari mu ndobo.

Umwarimu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri. Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho? Mwashobora kubara amakaye n'amakaramu biri muri butiki?

Itereyi imwe ijyaho amagi angahe? Amagi yose ari mu ndobo ashobora kuba ari nk'angahe? Ese niyuzura itereyi imwe asigaye bazayagenza gute? Bazayabara gute?

Mwarimu asaza isomo abwira abanyeshuri ko ibicuruzwa ari byinshi, kugirango umuntu abibare agomba kwiga uko babara ibintu birenga 20.

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 30

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20.

b) Imfashanyigisho

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni, igitabo cy'umunyeshuri (urupapuro rwa 71-73), ibibarisho, n'ibindi biboneka aho ishuri rihereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Asaba abanyeshuri gushyira hamwe umubare w'ibintu 20 n'ikindi kimwe ku ruhande nyuma akabasaba kubyegeranya bakabibarira hamwe.

Kwerekana:

Urugero mbonwa:

Mwarimu asaba abanyeshuri gushyira hamwe umubare w'ibintu 20 n'ikindi kimwe ku ruhande nyuma akabasaba kubyegeranya bakabibarira hamwe. Nyuma agenda abasaba kongeraho ikindi kimwe kimwe akabasaba kubibara kugeza babonye ibintu 30.

Urugeroshusho:

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba kwitegereza amashusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 71-72, bakavuga ibyo babona, bakabibara bakajya bavuga umubare wabyo: utudenesi, ibitunguru, imyembe, imipira yo gukina, karoti, inyanya, amakaramu, radiyo, televiziyo, telefoni n'udupira.

- **Igerageza:**

Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo akibanda cyane cyane ku gukoresha uturundo tw'ibintu kuva ku bintu 10 kugeza kuri 30. Mwarimu asaba buri tsinda kwerekana no gusobanurira abandi ibyo bakoze.

Isuzumabushobozi

Mwarimu agomba kongera gutanga indi myitozo yo kubara neza ibintu biri mu matsinda kuva kuri 1 kugeza kuri 30 abanyeshuri bakayikorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 30

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwandika kuva kuri 0 kugera kuri 20 kandi bazi kubara kugera kuri 30.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 72-73.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga: ahereye ku gusaba abanyeshuri kwandika umubare 20, abasaba kubara ibintu n'amashusho kuva kuri 21 kugera kuri 30.

- **Kwerekera n'igerageza**

Mwarimu afasha abanyeshuri bakamenya kwandika umubare w'imibarwa 2 kuva kuri 21 kugera kuri 30 ; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu 21 biri mu karundo akabasaba kugerageza imibare ikurikiyeho bandika ku kibaho umwumwe. Iyo barangije, mwarimu asaba buri wese kwigana kwandika kuva ku 21 kugera kuri 30 nk'uko byanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza, abafite ibyo bakeneye byihariye mu myigire yabo akabafasha mu buryo bwabo.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandukura imibare y'imibarwa 2 kuva kuri 21 kugera ku 30 inshuro nyinshi mu makaye yabo.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza imibare y'imibarwa 2 kuva ku 10 kugeza kuri 30.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo ku kwandika imibare yose guhera kuri 0 kugera kuri 30 ariko akibanda kuva kuri 20 kugera kuri 30.

Iyo myitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 4: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 40

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kubara, gusoma no kwandika umubare kuva kuri 0 kugera kuri 30.

b) Imfashanyigisho

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 2 ariko bakiga kubara bahereye ku bintu 30 bifatika bakagenda bongeraho ikintu kimwekimwe kugeza bageze kuri 40.

Mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74-75.

Abanyeshuri bagomba guhabwa imyitozo ituma basobanukirwa n'umubare w'ibintu 31, 32, 33, 34, 35, 36, 37, 38, 39 na 40 ariko hakaba n'indi ikomatanya imibare yose kuva kuri 1 kugera kuri 40.

Isomo rya 5: Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 40

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 30 ariko azi no kubara kugeza kuri 40. Mwarimu atanga imyitozo ifasha abanyeshuri gushimangira ubwo bushobozi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri n'ibishushanyo.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 3 ariko bakiga kwandika bahereye kuri 31 kugera kuri 40. Mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 75.

Abanyeshuri bagomba guhabwa imyitozo ituma basobanukirwa n'imibare 31, 32, 33, 34, 35, 36, 37, 38, 39 na 40 ariko hakaba n'indi ikomatanya imibare yose kuva kuri 0 kugera kuri 40.

Isomo rya 6: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 50

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kubara, gusoma no kwandika umubare kuva kuri 0 kugera kuri 40. Mwarimu atanga imyitozo igamije gushimangira ubwo bushobozi.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ingwa, ibishyimbo, utubuye, udukoni n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 2 ariko bakiga kubara bahereye ku bintu 40 bifatika bakagenda bongeraho ikintu kimwekimwe kugera kuri 50.

Mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 76 na 77.

Abanyeshuri bagomba guhabwa imyitozo ituma basobanukirwa n'umubare w'ibintu 41, 42, 43, 44, 45, 46, 47, 48, 49 na 50 ariko hakaba n'indi ikomatanya imibare yose kuva kuri 1 kugera kuri 50.

Isomo rya 7: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 40 ariko azi no kubara kugeza kuri 50. Mwarimu atanga imyitozo ifasha abanyeshuri gushimangira ubwo bushobozi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri n'ibishushanyo.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 3 ariko bakiga kwandika bahereye kuri 41 kugeza bageze kuri 50.

Mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 76 na 77.

Abanyeshuri bagomba guhabwa imyitozo ituma basobanukirwa kandi bakamenya kwandika imibare 41, 42, 43, 44, 45, 46, 47, 48, 49 na 50 ariko hakaba n'indi ikomatanya imibare yose kuva kuri 0 kugera kuri 50.

Isomo rya 8: Isesengura ry' imibare y'imibarwa 2 itarenze 50 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 kandi bashobora gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 20. Mwarimu atanga imyitozo ibafasha kwibuka no gushimangira ubwo bushobozi.

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk' isomo rya 6 ryo mu mutwe wa 4.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Yibanda cyane cyane kudasaba gukora uturundo turimo ibintu 10 buri karundo naho ibintu bitagera ku 10 bakabishyira ku ruhande.


- **Kwerekera**

Mwarimu afasha abanyeshuri mu matsinda gufata utubarisho dusa tutarenze 50 bagakoramo uturundo kamwekamwe karimo ibintu icumi. Utubarisho tutagera ku 10 ku ruhande rw'utwo turundo. Ababaza kuvuga umubare w'uturundo dufite utubarisho icumi n'umubare w'utubarisho tutuzuye icumi. (Reba urugero ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri).


Mwarimu afasha abanyeshuri gusesengura umubare w'imibarwa 2 mo ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b) kuva ku 21 kugera kuri 50

Urugero: Umubare 21: bakora uturundo 2 tw'ibintu 10 n'akandi kamwe k'ikintu kimwe.

Ababwira ko ibinyacumi ari bibiri (2) naho ikinyabumwe ari kimwe (1).



– Gukoresha amasaro yo mukibarisho niba cyaboneka



- Kuzuza mu mbonerahamwe y'ibara

c	b
2	1

Mwarimu yerekana uko byandikwa mu magambo make $21 = c2b1$.

- Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa neza ko mu mubare w'imibarwa ibiri hasesengurwamo ibinyacumi (c)n'ibinyabumwe (b).
- Abanyeshuri basobanurirwa neza ko akarundo cyangwa umufungo w'ibintu icumi werekana ibinyacumi naho umubare w'ibintu bituzuye 10 werekana ibinyabumwe.

Igerageza

- Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo bahereye ku rugero bamaze gukorera hamwe.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibinyacumi n'ibinyabumwe ahereye ku turundo bakoze.

Imyitozo

- Mwarimu yifashisha amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupuparo rwa 79 na 80 bagasesengura imibare myinshi y'imibarwa 2 itarenga 50 mo ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b) kuva kuri 10 kugera ku 50 mu makaye yabo.

Imyitozo ikwiye kuba inyuranye mu buryo buzamura ubushobozi bwose: isaba gusesengura.

urugero: $38 = c....b....$

$$c4b1 =$$

$$45 = b...c...$$

$$b3c2 =$$

Isuzumabushobozi

Gutanga imyitozo ku gusesengura imibare y'imibarwa 2 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe. Bene iyi myitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 9: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 hakoreshejwe $<$, $>$ na $=$

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bazi kubara, gusoma, kwandika no gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50. Mwarimu atanga imyitoto ituma abanyeshuri bibuka ibyo bize mbere kandi igashimangira ubwo bushobozi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishyimbo, ibigori, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Abasaba kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi.

Kwerekera

- Mwarimu afasha abanyeshuri kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi. **Urugero:** Udukarito 2 turimo amakaye; kamwe karimo 28 akandi karimo amakaye 43, abanyeshuri bakavuga berekana agakarito karimo amakaye menshi n'agakarito karimo amakaye make.

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 80 aho bagomba kwandika umubare w'ibintu biri muri buri karundo maze bagakoresha ibimenyetso $<$, $>$ cyangwa $=$ mu kugereranya berekana ibiruta ibindi.

- Mwarimu afasha abanyeshuri kwiyibutsa imikoreshereze y'ibimenyetso bikoresheya mu igereranya yifashishije urugero rw'imubare w'ibintu babaze mu turundo bakoze: **biruta yandikwa: $>$ birutwa yandikwa: $<$ naho bingana yandikwa $=$ igasomwa : bihwanye.**

Mwarimu afasha abanyeshuri kubona ko iyo imibare 2 ifite ibinyacumi bitandukanye, umubare muto ni ufite ikinyacumi gito. Naho iyo imibare ihuje ikinyacumi, umuto ni ufite ikinyabumwe gito.

- **Igerageza n'imyitoto**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa indi yateguye.

- **Isuzumabushobozi**

Nyuma yo gukora imyitozo mu makaye, mwarimu atanga indi ikorerwa mu ishuri n'indi ikorerwa mu rugo ikazakosorwa bagarutse mu ishuri. Nyuma yo gukosora, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Isomo rya 10: Itondeka ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50

a) Ubushobozi bw'ibanze

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika, kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera kuri 50 no gutondeka umubare w'ibintu bitarenga 20 bahereye ku bike bajya ku byinshi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yiteguriye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Abasaba kubara ibintu binyuranye bifatika bitarenga 50 biri mu matsinda agera nko kuri 3 bakagenda bavuga ibike n'ibyinshi.

- **Ukwerekera n'igerageza**

Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda y'abanyeshuri 5 nibura agasaba buri tsinda gutondeka ibintu binyuranye bitarenga 50 biri mu turundo bahereye ku byinshi, bajya ku bike nyuma bakabibona bahereye ku bike bajya ku byinshi.

Urugero: Uturundo turimo ibishyimbo 18, 20, 22, 29, 30; 40; 45; 50

- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka uturundo twa buri bwoko bw'ibintu bahereye ku karimo umubare w'ibishyimbo byinshi, nyuma bagatondeka bahereye ku karimo ibishyimbo bike.
- Kuri buri karundo abasaba kwandikaho umubare w'ibintu birimo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza iyo mibare banditse ku ruhande ahareye ku munini ajya ku muto, nyuma bakabikora bahereye ku muto bajya ku munini.
- Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze.
- Buri tsinda rigomba gusobanura neza ryerekana uko batondetse imibare bahawe.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka imibare itarenga umubare 50 bava ku munini bajya ku muto nyuma bakayitondeka bahereye ku muto bajya ku munini. Umunyeshuri ayikora ku giti ke cyangwa bari mu matsinda.

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho biri ngombwa.

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi nk'umukoro wo gukorera mu rugo agamije kugenzura no gusuzuma urwego rw'ubushobozi abanyeshuri bagezeho.

Isomo rya 11: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 50

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 kandi bashobora guteranya no gukuramo imibare kuva 0 kugera 20. Umwarimu akwiye kubaha imyitozo ibafasha gushimangira ubwo bushobozi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**


Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Urugero: Ashobora gutangira abaza abanyeshuri amakipe y'umupira w'amaguru bakunda. Aheraho ababaza umubare w'abakinnyi bagize ikipe imwe. Noneho akababaza umubare w'abakinnyi bose hamwe baba bari mu kibuga.

Kwerekera

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igishushanyo cyo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 82 cyangwa akabaha urugero rw'utubuye turi mu turundo tubiri kamwe karimo 23 akandi karimo utubuye 25. Akabasaba kudushyira hamwe noneho bakatubara bakavuga umubare w'utubuye babonye

Azabafasha kumva ko igikorwa cyo kudushyira hamwe ari uguteranya maze abereke uko bateranya bakoresheje imibare isesenguye mu binyacumi n'ibinyabumwe.



$$23 + 25 = 48$$

c	b
2	3
2	5
4	8

Ikitonderwa: Mu gutanga imyitoto ku iteranya, mwarimu agomba kwirinda gutanga imibare isaba guteranya babitsa, kuko byo bizigwa mu mwaka wa kabiri.

Iyo bateranya imibare y'imibare 2, batondeka umwe muni y'uwundi ku buryo ikinyabumwe cyandikwa muni y'ikinyabumwe n'ikinyacumi kikandikwa muni y'ikinyacumi maze bagateranya ibinyabumwe ukwabyo n'ibinyacumi ukwabyo bifashishije imbonerahamwe y' ibara, kandi burigihe bahera mu ruhanda rw'ibinyabumwe (b) mu guteranya bagasoreza ku binyacumi (c)

- **Igerageza**

Abanyeshuri bashyirwa mu matsinda, mwarimu akabaha imyitoto , buri tsinda rigahabwa umwanya wo kwereka abandi ibyo bakoze maze akabafasha gushimangira ubushobozi.

- **Imyitoto n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo mu gitabo cyabo (urupapuro rwa 82) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 12: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 50

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kubara, gusoma ,kwandika no guteranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishushanyo, ibibarisho, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimuashobora kuvugaagakuru kagufikarimo ikibazo abanyeshuri bakagerageza gusubiza. Urugero: Torero yateye ibiti 32 mu murima we. Bukeye atera ibindi bita 6. Vuga umubare w'ibiti byose yateye?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 83. Abafasha gukoresha ibibarisho cyangwa uturungo mu kumvikanisha ibiri mu ihurizo (visualization).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, urangije mwarimu akamukosora, hanyuma bagakosorera ku kibaho.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora andi mahurizo yo mu gitabo cy'umunyeshuri (ku rupapuro rwa 83) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Ndetse mwarimu agomba gufatanyaga n'abanyeshuri guhimba utundi duhurizo.

Isomo rya 13: Ikuramo ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 11 ryo mu mutwe wa 4 ariko ho hagakoreshwa imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50. Mwarimu azifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 84 n'urwa 85.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50, bashobora no gukuramo imibare ibiri itarenze 20.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukuru cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Mwarimu ashobora kubaha uru rugero: Edina afite ingwa 30, nyuma agaha ho Ella ingwa 10. Edina yasigarana ingwa zingahe?

Mwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko bagiye kwiga “ikuramo ry’imibare itarenga umubare 50”

Kwerekera


- **Urugero mbonwa:** Mwarimu aha abanyeshuri bari mu matsinda ibibarisho bitarenga 50. Nyuma akabasaba gukuraho bimwe mu bibarisho bakabishyira ku ruhande. Abasaba kubara maze bakandika umubare w’ ibyo bakuyemo. Nyuma bakabara umubare w’ibisigaye.

Nyuma mwarimu afasha abanyeshuri kumenya uko byandikwa, ako bisomwa, n’uburyo haboneka igisubizo mu buryo bw’imibare

Urugero: $37 - 13 = 24$.

Saba abanyeshuri basome: 37 gukuramo 13 bihwanye na 24.

Mwarimu abereka uko bakuramo bakurikije isesengura ry’imibare bahagaritse:



$$37 - 13 = 24$$

c	b
3	7
1	3
2	4

-

Umwari mu afasha abanyeshuri gusobanukirwa uko bakuramo imibare bakuramo ibinyabumwe (b) hagati yabyo, n’ibinyacumi (c) hagati yabyo.

Ikitonderwa: Mu gutanga imyitozo ku ikuramo, mwarimu agomba kwirinda gutanga imibare isaba gukuramo batira, kuko byo bizigwa mu mwaka wa kabiri.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bagakora indi myitozo yo mu gitabo cy’umunyeshuri barangiza buri tsinda rigasobanura uko bakoze maze mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yabateguriye bakayikorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Nyuma abaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 14: Amahurizo ku ikuramo ry'imibare kuva 0 kugera 50

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 11, umutwe wa 4 ariko amahurizo akaba avuga ku bintu bigera kuri 50 ariko bitarenga. Mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 85.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera ku 50.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi karimo ikibazo abanyeshuri bakagerageza gusubiza. Urugero: Aline yari afite amasuka 30 mu iduka. Bukeye Aline agurisha ho amasuka 20. Yasigaranye amasuka angahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo bakoresheje ibibarisho cyangwa uturongo hagamijwe kwerekana neza (visualization) ibikubiye mu ihurizo.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora utundi duhurizo maze barangiza buri tsinda rigasabwa kwerekana no gusobanura uko bakoze maze mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 85 bakayikorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe, nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 15: Isuzuma risoza umutwe wa 6

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1. Kora iyi mibare

i) $22 + 17 =$

ii) $... + 20 =$

iii) $23 + ... = 45$

iv) $37 - 21 =$

v) $45 - ... = 32$

vi) $... - 28 = 22$

2. Kora amahurizo akurikira

- Habibu yabonye amanota 35 mu kizamini kimwe, abona 12 mu kindi kizamini. Yabonye amanota angahe yose hamwe?
- Joriji yari yaguze amakaye 50. Ahaho Anita amakaye 16. Vuga umubare w'amakaye Joriji yasigaranye.
- Aline yari afite amasuka 30 mu iduka. Bukeye Aline agurisha ho amasuka 20. Yasigaranye amasuka angahe?
- Mutesi yari afite amasaro 9. Agurisha amasaro yose ku mafaranga 2 buri saro. Kayitesi amuha andi masaro 12. Vuga amasaro Mutesi afite.

3. Ukoresheje ibinyacumi n'ibinyabumwe, sobanura ko

i) $36 > 28$

ii) $45 = 45$

iii) $27 < 29$

Icyitonderwa: Nyuma yo gukosora iri suzumabushobozi, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri badafite ubushobozi bwifuzwa agatanga n'indi myitozo nyagurabushobozi.

Umutwe wa 7

UMUTWE WA 7: IMIBARE KUVA KURI 0 KUGERA KU 100

7.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva 0 kugera kuri 99.

7.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50.

7.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, Kubungabunga ibidukikije, Uburere mbonezabukungu n' Uburezi budaheza.

7.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasomo (Periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza ishusho y'ikarito y'amakaramu y'ibiti hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri kubyo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 60	Gutahura inshoza y'umubare kuva kuri 0 kugera kuri 60	1
3	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 60	Gusoma neza no kwandika imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 60.	2
4	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 70	Kubara neza umubare w'ibintu biri mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 70.	1

5	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 70	Gusoma neza no kwandika imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 70	2
6	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 80	Kubara neza ibintu biri mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 80.	1
7	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 80	Gusoma neza no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 80.	1
8	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 90	Kubara neza umubare w'ibintu biri mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 90.	1
9	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90.	Gusoma neza no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90.	1
10	Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera ku 100	Kubara neza umubare w'ibintu biri mu matsinda kuva kuri 1 kugera ku 100	1
11	Imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99	Gusoma neza no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99	1
12	Isesengura ry'imibare y'imibarwa 2 itarenze 99 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi	Gusesengura imibare y'imibarwa ibiri itarenze umubare 99 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi.	1
13	Igereranya ry'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99 hakoreshejwe ibimenyetso <, >, =	Kugereranya neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99 hifashishwa ibimenyetso bikwiye	1

14	Itondeka ry'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99	Gutondeka neza imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 99.	1
15	Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 99.	Guteranya neza imibare igiteranyo kitarenga 99.	2
16	Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 99	Gukora neza amahurizo ku iteranya ry'ibintu igiteranyo kitarenga 99	1
17	Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 99	Gukuramo neza imibare iri munsu ya 99	1
18	Amahurizo ku ikuramo ry'imibare ikinyuranyo kitarenga 99	Gukora neza amahurizo ku ikuramo ry'imibare y'ibintu ikinyuranyo kitarenga 99	1
19	Isuzuma risoza umutwe wa 7	Gukora neza isuzuma bushobozi ku kubara, gusoma, kwandika, gusesengura, gutondeka, Kugereranya, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99.	1
	Umubare w'amasaha yose (Periods)		22

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko rusange

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho **iri ku rupapuro rwa 87** mu gitabo cy'umunyeshuri.

Kwitegereza ishusho: ikarito y'amakaramu y'ibiti, amakaramu 10 atatanye imwimwe n'udufungo 10 tw'amakaramu y'ibiti 10 kamwekamwe, hari abanyeshuri babiri bari kwibaza uko bamenya umubare w'amakaramu y'ibiti yuzuye ikarito.

Umwarimu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri. Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho? Mu ikarito harimo amakaramu angahe?

Ikarito iramutse yuzuye amakaramu mwayabara gute? Abanyeshuri 2 mureba bari gukora iki? Ese baramutse babaze ku buryo amakaramu 10 bayafungira mu gafungo

kamwe mubona ikarito yuzuye amakaramu yavamo udufungo tungahe? Buri gafungo gahagarariye amacumi angahe?

Mwarimu asozza isomo abwira abanyeshuri ko ikarito ijyamo amakaramu menshi, kugirango umuntu ayabare bisaba kuyakoramo uturundo tw'amakaramu 10 buri karundo, ikarito yose ivamo udufungo turenze 5 bityo rero bagomba kwiga imibare irenze 50.

Isomo rya 2: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 60

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara, gusoma, kwandika, guteranya no gukuramo imibare itarenga 50. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Asaba abanyeshuri gushyira hamwe ibintu 50 nyuma akabasaba gushyiraho ikindi kintu kimwe maze bakabibara.

Nyuma mwarimu asaba abanyeshuri kwegeranya ibintu 50 n'ibindi 9 maze bakabibarira hamwe.

- **Kwerekera:**

Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa ko icyo ubara ibintu 50 hakiyongeraho ikintu 1 biba 51, hakwiyongeraho ikindi bikaba 52, gutyo gutyo kugeza kuri 59 na 60.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri gushyira hamwe ibintu 50 n'utundi turundo tugizwe n'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 10.

Abasaba kwegeranya bya bindi 50 n'ikindi kintu kimwe bakabibara, bagafata 50 bakongeraho ibindi 2 bakabibara, gutyo gutyo kugeza bageze ku guhuriza hamwe ibintu 50 n'akandi k'ibintu 10.

Nyuma mwarimu asaba abanyeshuri kwegeranya ibintu 50 n'ibindi 10 maze bakabibarira hamwe.

- Asaba abanyeshuri kubara ibintu biri mu turundo bakoze.
- Mwarimu aha abanyeshuri ibyo bakora mu matsinda barimo kandi agasobanura neza amabwiriza agenga buri gikorwa. yibanda cyane cyane ku gukoresha uturundo tw'ibintu kuva ku bintu 10 kugeza kuri 60 kandi bakabibara bavuga cyane.

Urugero: uduti 50; imineke 54; amasaro 60.

Mwarimu asaba buri tsinda kwerekana no gusobanurira bagenzi babo ibyo bakoze.

- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bashoboye gukoresha neza imibare mishya bize: kubara ibintu 51, 52, 53, 54, 55, 56, 57, 58, 59 na 60.

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo kubara ibintu 60 maze bakabikoramo uturundo tw'ibintu 10 bakavuga umubare w'amacumi babonye.

Imyitozo n'isuzumabushobozi:

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo arebe niba bashoboye gukoresha neza umubare mushya bize. Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi abanyeshuri bakorera mu ishuri cyangwa bakayitahana nk'umukoro wo mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 3: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 60

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara ibintu 60 kandi bashobora gusoma, kwandika, guteranya no gukuramo imibare y'ibintu bitarenga 50

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa:

Kwerekera n'igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri bakamenya gusoma no kwandika umubare w'imibara 2 kuva kuri 51 kugera kuri 60; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu 61 biri mu karundo akabasaba kugerageza imibare ikurikiyeho bandika ku kibaho no mu makaye yabo.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza naho abafite ibyo bakeneye mu myigire yabo akabafasha muburyo bwihariye.

Mwarimu akoreheje uturundo tw'ibintu 10 n'utw'ibintu bitagera ku 10, afasha abanyeshuri kubona ko imibare kuva kuri 51 kugera kuri 59 igira amacumi 5 cyangwa ibinyacumi 5

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika imibare y'imibarwa 2 kuva kuri 51 kugera kuri 60 bakabikora inshuro nyinshi mu makaye yabo.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza imibare y'imibarwa 2 kuva ku 10 kugeza kuri 60 yanditse mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 87, 88.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo kukwandika imibare yose guhera kuri 0 kugera kuri 60 ariko akibanda ku kuva kuri 50 kugera kuri 60.

Iyo myitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura/gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 4: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 70

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara, gusoma no kwandika imibare itarenga umubare 60, ariko akaba ashobora guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare iri muni ya 50. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 2 ryo muri uyu mutwe ariko abanyeshuri bakiga kubara ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 70.

Byumwihariko:

Mwarimu yibanda ku bintu 60 bakagenda bongeraho uturundo tw'ibintu 1, ibintu 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, na 10 bakajya babarira hamwe agamije ko bashobora kubara ibintu 60, 61, 62, 63, 64, 65, 66, 67, 68, 69, 70.

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo kubara ibintu 70 maze bakabikoramo uturundo tw'ibintu 10 bakavuga umubare w'amacumi babonye.

Mu myitozo mwarimu agenda asaba abanyeshuri kwerekana utubarisho 70; utubuye

60; ibishyimbo 63, n'ibindi kugirango asuzume ko isomo ryumvikanye.

Mu gutanga imyitozo mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 88.

Isomo rya 5: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 70

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara ibintu 70 kandi bashobora gusoma, kwandika, ariko akaba ashobora guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare iri muni ya 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, ibibarisho, ibishushanyo.

c) Ibikorwa

Iri somo rigamije gufasha abanyeshuri gushobora gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 70 ariko bakibanda ku mibare kuva kuri 60 kugera kuri 70.

Kwerekera n'igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri bakamenya gusoma no kwandika umubare w'imibarwa 2 kuva kuri 61 kugera kuri 70 ; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu 61 biri mu karundo akabasaba kugerageza imibare ikurikiyeho bandika ku kibaho umwumwe.

Iyo barangije, mwarimu asaba buri wese kwigana kwandika kuva ku 61 kugera kuri 70 nk'uko byanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza cyanecyane yita ku bakeneye ubufasha bwihariye mu myigire yabo.

Mwarimu akoreheje uturundo tw'ibintu 10 n'utw'ibintu bitagera ku 10, afasha abanyeshuri kubona ko imibare kuva kuri 61 kugera kuri 69 igira amacumi 6.

• Imyitozo

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika imibare y'imibarwa 2 kuva kuri 61 kugera kuri 70 bakabikora inshuro nyinshi mu makaye yabo.

- Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza imibare y'imibarwa 2 kuva ku 10 kugeza kuri 70 yanditse mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 88.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo yo kwandika imibare yose guhera kuri 0 kugera kuri 70 ariko akibanda ku mibare kuva kuri 61 kugera kuri 70.

Iyo myitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura/gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 6: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 80

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara, gusoma no kwandika imibare itarenga umubare 70, ariko akaba ashobora guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare iri muni ya 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni, n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 2 ryo muri uyu mutwe ariko abanyeshuri bakiga kubara ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 80.

By'umwihariko:

Mwarimu yibanda ku bintu 70 bakagenda bongeraho uturundo tw'ikintu 1, ibintu 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, na 10 bakajya babarira hamwe agamije ko bashobora kubara ibintu 70, 71, 72, 73, 74, 75, 76, 77, 78, 79 na 80.

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo kubara ibintu 80 maze bakabikoramo uturundo tw'ibintu 10 bakavugaga umubare w'amacumi babonye.

Mu myitozo mwarimu agenda asaba abanyeshuri kwerekana utubarisho 80; utubuye 70; ibishyimbo 73, n'ibindi kugirango asuzume ko isomo ryumvikanye.

Mu gutanga imyitozo mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 88.

Isomo rya 7: Imisomere n’imyandikire y’ imibare kuva kuri 0 kugera kuri 80

a) Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara ibintu 80 kandi bashobora gusoma, kwandika, guteranya imibare igiteranyo kitarenga umubare 50 no gukuramo imibare y’ibintu bitarenga umubare 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy’umunyeshuri, ibishushanyo n’ibibarisho biboneka aho ishuri riri.

c) Ibikorwa

Iri somo rigamije gufasha abanyeshuri gushobora gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 80 ariko bakibanda ku mibare kuva kuri 71 kugera kuri 80.

Kwerekera n’igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri bakamenya gusoma no kwandika umubare w’imibarwa 2 kuva kuri 71 kugera kuri 80 ; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w’ibintu 71 biri mu karundo akabasaba kugerageza imibare ikurikiyeho bandika ku kibaho umwumwe.

Iyo barangije, mwarimu asaba buri wese kwigana kwandika kuva ku 71 kugera kuri 80 nk’uko byanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza cyanecyane yita ku bakeneye ubufasha bwihariye mu myigire yabo.

Mwarimu akoresheje uturundo tw’ibintu 10 n’utw’ibintu bitagera ku 10, afasha abanyeshuri kubona ko imibare kuva kuri 71 kugera kuri 79 igira amacumi 7.

• Imyitozo

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika imibare y’imibarwa 2 kuva kuri 71 kugera kuri 80 bakabikora inshuro nyinshi mu makaye yabo.

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza no kwandika imibare y’imibarwa 2 kuva ku 10 kugeza kuri 80 nk’uko biri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 89.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo igize umukoro wo kwandika imibare yose guhera kuri 0 kugera kuri 80 ariko akibanda ku kuva kuri 71 kugera kuri 80.

Iyo myitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura/gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 8: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 90

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara, gusoma no kwandika imibare itarenga umubare 80, ariko akaba ashobora guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare iri muni 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni, n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 2 ryo muri uyu mutwe ariko abanyeshuri bakiga kubara ibintu kuva kuri 1 kugera ku 90.

By'umwihariko:

Mwarimu yibanda ku kirundo k'ibintu 80 bakagenda bongeraho uturundo tw'ikintu 1, ibintu 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, na 10 bisa, bakajya babarira hamwe agamije ko bashobora kubara ibintu 80, 81, 82, 83, 84, 85, 86, 87, 88, 89 na 90.

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo kubara ibintu 90 maze bakabikoramo uturundo tw'ibintu 10 bakavugaga umubare w'amacumi babonye.

Mu myitozo mwarimu agenda asaba abanyeshuri kwerekana umubare w'ibintu kugirango asuzume ko isomo ryumvikanye.

urugero: utubarisho 90; utubuye 70; ibishyimbo 83, n'ibindi.

Mu gutanga imyitozo mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 89.

Isomo rya 9: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara ibintu 90 kandi bashobora gusoma, kwandika, guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare y'ibintu biri muni ya 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitoto ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo, n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riri.

c) Ibikorwa

Iri somo rigamije gufasha abanyeshuri gushobora gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90 ariko bakibanda ku mibare kuva kuri 80 kugera kuri 90.

Kwerekera n'igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya gusoma no kwandika umubare w'imibarwa 2 kuva kuri 81 kugera kuri 90; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu 81 biri mu karundo akabasaba kugerageza imibare ikurikiyeho bandika ku kibaho umwumwe.

Iyo barangije, mwarimu asaba buri wese kwigana kwandika imibare kuva kuri 81 kugera kuri 90 nk'uko byanditse ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza cyanecyane yita ku bakeneye ubufasha bwihariye mu myigire yabo.

Mwarimu akoresheje uturundo tw'ibintu 10 n'utw'ibintu bitagera ku 10, abafasha kubona ko imibare kuva kuri 81 kugera kuri 89 igira amacumi 8.

- **Imyitoto**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika imibare y'imibarwa 2 kuva kuri 81 kugera ku 90 bakabikora inshuro nyinshi mu makaye yabo

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza no kwandika imibare y'imibarwa 2 iri hagati ya 10 na 90 yanditse mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 89.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitoto igize umukoro ku kwandika imibare yose guhera kuri 0 kugera ku 90 ariko akibanda ku mibare kuva kuri 81 kugera ku 90.

Iyo myitoto ishobora gukorwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura/gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 10: Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera 100

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora kubara, gusoma no kwandika imibare itarenga umubare 90, ariko akaba ashobora guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare iri muni ya 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ingwa, amakayi, ibitabo, intebe, amakaramu, ibishyimbo, utubuye, udukoni n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo ritegurwa kandi rikigishwa nk'isomo rya 2 ryo muri uyu mutwe ariko abanyeshuri bakiga kubara ibintu kuva kuri 1 kugera ku 100.

By'umwihariko:

Mwarimu yibanda ku kirundo k'ibintu 90 bakagenda bongeraho uturundo tw'ikintu 1, ibintu 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, na 10 bakajya babarira hamwe agamije ko bashobora kubara ibintu 90, 91, 92, 93, 94, 95, 96, 97, 98, 99 na 100.

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo kubara ibintu 100 maze bakabikoramo uturundo tw'ibintu 10 bakavuga umubare w'amacumi babonye.

Mu myitozo mwarimu agenda asaba abanyeshuri kwerekana umubare w'ibintu kugirango asuzume ko ubushobozi bugamijwe bwagezweho.

urugero: utubarisho 80 ; utubuye 80; udushyimbo 93 n'ibindi.

Mu gutanga imyitozo mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 90.

Isomo rya 11: Imisomere n'imyandikire y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara ibintu 100 kandi bashobora gusoma, kwandika, guteranya imibare igiteranyo kitarenga 50 no gukuramo imibare y'ibintu biri muni y'umubare 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo, n'ibindi bibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

Iri somo rigamije gufasha abanyeshuri gushobora gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 99 ariko bakibanda ku mibare kuva ku 90 kugera ku 99.

Kwerekera n'igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri bakamenya gusoma no kwandika umubare w'imibarwa 2 kuva ku 91 kugera ku 99; abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu 91 biri mu karundo akabasaba kugerageza imibare ikurikiyeho bandika ku kibaho umwumwe.

Iyo barangije, mwarimu asaba buri wese kwigana kwandika kuva kuri 91 kugera ku 99 nk'uko byanditswe ku kibaho bakandika buri wese mu ikaye ye.

Afasha abanyeshuri batashoboye kwandika neza cyanecyane yita ku bakeneye ubufasha bwihariye mu myigire yabo.

Mwarimu akoreheje uturundo tw'ibintu 10 n'utw'ibintu bitagera ku 10, abafasha kubona ko imibare kuva ku 91 kugera ku 999 igira amacumi 9.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika imibare y'imibarwa 2 kuva ku 91 kugera ku 99 bakabikora inshuro nyinshi mu makaye yabo.

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma neza no kwandika imibare y'imibarwa 2 guhera ku 10 kugera kuri 99 yanditse mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 90 .

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo igize umukoro wo kwandika imibare yose guhera kuri 0 kugera kuri 99 ariko akibanda ku mibare kuva kuri 90 kugera kuri 99.

Iyo myitozo igizwe n'iyi gukorerwa mu ishuri n'iyi gukorerwa mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 12: Isesengura ry'imibare y'imibarwa 2 itarenze 99 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99 kandi bashobora gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 50.

Mwarimu akwiye gutanga imyitoto ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, ibishyimbo, avoka, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo n'ibindi biboneka aho ishuri rihereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Yibanda cyanecyane kudasaba gukora uturundo turimo ibintu 10 buri karundo naho ibintu bitagera ku 10 bakabishyira ku ruhande.

- **Kwerekera**

Mwarimu afasha abanyeshuri mu matsinda gufata utubarisho dusa tutarenze 99 bagakoramo uturundo turimo ibintu icumi kamwekamwe naho utubarisho tutagera ku 10 bakadushyira ku ruhande rw'utwo turundo. Ababaza kuvuga umubare w'uturundo dufite utubarisho icumi n'umubare w'utubarisho tutuzuye icumi.

Mwarimu afasha abanyeshuri gusesengura umubare w'imibarwa 2 mo ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b) kuva ku 51 kugera kuri 99

Urugero: Umubare 61: bakora uturundo 6 tw'ibintu 10 n'akandi kamwe k'ikintu kimwe.


Ababwira ko ibinyacumi ari bitandatu (6) naho ikinyabumwe ari kimwe (1).

					
10	10	10	10	10	10



1

Ashobora gukoresha amasaro yo mukibarisho niba cyaboneka:



Nyuma yuzuza mu mbonerahamwe y'ibara:

c	b
6	1

Mwarimu yerekana uko byandikwa mu magambo make $61 = c6\ b1$.

Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa neza ko mu mubare w'imibarwa ibiri hasesengurwamo ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b).

Abanyeshuri basobanurirwa neza ko uturundo cyangwa imifungo y'ibintu icumicumi yerekana ibinyacumi naho umubare w'ibintu bituzuye 10 byerekana ibinyabumwe.

Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo bahereye ku rugero bamaze gukorera hamwe.

Mwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibinyacumi n'ibinyabumwe ahereye ku turundo bakoze.

Imyitozo

Mwarimu yifashisha amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupuparo rwa 91 bagasesengura imibare myinshi y'imibarwa 2 itarenga 99 mu ibinyacumi (c) n'ibinyabumwe (b) kuva ku 10 kugera ku 99 mu makaye yabo.

Imyitozo atanga ikwiye kuba inyuranye mu buryo buzamura ubushobozi mu buryo bunyuranye.

urugero: $78 = c\dots b\dots$

$$c5b1 = \dots$$

$$65 = b\dots c\dots$$

$$b9c9 = \dots$$

Isuzumabushobozi

Gutanga umwitozo ku gusesengura imibare y'imibare 2 mu ibinyacumi n'ibinyabumwe. Bene iyi myitozo ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura/ gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 13: Igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99 hakoreshejwe $<$, $>$ na $=$

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bazi kubara, gusoma, kwandika no gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibibarisho, ibishyimbo, ibigori, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Ashobora kubasaba kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi.

- **Kwerekera n'igerageza**

Mwarimu afasha abanyeshuri kubara ibintu binyuranye bifatika biri mu matsinda, bakavuga ibike n'ibyinshi.

Urugero: Udukarito 2 turimo amakaramu y'igiti; kamwe karimo 68 akandi karimo 83, abanyeshuri bakavuga berekana agakarito karimo amakaramu menshi n'agakarito karimo amakaramu make.

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akasaba kwitegereza urugero rw'imyitozo iri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 91 nabo bagakora umwitozo ukurikiyeho bakoresha ibimenyetso $<$, $>$ cyangwa $=$ mu kugereranya imibare.

Mwarimu afasha abanyeshuri kubona ko iyo imibare 2 ifite ibinyacumi bitandukanye, umubare muto ni ufite ikinyacumi gito. Naho iyo imibare ihuje ibinyacumi, umuto ni ufite ikinyabumwe gito.

- **Imyitozo**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 91 cyangwa iyo yiteguriye.

- **Isuzumabushobozi**

Nyuma yo gukora imyitozo mu makaye, mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura /gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 14: Itondekan ry'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99

a) Ubushobozi bw'ibanze

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma , kwandika , kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99 no gutondeka umubare w'ibintu bitarenga 50 bahereye ku bike bajya ku byinshi. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibyo mwarimu yiteguriye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga. Ashobora kubasaba kubara ibintu binyuranye bifatika bitarenga 99 biri mu matsinda agera nko kuri 3 bakagenda bavuga ibike n'ibyinshi n'uko birutana.

- **Ukwerekera n'igerageza**

Mwarimu akoresha abanyeshuri amatsinda agasaba buri tsinda gutondeka ibintu binyuranye bitarenga 99 biri mu turundo duke bahereye ku byinshi, bajya ku bike nyuma bakabitondeka bahereye ku bike bajya ku byinshi.

Urugero : Uturundo turimo ibishyimbo 58, 60, 72 , 89.

Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka uturundo twa buri bwoko bw'ibintu bahereye ku karimo umubare w'ibishyimbo byinshi, nyuma bagatondeka bahereye ku karimo ibishyimbo bike.

Kuri buri karundo abasaba kwandikaho umubare w'ibishyimbo birimo.

Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka neza iyo mibare banditse ku ruhande bahereye ku munini bajya ku muto, nyuma bakabikora bahereye ku muto bajya ku munini.

Mwarimu aha abanyeshuri umwanya buri tsinda ry'abanyeshuri kwereka bagenzi babo ibyo bakoze.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gutondeka imibare itarenga umubare 99 bava ku munini bajya ku muto nyuma bakayitondeka bahereye ku muto bajya ku munini. Umunyeshuri ayikora ku giti ke cyangwa bari mu matsinda. Mwarimu yakwifashisha imyitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 92

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho biri ngombwa.

Nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu agomba kongera gutanga indi nk'umukoro wo gukorera mu rugo agamije kugenzura /gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 15: Iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 99.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99 kandi bashobora guteranya no gukuramo imibare kuva 0 kugera kuri 50. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, utubuye, ibibarisho, ibishushanyo n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**


Mwarimu yifashisha utubazo tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Ashobora gutangira abaza abanyeshuri umubare w'abakobwa bari mu ishuri, akababaza n'umubare w'abahungu, nyuma akababaza umubare w'abanyeshuri bose hamwe bari mu ishuri.

Kwerekera

Mwarimu asaba abanyeshuri gusoma igishushanyo cyo mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa akabaha urugero rw'utubuye turi mu turundo tubiri kamwe karimo 32 akandi karimo utubuye 47. Akabasaba kudushyira hamwe noneho bakatubara bakavuga umubare w'utubuye babonye.

Azabafasha kumva ko igikorwa cyo kudushyira hamwe ari uguteranya maze abereke uko bateranya bakoresheje imibare isesenguyemo ibinyacumi n'ibinyabumwe nk'uko biri mugitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 93.



$$32 + 47 = 79$$

	c	b
	3	2
+	4	7
	7	9

Ikitonderwa: Mu gutanga imyitoto ku iteranya, mwarimu agomba kwirinda gutanga imibare isaba guteranya babitsa, kuko byo bizigwa mu mwaka wa kabiri.

Iyo bateranya imibare y'imibarwa 2, batondeka ibinyabumwe munsu y'ibinyabumwe n'ibinyacumi munsu y'ibinyacumi maze bagateranya ibinyabumwe ukwabyo n'ibinyacumi ukwabyo bifashishije imbonerahamwe y'ibara.

- **Igerageza**

Abanyeshuri bashyirwa mu matsinda, mwarimu akabaha imyitoto iri ku rupapuro rwa 94 mu gitabo cy'umunyeshuri, Nyuma yo kuyikora, buri tsinda rihabwa umwanya wo kwereka abandi ibyo bakoze maze mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi.

- **Imyitoto n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo mu gitabo cyabo (urupapuro rwa 93) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe nyuma akabaha umukoro ushobora gukorera mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura /gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 16: Amahurizo ku iteranya ry'imibare igiteranyo kitarenga 99

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kubara, gusoma, kwandika no guteranya imibare igiteranyo kitarenga 99. Mwarimu akwiye gutanga imyitoto ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishushanyo, ibibarisho n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi karimo ikibazo abanyeshuri bakagerageza gusubiza-agamije ko bavumbura icyo bagiye kwiga . Urugero: Kaliza yaguze amakaye 40 bukeye papa we amugurira amakaye 25. Kaliza yagize amakaye angahe?

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo mu gitabo cy’umunyeshuri riri ku rupapuro rwa 93. Abafasha kumva ikibazo, kumenya icyo babazwa no gushaka igisubizo. Mwarimu abanza kubafasha gukoresha ibibarisho cyangwa uturongo mu kumvikanisha ibiri mu ihurizo (visualization).

- **Igerageza**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora utundi duhurizo mu makaye yabo, urangije akamukosora, hanyuma bagakosorera ku kibaho.

- **Imyitozo n’isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora andi mahurizo yo mu gitabo cy’umunyeshuri (urupapuro rwa 93) mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura /gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 17: Ikuramo ry imibare ikinyuranyo kitarenga 99

a)Ubushobozi bw’ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99, bashobora gukuramo imibare ibiri itarenze 50. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n’amakaramu, ibibarisho, ibishushanyo n’igitabo cy’umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha utubazo cyangwa udukino tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure icyo bagiye kwiga.

Ashobora guhereza umunyeshuri Kamana utubiye 64 akamusaba guhaho Bela utubiye 32 maze akababaza kubara umubare w'utubiye Kamana asigaranye.

Kwerekera


Urugero mbonwa: Mwarimu aha abanyeshuri bari mu matsinda ibibarisho bitarenga 99. Nyuma abasabe bakureho bimwe mu bibarisho babishyire ku ruhande. abasabe babare maze bandike umubare w'ibyo bakuyemo. Nyuma babare umubare w'ibisigaye.

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya uko byandikwa, uko bisomwa, n'uburyo haboneka igisubizo mu buryo bw'imibare:

Urugero: $77 - 33 = 44$.

Saba abanyeshuri basome: 77 gukuramo 33 bihwanye na 44.

Mwarimu abereka uko bakuramo bakurikije isesengura ry'imibare:



c	b
7	7
3	3
4	4

$77 - 33 = 44$

Ikitonderwa: Mu gutanga imyitozo ku ikuramo, mwarimu agomba kwirinda gutanga imibare isaba gukuramo batira, kuko byo bizigwa mu mwaka wa kabiri.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bagakora indi myitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 94 barangiza buri tsinda rigasobanura uko bakoze maze mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yabateguriye bakayikorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe. Nyuma abaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura /gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 18: Amahurizo ku ikuramo ry imibare ikinyuranyo kitarenga 99

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika no gukuramo imibare iri muni ya 99. Mwarimu akwiye gutanga imyitozo ifasha gusuzuma ibyo umunyeshuri ashoboye mbere yo gutangira isomo rishya.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, amakaramu, ibibarisho, ibishushanyo n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu ashobora kuvuga agakuru kagufi karimo ikibazo abanyeshuri bakagerageza gusubiza agamije ko bavumbura icyo bagiye kwiga. Urugero: Mwarimu aha abanyeshuri ikaye y'impapuro 98. Impapuro 52 murizo zanditseho. Akabasaba kuvuga umubare w'impapuro zitanditseho.

- **Kwerekera**

Urugero mbonwa: Mwarimu afasha abanyeshuri kumva no gukora ihurizo bakoresheje ibibarisho cyangwa uturongo hagamijwe kwerekana neza (visualization) ibikubiye mu ihurizo.

- **Igerageza**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora utundi duhurizo turi mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 95 maze barangiza buri tsinda rigasabwa kwerekana no gusobanura uko bakoze, mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 95 bakayikorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe, nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo agamije kugenzura /gusuzuma ko abanyeshuri bamenye kandi bashoboye gukoresha neza ibyo bize.

Isomo rya 19: Isuzuma risoza umutwe wa 7

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya imibare igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare itarenga umubare 99.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1. Kora iyi mibare

i) $34 + 21 = \dots$

ii) $63 + \dots = 99$

iii) $87 - 41 = \dots$

v) $55 - \dots = 32$

vi) $\dots - 24 = 35$

2. Uzuza na $<, >, =$

i) $61 \square 57$

ii) $12 + 24 \square 36$

3. Tondeka iyi mibare uhereye ku muto ujya ku munini

60; 35; 51; 75

4. Sesengura iyi mibare

i) $76 = c \dots b \dots$

ii) $c5 \ b3 = \dots$

2. Kora amahurizo akurikira

Muneza yateye ibiti 45 mu murima, bukeye atera ibiti 23. Muneza yateye ibiti bingahe?

2) Yudita yaguze amagi 58 yo guteka mu isabukuru y'abana. Yudita ageze mu rugo ateka amagi 25. Amagi yasigaye ni angahe?

3) Umusaza Mugabo yahaye abuzukuru be imineke 34, bigeze nimugoroba papa wabo nawe abazanira imineke 31. Abo bana baraye bariyeho imike 34. Imineke yasigaye ni ingahe?

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora iri suzuma, mwarimu ategura uburyo bwo gufasha abanyeshuri badafite ubushobozi bwifuzwa agatanga indi myitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi.

Umutwe wa 8

UMUTWE WA 8: IMIGABANE $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$

8.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kwerekana kimwe cya kabiri na kimwe cya kane cy'ikizima.

8.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99. Agomba kuba ashobora gutandukanya ikintu cyuzuye n'ikintu kituzuye.

8.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, uburere mbonezabukungu n'uburezi budaheza.

8.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha (Periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza no gusesengeura ibikubiye mu ishusho ugamije kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Inshoza y'umugabane n'ibice biwugize.	Gutahura inshoza y'umugabane $\frac{1}{2}$ no gutandukanya ikibara n'ikita bigize uyu mugabane.	2
3	Inshoza y'umugabane , n'ibice biwugize.	Gutahura inshoza y'umugabane $\frac{1}{4}$, kuwandika no kugaragaza ibice biwugize	2
4	Isuzuma risoza umutwe wa 8	Kwerekana, kwandika $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ by'ikizima no kuvuga ibice bigize umugabane.	1
Amasaha yose y'umutwe			6

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho y'insanganyamatsiko riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 97. Kwitegereza no gusesengura ibikubiye mu ishusho: icunga ryuzuye, icunga rigabanyijemo ibice 2 bingana biri ku isahane, icunga rigabanyijemo ibice 4 bingana biri ku isahane. Abanyeshuri babiri (umukobwa n'umuhungu) begeranye buri munyeshuri afite agace k'icunga mu ntoki.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, umwarimu ababaza ibibazo bagomba gusubiza. Umwarimu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho?

Murabona amacunga angahe?

Ibice by'icunga mubona ni iby'icunga ryagabanyijwemo kangahe?

Abanyeshuri 2 mubona buri wese afite igice k'icunga ryagabanyijwemo kangahe?

Ese ibi bice by'icunga mubona bihujwe byatanga iki?

Mwarimu asaza isomo abwira abanyeshuri ko icunga rimwe abanyeshuri 2 bashobora kurigabana barikase ibice 2 buri wese agafata igice kimwe kingana n'icy'undi. Iri cunga kandi abanyeshuri 4 bashobora kurigabana buri wese agafata igice kimwe muri bine bingana.

Isomo rya 2: Umugabane $\frac{1}{2}$

a) Ubushobozi bw'ibanze

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kugabanya ikizima mu ibice 2 bingana

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, icunga, ipapaye, inanasi, icyuma cyo ku meza, urupapuro, imikasi, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashisha udukino cyangwa udukuru tunyuranye kugira ngo abanyeshuri bavumbure ko ikizima gishobora kugabanywamo ibice 2 bingana.

Mwarimu yerekana amacunga 2 agasaba umunyeshuri 1 kuyagabanya abanyeshuri 2 maze akababaza umubare w'amacunga buri munyeshuri afata.

Nyuma abaha icunga rimwe akabasaba kurigabanya abanyeshuri 2 ku buryo

bungana maze akabaza buri munyeshuri icyo yafata.

Kwerekera

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda angana n'umubare w'udupapuro yateguye. Udupaparo dufite ishusho y'uruziga. Asaba abanyeshuri guhinamo ibice bibiri bingana. Nyuma akabasaba kuvuga uko babona buri gice maze bakavumbura ko igice kimwe kingana n'ikindi gice.

Mwarimu asaba abanyeshuri guhina urupapuro bahuza imitwe yarwo, maze bakarukata mo ibice 2 bingana bakurikije umukunjo. Asaba abanyeshuri kugereka igice kimwe hejuru y'ikindi berekana ko ibyo bice bingana. Buri tsinda ryerekana igice kimwe rivuga riti "kimwe cya kabiri".

Mwarimu asaba abanyeshuri gusubiramo ijambo "kimwe cya kabiri".

Ingero shusho

Mwarimu asaba abanyeshuri kuganira ku ngero zatanze mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 97- 98 .

Mwarimu yandika $\frac{1}{2}$ ku kibaho maze agasaba abanyeshuri kwandika $\frac{1}{2}$ no gusoma nka "kimwe cya kabiri" ku kibaho no mu makaye yabo.

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya kandi ko $\frac{1}{2}$ ari umubare witwa umugabane kandi ko ugizwe n'ibice bibiri by'imibare bitandukanyijwe n'akarongo gatambitse : Umubare wo hejuru y'akarongo bawita **ikibara** naho umubare wo muni y'akarongo bawita **ikita**.

Urugero: Mu mugabane $\frac{1}{2}$, ikibara ni 1 naho ikita ni 2.

Igerageza

Mwarimu yereka abanyeshuri ibintu bifatika (icunga, ipapayi, avoka n'ibindi bishoboka), akabasaba gukatamo ibice 2 bingana no kwerekana $\frac{1}{2}$ k'icyo kintu. Abereka kandi amashushongerwa (urukiramende, kare, uruziga, n'ibindi) agabanyijemo ibice 2 bingana akabasaba kwerekana $\frac{1}{2}$ basiga **ibara ahakwiye**.

Imyitozo n'isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri gufata amakaye yabo akabaha indi myitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 98-99, hanyuma akabakosora umwumwe nyuma agatanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 3: Umugabane $\frac{1}{4}$

a) Ubushobozi bw'ibanze

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gukata ikizima mo ibice 2 bingana, kugira icyo bavugaga kuri $\frac{1}{2}$ k'ikintu gifatika no kwerekana $\frac{1}{2}$ k'ikizima, kuvugaga no kwerekana ikibara n'ikita mu mugabane $\frac{1}{2}$.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, icunga, ipapaye, inanasi, icyuma cyo ku meza, urupapuro, imikasi, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu afata icunga akarigabanya mo ibice bine bingana akabereka ko buri gice kingana n'ikindi. Nyuma yongera kubihuriza hamwe akabereka ko bikoze icunga ryose.

Nyuma ababaza kuvugaga niba icunga rimwe abanyeshuri 4 barigabana mu buryo bungana.

Ababaza ibibazo biganisha ku kuvumbura ko buri munyeshuri yafata igice kimwe muri 4 bigize rya cunga ryose.

- **Kwerekera n'igerageza**

Urugero mbonwa:

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda angana n'umubare w'udupapuro dufite ishusho ya Kare yateguye.

Mwarimu asaba abanyeshuri guhinamo ibice bine bingana, akabasaba gukata udupapuro bakurikije imikunjo. Asaba abanyeshuri kugerekeranya ibice byose buri kimwe hejuru y'ikindi berekana ko ibyo bice bingana.

Buri tsinda ryerekana igice kimwe muri bine bingana rivugaga riti "kimwe cya kane".

Mwarimu abasaba gusubiramo ijamba "kimwe cya kane". Abereka uko bandika umugabane $\frac{1}{4}$ agasaba bamwe mu banyeshuri kuza kubyandika ku kibaho nyuma abanyeshuri bese bakabikora mu makaye yabo.

Ingero shusho

Mwarimu yereka abanyeshuri amashusho agabanyijemo ibice 4 bingana mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 100.

Mwarimu asaba bamwe mu banyeshuri kuza imbere bakerekana $\frac{1}{4}$ ku ishusho

yateguye.

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya kandi ko $\frac{1}{4}$ ari umubare witwa umugabane kandi ko ugizwe n'ibice bibiri by'imibare bitandukanyijwe n'akarongo gatambitse : Umubare wo hejuru y'akarongo bawita **ikibara** naho umubare wo munsu y'akarongo bawita **ikita**. Abasaba kwandika ikibara n'ikita by'umugabane $\frac{1}{4}$.

Urugero: Mu mugabane $\frac{1}{4}$, ikibara ni 1 naho ikita ni 4.

- **Imyitozo n'isuzumabushobozi**

Mwarimu aha abanyeshuri indi imyitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 100-101 cyangwa indi yateguye bakayikora hanyuma akabakosora umwe umwe. Nyuma abaha imyitozo igize umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.



Isomo rya 6: Isuzuma risoza umutwe wa 8

a) Ubushobozi bw'ibanze:



Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kugira icyo bavuga ku migabane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ no kugaragaza $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ k'ikizima kigabanyijemo ibice 2 cyangwa 4 bingana.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi


1. Siga ibara werekana $\frac{1}{2}$ cy'aya mashusho:



2. Andika umugabane ujyanye n'ishusho y'ibara ry'umuhondo



3. Itegereze aba bana 2 b'abakobwa Joziyane na Marita . Sobanura uko bagabana inanasi 1 mu buryo bungana.Andika umugabane wa buri mwana.



4. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane. Hereza buri tsinda urupapuro. Saba buri tsinda kugabanya urupapuro mo ibice 4 bingana buri wese afate agace 1 yandikeho umugabane uhwanye na ko.

Abanyeshuri bungurane ibitekerezo ku kamaro k'imigabane bize mu buzima bwa buri muni.

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora, mwarimu ashyiraho gahunda yo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi bwifuzwa. Abandi banyeshuri abaha imyitozo nyagurabushobozi.

Umutwe wa 9

UMUTWE WA 9: URUKURIKIRANE RW'IBARA

9.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw' ibara n' uburyo uboneka ku mibare y' umubarwa umwe cyangwa imibarwa 2.

9.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99, guteranya imibare igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare itarenga 99.

9.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi n'uburezi budaheza.

9.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha (Periods)
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza ibikubiye mu ishusho no gusubiza ibibazo biyerekeyeho hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Inshoza y'urutonde rw'ibara bateranya n'intera idahinduka mu rukurikirane rw'ibara riteranya	Gutahura umubare ubura no gukora urukurikirane rw'ibara uteranya.	2
3	Inshoza y'urutonde rw'ibara bakuramo n'intera idahinduka mu rukurikirane rw'ibara rikuramo.	Gutahura umubare ubura no gukora urukurikirane rw'ibara ukuramo.	2
4	Isuzuma risoza umutwe wa 9	Gukora neza isuzumabushobozi ku gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw'ibara n'uburyo uboneka.	1
	Amasaha yose y'umutwe		6

Isomo rya 1: insanganyamatsiko rusange

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 103.

Urutonde rwa avoka 1, 3, 5, 7, 9, ...

Ku ruhande hari imbonerahamwe yujemo imibare (1, 2, 3, 4, 5, 6, ...) ariko imibare y'ibiharwe (1, 3, 5, ...) yandikishije ibara. Munsu y'aho umunyeshuri ari gukora urutonde rw'imibare y'ibiharwe nk'uko avoka zitondetse.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, umwari mu ababaza **ibibazo bagomba gusubiza**. Umwari mu azirikana ko atagomba guhakana igisubizo gitanzwe na buri munyeshuri.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho?

Muvuge umubare w'avoka ziri kuri buri murongo (umurongo wa mbere, uwa kabiri, uwa gatatu, ...)

Kuva ku murongo umwe ujya ku wundi hiyongeraho avoka zingahe?

Umunyeshuri uri kwandika imibare agenda ateranyaho kangahe aha ku mubare umwe ajya ku wundi? Mwagerageza gukora urutonde rw'imibare umunyeshuri ari gusimbuka? Mushobora kuyikurikiranya muhereye ku muto?

Mwari mu asozza isomo abwira abanyeshuri ko umuntu ashobora gukora urutonde rw'imibare agenda asimbuka imwe muri yo ko aribyo baziga mu masomo akurikira.

Isomo rya 2: Urutonde rw'ibara bateranya

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99, guteranya igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare itarenga 99.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, amakaramu, ibishyimbo, ibigori, avoka, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri n'ibibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwari mu akora amatsinda akayaha inimeru kuva kuri 1 kugera kuri 6 maze akabasaba gushaka utubuye mu buryo bukurikira: itsinda rya mbere rifata utubuye 3, itsinda rya kabiri rigomba kurusha irya mbere utubuye 2, irya 3 naryo rikarusha

irya 2 utubuye 2 gutyogutyo. Mwarimu abasaba noneho kujya hamwe bagakora urutonde rw'imibare igize utubuye twa buri tsinda bahereye ku itsinda rya mbere.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bakora urutonde rw'imibare guhera ku mubare uyu n'uyu bakajya bateranya bashyiramo intera ingana batarenza umubare 99. Mwarimu abereka urugero rumwe ahereye ku mubare w'ibintu bisa biri mu karundo akabasaba kujya bongeraho ibintu bingana bagakora akandi karundo iruhande rwa kamwe kabanza.


Urugero: bahereye ku bishyimbo 2 bakajya bongeraho bibiribiri bakora uturundo tw'ibishyimbo: 2, 4, 6, 8, 10, 12,

Bahereye ku karundo k'ibishyimbo 3 bakora akarundo k'ibintu: 3, 5, 7, 9, 11,


Bigaragara ko bongeragaho intera y'ibishyimbo 2 kuko iyo urebye akarundo ka 2 karusha ibishyimbo 2 akarundo ka 1; akarundo ka 3 nako kakarusha akarundo ka 2 ibishyimbo 2 gutyogutyo.



itsinda rya 1



itsinda rya 2



itsinda rya 3



itsinda rya 4

Mwarimu asobanurira abanyeshuri ko umubare wagiye wongerwa kuri buri karundo bawita: **intera idahinduka iri hagati y'imibare ikurikirana.**

- **Igerageza**

Mwarimu aha abanyeshuri umubare w'ibintu bigize akarundo ka mbere, akababwira umubare w'ibintu bagenda bongeraho maze akabasaba gukora uturundo nka 7 dukurikiyeho maze bakandika urutonde rw'imibare y'ibintu bigize utwo turundo uko dukurikirana.

Nyuma yo gukoresha ibintu bifatika, Mwarimu atanga umubare wa mbere n'umubare bagomba kujya bongeraho maze agasaba abanyeshuri gukora urutonde.

Urugero: guhera kuri 20, bakajya bongeraho 3 babona: 20; 23; 29;

Mwarimu yifashisha kandi imyitozo iri ku rupapuro rwa 103-105 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo turimo ibintu bisa akoresheje intera runaka idahinduka bateranya.

Urugero:

Kora uturundo 3 aka mbere karimo utubuye 12; ukoreshe intera ya 2 bateranya.

Uzuza imibare ubura: 20; 25; 30;;

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 103-105 ku gushaka umubare ubura, gushaka intera idahinduka mu rutonde rw'imibare ruboneka bateranya.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitoto igize umukoro ku rukurikirane rw'imibare itarenga 99 hakoreshejwe intera ingana mu guteranya. Ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora imyitoto, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bose bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.

Isomo rya 3: Inshoza y'urutonde rw'ibara bakuramo

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma kwandika gukuramo imibare itarenga umubare 99 kandi bashobora gukora urutonde rw'ibara bateranya bifashishije intera idahinduka.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye, amakaramu, ibishyimbo, ibigori, avoka, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri, n'ibibarisho biboneka aho ishuri riherereye.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu akora amatsinda y'abanyeshuri akabaha inimeru kuva kuri 1 kugera kuri 5 maze akabasaba gushaka utubuye mu buryo bukurikira: itsinda rya mbere rifata utubuye 30, itsinda rya kabiri rigomba kurushwa n'irya mbere utubuye 2, irya 3 naryo rikarushwa n'irya 2 utubuye 2 gutyogutyo. Mwarimu abasaba noneho kujya hamwe bagakora urutonde rw'imibare igize utubuye twa buri tsinda bahereye ku itsinda rya mbere.

- **Kwerekera**

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bakora urutonde rw'imibare guhera ku mubare uyu n'uyu bakajya bakuramo bashyiramo intera ingana. Mwarimu abereka urugero rw'uturundo tw'ibintu bigenda birutanaho biribibiri, uva ku mubare w'ibintu byinshi ujya ku mubare w'ibintu bike.

Urugero: bahereye ku bishyimbo byinshi bakora uturundo dutandukanye bakajya bakuramo ibishyimbo bitatubitatu bakora uturundo tw'ibishyimbo: 45, 42, 39, 36, 33, 30,

Bahereye ku karundo k'ibishyimbo 30 bakora uturundo tw'ibintu: 30, 27, 24, 21, 18,

Bigaragara ko bakuraho intera y'ibishyimbo 3 kuko iyo urebye akarundo ka 2 karushwa n'akarundo ka mbere ibishyimbo 3; akarundo ka 3 nako kakarushwa n'akarundo ka 2 ibishyimbo 3 gutyogutyo.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri ko umubare wagiye ukurwa kuri buri karundo bawita: **intera idahinduka iri hagati y'imibare ikurikirana.**

- **Igerageza**

Mwarimu aha abanyeshuri umubare w'ibintu bigize akarundo ka mbere, akababwira umubare w'ibintu bagenda bakuramo maze akabasaba gukora uturundo nka 7 dukurikiyeho maze bakandika urutonde rw'imibare y'ibintu bigize utwo turundo uko dukurikirana.

Nyuma yo gukoresha ibintu bifatika, mwarimu atanga umubare wa mbere n'umubare bagomba kujya bakuramo maze agasaba abanyeshuri gukora urutonde

Urugero: guhera kuri 50, bakajya bakuramo 3 babona urutonde rukurikira: 50; 47; 44; 41;

Mwarimu yifashisha kandi ibibazo biri ku rupapuro rwa 105 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uturundo turimo ibintu bisa akoresheje intera runaka bagenda bakuramo.

Urugero: Kora uturundo 3 aka mbere karimo utubuye 40; ukoreshe intera ya 2 bagenda bakuramo.

Uzuza imibare ubura:

60	55	...	45	...	35	...	25	...	15
----	----	-----	----	-----	----	-----	----	-----	----

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 105-106 ku gushaka umubare ubura no gushaka intera idahinduka mu rutonde rw'imibare ruboneka bakuramo.

- **Isuzumabushobozi**

Mwarimu atanga imyitozo ku rukurikirane rw'imibare itarenga 99 hakoreshejwe intera ingana mu gukuramo. Ishobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo, nyuma yo gukosora imyitozo, mwarimu ashobora kongera gutanga indi akurikije ibyavuye mu isuzuma.

Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora ibyo bahawe akabagira inama aho bibaye ngombwa.

Isomo rya 4: Isuzuma risoza umutwe wa 9

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw'ibara n'uburyo uboneka ku mibare y'umubarwa umwe cyangwa imibarwa 2.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1. Uzuza imibare ibura

a)

10	...	30	40	50	...	70	...	90
----	-----	----	----	----	-----	----	-----	----

b)

90	...	80	..	70	65			...	45
----	-----	----	----	----	----	------	------	-----	----

2. Ana afite imineke 10, niba arusha Monika ho imineke 2, ubwo Monika afite imineke ingahe? Niba Monika arusha Sara imineke 2, Sara we afite imineke ingahe?

3. Vuga intera idahinduka iri hagati y'iyi mibare 80; 70; 60; 50, ..

4. Kora uturundo 10 tw'ibishyimbo kuburyo akarundo ka mbere kaba karimo ibishyimbo 2 akarundo ka kabiri karimo ibishyimbo 4,..., ku ntera idahinduka y'ibishyimbo 2 mu rukurikirane rushingiye ku iteranya.

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora, mwarimu ashiraho uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi bwifuzwa. Abandi banyeshuri akabaha imyitozo nyagurabushobozi.

Umutwe wa 10

Umutwe wa 10: Gupima uburebure butarenze m 10

10.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gupima, kugereranya uburebure bw'ibintu binyuranye bitarenza m10 no gukora imyitozo y'iteranya n'ikuramo.

10.2 Ubushobozi bw'ibanze

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma, kwandika, kugereranya, gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera ku 99, guteranya igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare iri muni ya 99.

10.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho

Kwimakaza umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, kubungabunga ibidukikije, ubuziranenge n'uburezi budaheza.

10.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza ishusho no gusubiza ibibazo biyerekeyeho hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Inshoza y'uburebure bw'ibintu	Gutahura inshoza y'uburebure n'inshoza ya metero.	1
3	Ibikoresho byo gupima uburebure bw'ibintu	Gutahura ibikoresho bikoreshe mu gupima uburebure bw'ibintu: ibikoresho bisanzwe: (intambwe y'amaguru, intambwe y'ikiganza, uburebure bw'akaboko); Ibikoresho fatizo: (imetero n'amoko yazo).	1
4	Imisomere n'imyandikire ya metero	Gusoma no kwandika neza uburebure bw'ibintu bapimye muri metero.	1
5	Gupima uburebure bwa m 10 ukoresheje metero	Gupima neza uburebure bw'ibintu binyuranye bifite uburebure butarenga m10.	2

6	Igereranya ry'uburebure butarenga m10	Kugereranya neza uburebure bw'ibintu binyuranye, (bireshya n'ibisumbana) bitarenga m 10	1
7	Iteranya ry'uburebure butarenga m10	Guteranya neza ingero z'uburebure igiteranyo kitarenga m 10	1
	Amahurizo ku iteranya ry'uburebure butarenga m10	Gukora neza amahurizo ku iteranya ry'uburebure bw'ibintu igiteranyo kitarenga m 10	1
8	Ikuramo ry'uburebure butarenga m10	Gukuramo ingero z'uburebure ikinyuranyo kitarenga m10	1
	Amahurizo ku ikuramo ry'uburebure butarenga m10	Gukora neza amahurizo ku ikuramo ry'uburebure bw'ibintu ikinyuranyo kitarenga m10	
9	Isuzuma risoza umutwe wa 10	Gukora neza isuzuma bushobozi ku gupima no kugereranya uburebure bw'ibintu bitarenga m 10	1
	Amasaha yose y'umutwe		11

Isomo rya 1: insanganyamatsiko

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 107: abanyeshuri bari gupima uburebure bw'ishuri bakoresheje imetero ya mwarimu, abanyeshuri bari gupima uburebure bw'ubusitani bw'ishuri bakoresheje imetero bushumi n'abandi bakoresha umugozi muremure.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, mwarimu ababaza ibibazo bagomba gusubiza.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho?

Abanyeshuri bafashe iki mu ntoki? Baba bari gukora iki?

Impande z'ishuri zose zaba zireshya? Uruhande rurerure ni uruhe? Urugufi ni uruhe? Ni iki wakoresha ngo umenye uruhande rurerure?

Impande z'ubusitani murabona zaba zireshya? Mwerekane aharehare n'ahagufi.

Ushobora gukoresha intambwe z'ikiganza cyangwa iz'amaguru mu gupima uburebure bw'ishuri?

Mwarimu asozza isomo abwira abanyeshuri ko umuntu ashobora gupima uburebure bw'ibintu akamenya ikigufi n'ikirekire, ahantu harehare n'ahagufi, kandi ko bazabyiga

mu buryo burambuye mu masomo azakurikiraho.

Isomo rya 2: Inshoza y'uburebure bw'ibintu

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kugerarany imibare y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 99 bagaragaza ibike n'ibyinshi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, imigozi migufi n'imiremire, umushipiri, udukoni dufite uburebure butandukanye, amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byateguwe na mwarimu, imetero ya mwarimu.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu aganiriza abanyeshuri ku burebure bw'ibintu n'ahantu byo mubuzima bwa buri muni.

Urugero: baganirize urugendo bakora bava imuhira bajya ku ishuri, ku isoko, ku rusengeri,... Bakoreshe **ni kure/harehare, hafi/hagufi,**

Mwarimu ashobora no kujyana abanyeshuri hanze bakitegereza ibintu bifite uburebure butandukanye bakavuga ibigufi n'ibirebire. Si byiza kugereranya uburebure bw'abanyeshuri ubwabo.

Mwarimu ashobora gukoresha abanyeshuri agakino ko gusimbuka babiribabiri agenda abaza abandi kuvuga uwasimbutse hagufi cyangwa uwasimbutse harehare.

Kwerekera

Urugero mbonwa :

Mu matsinda, mwarimu ahereza abanyeshuri udukoni tureshya cyangwa dusumbana. akabasaba kudutondeka kuva ku kagufi bajya ku karekare. Abafasha kuvuga bati "**iki ni cyokirekire kuri iki, "iki ni kigufi kuri iki" aka ni ko karekare kuri aka, "aka niko kagufi kuri aka"**

Akoresha ibikoresho bifite uburebure bureshya mu kugereranya agafasha abanyeshuri kuvuga: "utu dukoni turareshya nyuma ati utu dukoni tubiri dufite uburebure bungana". Aya makaramu abiri y'igiti afite uburebure bumwe"

Ashobora gufata bya bikoresho bibiri **urugero:** agakoni kamwe muri buri kiganza agashyira ibiganza hejuru ati ni akahe karekare? Ni akahe kagufi?

Ashobora kandi kubaza abanyeshuri kugereranya aho andi mashuri aherereye ugereranyije niryoy bigamo akababaza kuvuga iriri hafi n'iriri kure.

Igerageza:

Urugero shusho:

Mwarimu akoresha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 107-108, agasaba abanyeshuri kwerekana ishusho rirerire cyangwa rigufi.

Imyitozo n'isuzumabumenyi

Mwarimu akoresha imyitozo inyuranye yo gusaba abanyeshuri kwerekana no kwandika: ikirekire n'ikigufi, ibintu biri hafi n'ibiri kure, n'ibindi yifashishije imyitozo yo mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 108. Abanyeshuri bakorera mu makaye yabo hanyuma akabakosora umwumwe nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Isomo rya 3: Ibikoresho byo gupima uburebure bw'ibintu n'ahantu

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bashobora kuba bagereranya uburebure bw'ibintu batapimye bakerekana ikigufi, ikirekire, ibireshya, ibiri kure n'ibiri hafi.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, imigozi migufi n'imiremire, umushipiri, udukoni dufite uburebure butandukanye, amoko anyuranye ya metero (iya mwarimu, metero buhine, metero bushumi), amakaye n'amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo byateguwe na mwarimu.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ajyana abanyeshuri hanze akabasaba gutera intambwe bakavuga umubare w'intambwe ziri hagati y'abanyeshuri 2 bahagaze ahantu hatandukanye.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mu matsinda, mwarimu ashobora guhereza abanyeshuri udukoni tureshya cyangwa dusumbana akabasaba gupima uburebure bw'udukoni bakoresheje intambwe y'ikiganza no kwandika umubare w'intambwe babonye kuri buri gakoni.

Mwarimu asaba abanyeshuri gupima uburebure n'ubugari bw'ishuri bakoresheje intambwe z'amaguru bakabara umubare w'intambwe maze bakavuga ahagufi n'aharehare.

Mwarimu aha abanyeshuri imetero ya mwarimu bagapima nanone umubare wa

metero ziri mu burebure bw'ishuri cyangwa mu mugozi wateganyijwe n'ibindi.

Mwarimu abaza abanyeshuri kuvuga ibikoresho :

- Abadozi bifashisha bapima uburebure bw'ibitambaro cyangwa ibipimo by'abantu bagiye kudodera,
- Ababaji bifashisha bapima uburebure bw'imbaho,
- Abafundi bifashisha bapima uburebure bw'aho bubaka cyangwa urukuta rw'inzu.

Urugero shusho:

Mwarimu akoresha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 109, abanyeshuri bakareba amashusho y'abantu bari gupima bakoresheje ibikoresho binyuranye.

Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha ahantu bapima uburebure bakoresheje uburyo bunyuranye : intambwe z'intoki, intambwe z'ibirenge, intambwe z'amaguru, n'imetero ya mwarimu.

Mwarimu ateganya ko muri buri tsinda haba umunyeshuri uri bwandike umubare w'intambwe z'intoki, uwandika umubare w'intambwe z'ibirenge, uwandika iz'amaguru n'uwandika umubare wa metero babonye.

Mwarimu afasha abanyeshuri kubona no gusobanukirwa ibintu bishobora gukoreshwa mu ipima ry'uburebure; ibikoresho bisanzwe (intambwe y'amaguru, intambwe y'ikiganza, ibirenge, uburebure bw'amaboko) n'ibikoresho fatizo (imetero ya mwarimu, metero bushumi y'abadozi na metero buhine y'ababaji).

Imyitozo n'isuzumabumenyi

Abanyeshuri bapima uburebure bw'ameza yabo, bw'ikibaho n'idirishya bifashishije ibiganza cyangwa metero ya mwarimu bavuga umubare w'intambwe cyangwa w'uburebure babonye butarenga m10.

Isomo rya 4: Imisomere n'imyandikire ya metero

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bashobora gupima uburebure bw'ahantu bakandika gusa umubare w'inshuro babonye.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishushanyo, imetero (imetero ya mwarimu, metero bushumi na metero buhine) n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu aha abanyeshuri umugozi bapima bakoresheje imetero ya mwarimu maze akababaza kuvuga inshuro babonye. Ashobora kandi kubajyana hanze y'ishuri bagapima uburebure bw'ikibuga, intera iri hagati y'abanyeshuri 2 bahagaze ahantu hatandukanye, bakoresheje intambwe, umugozi ureshya na metero 1, imetero ya mwarimu, bakavuga bandika inshuro babonye.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu yerekana imetero ya mwarimu abanyeshuri bakavuga icyo ari cyo n'icyo imara. Ayipimisha ku kibaho nk'ahantu hareshya na m5, apima inshuro imwimwe yimura imetero kandi akomereza aho metero 1 irangirira maze akababaza inshuro babonye.

Mwarimu yandika ku kibaho metero; mu nshamake **m** akabasobanurira ko:

Iyo bapimye inshuro imwe, bandika **m1**, bagasoma **metero imwe**

Iyo ari inshuro ebyiri, bandika **m2**, bagasoma **metero ebyiri**

Iyo ari inshuro eshatu, bandika **m3**, bagasoma **metero eshatu**

Iyo ari inshuro enye, bandika **m4**, bagasoma **metero enye**

Iyo ari inshuro eshanu, bandika **m5**, bagasoma **metero eshanu**

Urugero shusho:

Uko basoma: Mwarimu asobanurira abanyeshuri uko bandika n'uko basoma uburebure babonye.

Bandika	Basoma
m 5	metero 5
m 8	metero 8
m 3	metero 3

Igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri kuvuga ku burebure bw'ibintu, kwandika ingero zinyuranye z'uburebure bakoresheje metero (m) no kuzisoma biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 110.

Imyitozo

Mu matsinda, Mwarimu asaba abanyeshuri gupima uburebure bw'ibintu biboneka kw'ishuri (bitarengeje metero 10) bakoresheje imetero bakandika uburebure babonye muri metero (m). Mbere yo gupima, mwarimu ashobora gusaba abanyeshuri kugenekereza bakavuga uko aho bagiye gupima hareshya maze bakabona gupima bakoresheje imetero ngo barebe uburebure nyabwo.

Tanga imyitozo yo gusoma metero zinyuranye iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 110.

N'indi myitozo yo kwandika metero zinyuranye mu makaye yabo.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo:

urugero: Kubaza ababyeyi umubare wa metero z'uburebure z'inzu batuyemo.

Kwandika no gusoma uburebure bunyuranye muri metero ariko batarenza **m10**.

Isomo rya 5: Gupima uburebure bwa m 10 ukoresheje metero

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye gupima uburebure bw'ibintu bakoresheje ibikoresho byabugenewe (imetero ya mwarimu, metero bushumi, metero buhine).

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibishushanyo, imetero (imetero ya mwarimu, metero bushumi na metero buhine) n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

- **Ivumburamatsiko**

Mwarimu aganiriza abanyeshuri ku gikoresho gikoreshwa gupima uburebure bw'ibintu kirekire mu buzima busanzwe.

Urugero: umufundi apima ate uburebure bw'inkuta z'inzu? Umudozi apima ate uburebure bw'igitambaro kirekire bakatamo ibitenge abagore bambara? akoresha iki?

Kwerekera

Urugero mbonwa :

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha imetero ya mwarimu n'udukoni cyangwa imigozi bagapima buri tsinda udukoni n'imigozi ireshya na metero ku buryo buri wese agira urugero rwe rureshya na metero imwe.

Abanyeshuri bakoresha izo metero zabo bapima uburebure bw'ishuri, ikibaho, intebe,... bakavuga ibipimo babonye .

Urugero shusho:

Mwarimu asaba abanyeshuri nka 2 akabaha imetero ya mwarimu akabasaba gupima bagenda babara buri nshuro bimuye imetero. Bahera ku nshuro imwe, bagakomeza inshuro ya 2 kugeza bageze ku nshuro ya cumi.

Mwarimu asaba buri munyeshuri gupima inshuro 10 akoresheje agakoni ke kareshya na metero cyangwa umugozi we ureshya na metero. Asaba abanyeshuri kuvuga uburebure bagiye bapima ku buryo bose basobanukirwa ko bapimye m10 kandi ko aho bapimye hareshya.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri ko metero ari **urugero fatizo** rwo gupima uburebure.

Kandi ko metero imwe ipimwe hakoreshejwe imetero ya mwarimu ireshya na metero imwe ipimwe hakoreshejwe metero y'umubaji kimwe niy'umudozi.

Ikitonderwa: Mu mpera z'aya masomo, mwarimu akwiye kumenyereza abanyeshuri **kugenekereza** bakavuga uburebure bw'aho bagiye gupima mbere yo gukoresha imetero.

Imyitozo

Mu matsinda, mwarimu asaba abanyeshuri gupima uburebure bw'ibintu biboneka kw'ishuri (bitarengeje metero 10) bakoresheje agakoni ka metero.

Mbere yo gupima, mwarimu akwiye gusaba abanyeshuri bakabanza bakagereranya aho **m10** zaba zigera maze bakahapima bakoresheje imetero kugirango barebe **uburebure nyakuri**.

Isuzumabushobozi:

Mwarimu aha abanyeshuri umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Mu kurushaho gusobanukirwa n'ipimwa ry'uburebure, mwarimu asaba buri munyeshuri wese gutahana akagozi ka metero, yagera mu rugo agapima uburebure bw'ibintu binyuranye(uburebure bw'inzu babamo, uburebure bw'akarima k'igikoni n'ibindi) akandika ibisubizo mu ikaye ye.

Isomo rya 6: Igereranya ry'uburebure butarenga m10

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye gupima uburebure bw'ibintu bitarenza m10 bakoresheje imetero kandi bashobora kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, imetero, imigozi n'udukoni bifite uburebure butarenga m10, igitabo cy'umunyeshuri.


c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu aha abanyeshuri imigozi 2 ifite uburebure azi kandi butandukanye. (**Urugero:** umugozi wa m5 n'uwa m3) maze agasaba abanyeshuri kuyirambura bakagereranya bakavuga umuremure (uruta undi) no kuvuga umugufi (urutwa) uwo ari wo. Nyuma mwarimu abasaba gupima iyo migozi yombi bakoresheje imetero maze bakandika uburebure bwa buri umwumwe muri metero (ni ukuvuga m5 na m3).

Mwarimu asaba abanyeshuri kugereranya m3 na m5 bakoresheje ibimenyetso $>$, $<$ cyangwa $=$

Ibi bizakorwa mu buryo bukurikira:



Kwerekera

Mwarimu asaba abanyeshuri gupima uburebure bw'ibintu bitarengeje metero 10. Bavuga ikiruta ikindi nyuma bandika ibyo bapimye muri **metero**, maze bagakoresha ibimenyetso byo kugereranya.

Urugero: $m4 < m6$ cyangwa $m6 > m4$.

Igerageza

Abanyeshuri bashyirwa mu matsinda maze bagakora umwitozo wo kugereranya ingero z'uburebure yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 111

Urugero: Uzuza ukoresha $>$; $<$ cyangwa $=$

m 5..... m7	m 9..... m 4	m8 m8
-------------	--------------	-------------

Imyitozo

Abanyeshuri basabwa gukora indi myitozo isigaye yo mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 111 buri munyeshuri ku giti ke, urangije mwarimu akamukosora cyangwa abanyeshuri babiribabiri bagakosorana, nyuma bagakosorera ku kibaho.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Mwarimu ahereye ku myitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 111 ashobora gutegura indi bifitanye isano.

Isomo rya 7: Iteranya ry'uburebure butarenga m10 n'amahurizo

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gupima uburebure bw'ibintu bitarenza m10 bakoresheje imetero no guteranya imibare igiteranya kitarenga 99.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, imetero, imigozi n'uduti bifite uburebure butarenga m10, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu asaba abanyeshuri 3 kuja ku murongo akurikije uko yabiteguye.

Urugero: kuva ku munyeshuri wa mbere kugera ku wa kabiri hashobora kuba harimo **m3** naho kuva ku munyeshuri wa kabiri kugera ku wa gatatu hakabamo **m5**.

Mwarimu asaba abanyeshuri bamwe gupima intera iri hagati y'umunyeshuri wa mbere n'uwa kabiri abandi bagapima intera iri hagati y'umunyeshuri wa kabiri n'uwa gatatu naho irindi tsinda rigapima intera iri hagati y'uwa mbere n'uwa gatatu. Nyuma mwarimu asaba abanyeshuri kugereranya niba **m3 + m5** bihwanye n'intera bapimye iri hagati y'umunyeshuri wa mbere n'uwa gatatu.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya uko bakoresha imetero ya mwarimu, agakoni cyagwa umugozi bireshya na metero mu gupima uburebure bw'ikintu kigomba kwiyongeraho indi ntera.

Mwarimu asaba abanyeshuri ko babanza gupima ahambere bakandika ibyo babonye (urugero **m3**), nyuma bagapima ahiyongeraho nabwo bakandika icyo babonye (urugero m2) noneho bagateranya. Yandika ku kibaho akereka abanyeshuri uko bateranya:

m 3 + m 2 = m 5. Abereka ko bateranya imibare bakandika metero(m) imbere y'igisubizo.

Igerageza

Mwarimu atanga ihurizo ririmo guteranya ingero z'uburebure muri metero maze agasaba abanyeshuri kurikora umwumwe, nyuma akabasaba kwerekana ku kibaho ibyo bakoze maze nawe akabafasha gushimangira ubushobozi bugamijwe.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo igizwe n'ingero z'uburebure n'amahurizo ku iteranya batarenza m10, bakayikorera mu makaye yabo akabakosora umwumwe nyuma bagakosorera ku kibaho. Ashobora kwifashisha imyitozo iri ku rupapuro rwa 112 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Isuzumabumenyi

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Amahurizo agomba kuba ari ayo mu buzima busanzwe: gupima uburebure bw'igitambaro cy'umwenda, gupima uburebure bw'inzu, ubusitani, ikibuga bakiniraho, gupima imbaho z'ababaji n'ibindi.

Isomo rya 8: Ikuramo ry'uburebure butarenga m10 n'amahurizo

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye gupima no guteranya uburebure bw'ibintu igiteranyo kitarenga m10. Agomba kandi kuba ashoboye gukuramo imibare iri hagati ya 0 na 99.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, imetero, umushipiri, utugozi n'udukoni tureshya na metero, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu aha buri tsinda ry'abanyeshuri imigozi ibiri itareshya kandi itarenza m10 umwumwe.

Urugero: Itsinda rimwe yariha umugozi wa metero 9 n'undi wa m3 akabasaba kuyipima umwumwe bakandika metero babonye.

Mwarimu abasaba kuyireshyeshya nyuma bakagaragaza ikinyuranyo.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu afasha abanyeshuri kubona ko umugozi wa **m9** urusha umugozi wa **m3** ho **m6**, agasaba abanyeshuri gupima bakabona ko ari byo.

Mwarimu abereka uko byandikwa mu buryo bw'imibare: **m9 – m3 = m6**.

Bashobora gufata umugozi wa **m9** bagacaho uwa **m3** maze akabasaba kuvuga uburebure bw'usigaye.

Bashobora kandi gukoresha irate ya metero, agakoni cyangwa umugozi bifite uburebure bwa metero, bagapima uburebure bw'ikibaho bakandika ibyo babonye, urugero **m 3**; Nyuma bagapima ubundi burebure, urugero **m 2**. Maze bakavuga uburebure igice kimwe kirusha ikindi.

Ku kibaho, berekana ko ikinyuranyo ari **m 3- m 2 = m 1**.

Urugero shusho:

Mwarimu akoresha umyitoto ku kibaho:

$$m\ 5 - m\ 2 = m....$$

$$m\ 9 - m\ 1 = m....$$

Igerageza

Mwarimu aha abanyeshuri imyitoto bakorera mu matsinda nyuma buri tsinda rigasobanurira abandi uko bakoze, mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi. Muri iyo myitoto hakwiye no kubamo ihurizo ku ikuramo ry'ingero z'uburebure.

Mwarimu yifashisha imyitoto n'amahurizo biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113.

Imyitoto n'isuzumabushobozi

Mwarimu aha abanyeshuri imyitoto n'amahurizo bakora umwumwe ku giti ke, urangije akamukosora. Abaha n'umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Mwarimu yifashisha imyitoto n'amahurizo biri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113.

Isomo rya 9: Isuzuma risoza umutwe wa 10.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gupima uburebure bw'ibintu, gukora amahurizo yo mu buzima busanzwe ku ikuramo n'iteranya ry'ingero z'uburebure butarenga m10.

b) Imfashanyigisho:

Imetero, imigozi n'udukoni bireshya na m1, amakaye n'amakaramu, ikibaho.

c) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1. Kora iyi myitozo:

$$m6 + m4 = m...$$

$$m10 - 4m = m...$$

$$m6 + m... = 9m$$

2. Mariya akeneye m4 zo kudodamo amakabutura na m5 zo kudodamo amashati. Azagura metero zingahe?

3. Yohani yaguze umugozi wa m10. Akataho igice agiha Mariya. Yohani asigarana umugozi wa m4. Vuga metero z'umugozi Mariya yahawe.

4. Fatanya na mugenzi wawe mukoreshe imetero mupime uburebure bwicyumba k'ishuri mwigiramo.

5. Ganira na mugenzi wawe ku kamaro k'ingero z'uburebure mu buzima bwa buri munsu.

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora, mwarimu ashyiraho uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi bwifuzwa. Abandi banyeshuri akabaha imyitozo nyagurabushobozi.

Umutwe wa 11

UMUTWE WA 11: Ibice by'ingenzi by'umunsi n'iminsi y'icyumweru

11.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutondeka no kugereranya ibice by'ingenzi by'umunsi, iminsi y'icyumweru n'ibikorwa by'ingenzi bya buri munsi.

11.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma, kwandika, kugereranya, gusesengura, imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99.

11.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, Kubungabunga ibidukikije, Uburere mbonezabukungu n'Uburezi budaheza.

11.4 Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha
1	insanganyamatsiko	Kwitegereza no gusubiza ibibazo byerekeye ku ishusho hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	2
2	Ibice by'ingenzi bigize umunsi n'ibibiranga	Gutandukanya neza ibice by'ingenzi by'umunsi n'ibibiranga	4
3	Iminsi y'icyumweru n'ibikorwa by'ingenzi bya buri munsi w'icyumweru	Kuvuga ukurikiranya neza iminsi y'icyumweru.	2
		Gutanga ingero z'ibikorwa by'ingenzi byo mu minsi inyuranye y'icyumweru	2
4	Isuzuma risoza umutwe wa 11	Gukora neza isuzuma bushobozi ku gutondeka no kugereranya ibice by'ingenzi by'umunsi, iminsi y'icyumweru n'ibikorwa by'ingenzi bya buri munsi.	1
Amasomo yose y'umutwe			11

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko rusange

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 115 : Ikigo k'ishuri n'umuhanda urimo abanyeshuri bajya kwiga, imisozi hirya y'ishuri hagaragara izuba ritangiye kurasa, abahinzi 2 (umugore n'umugabo) iruhande rw'umuhanda. Ku rundi ruhande, abana banyamye mu nzitiramibu ku rukuta hariho indangaminsi.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, mwarimu ababaza ibibazo.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho? Murabona abantu bangahe? Buri muntu ari gukora iki? Murabona haba ari ryari? Ni mu gitondo cyangwa nimugoroba?

Ese haba ari nko kuwa kangahe? Kubera iki?

Ese wowe mu gitondo ukora iki? Nimugoroba ukora iki? Muja gusenga ryari?

Mwarimu asaza isomo abwira abanyeshuri ko nijoro abantu bajya kuryama naho ku manywa bakajya gukora imirimo inyuranye. Abantu bamwe bajya gusenga ku cyumweru abandi kuwa gatandatu cyangwa kuwa gatanu ariko mu yindi minsi bazinduka bajya mu kazi gatandukanye: kwiga, guhinga, gucuruza gukora mu biro, mu ruganda, n'ibindi asaza asobanura ku baziga ibikorwa buri muni.

Isomo rya 2: Ibice by'ingenzi bigize umunsi n'ibibiranga.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutandukanya ijoro n'amanya bavugira imirimo ikorwa muri ibyo bihe byombi.

b) Imfashanyigisho:

Ibishushanyo by'izuba, ukwezi, inyenyeri, amatara y'amashanyarazi, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ashobora gusoma agakuru kari mugitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 116 kavugira ku bice by'umunsi (igitondo, amanywa, umugoroba n'ijoro) maze akabaza abanyeshuri ibyo bumvise.

Nyuma y'ako gakuru, mwarimu abaza abanyeshuri kuganira ku mirimo nabo bakora buri muni.

Mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka ibikorwa bahereye ku kibanza.

Urugero: kubyuka; kwambara; gukaraba; kwisiga amavuta; koza amenyo.

Kwerekera

Mwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 115-117 akababazaho ibibazo binyuranye biganisha ku isomo ry'ibice by'umunsi n'ibibiranga.

Abanyeshuri bitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 117. Mwarimu akababaza imirimo ikorwa n'igihe ikorerwa.

Urugero: mu gitondo abana barakaraba bakajya kwiga, ku manywa abana barakina ku ishuri, nimugoroba abana barasubiramo amasomo, nijoro abana bararyama.

Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akababaza ibibazo bakabiganiraho.

Urugero: Ni iyihe mirimo mukora mu gitondo ?

Ni iyihe mirimo mukora saa sita ?

Ni iyihe mirimo mukora nimugoroba ?

Akurikiza ho kubafasha kuganira ku bintu biranga ibice by'umunsi bamaze kubona: Vuga ibintu bitandukanya igitondo n'umugoroba.

Vuga ibintu biranga amanywa.

Vuga ibintu biranga ijoro .

Abanyeshuri basubiza ibintu binyuranye, mwarimu abafasha gushimangira ubushobozi bwabo asubiramo kenshi igisubizo kiza batanze.

Ibintu by'ingenzi biranga igitondo ni: urume, igihu, imbeho nyinshi, izuba ryoroshye (rirashe); amafu; abantu bajya mu mirimo inyuranye (kujya ku ishuri, kujya mu murima, kujya ku kazi, gukubura guteka icyayi cyangwa igikoma, n'ibindi).

Ibintu by'ingenzi biranga amanywa: izuba ryinshi/ rityaye, ikirere gikeye; imirimo inyuranye irakorwa, urusaku rw'ibintu binyuranye (abantu, imodoka, ipikipiki, ibyuma, ikiruhuko gito bafata amafunguro nyuma bagakomeza imirimo, n'ibindi).

Ibintu by'ingenzi biranga umugoroba: guhagarika imirimo inyuranye, abanyeshuri bataha bajya mu rugo, abantu benshi basubira mu ngo zabo bavuye ku kazi; izuba rirarenga, akabeho gake, ikirere gitangira kwijima, amajeri aravuga; amatara atangira kwaka urumuri rugaragara cyane aho amatara ari, urusaku ruragabanuka.

Ibintu by'ingenzi biranga ijoro: umwijima mwinshi; inyenyeri, amatara yaka cyane; ukwezi kwaka, abantu benshi bararyama, urusaku rw'ibintu binyuranye ruragabanuka cyane cyangwa ntirwumvikane.

Imyitozo n'isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibice by'ingenzi bigize umunsi n'ibintu by'ingenzi biranga buri gice cy'umunsi.

Mwarimu ashobora kandi kwereka abanyeshuri amashusho bakavuga igikorwa n'igice cy'umunsi gikorwaho.

Mwarimu asaba abanyeshuri kuza kubaza iwabo **imirimo** bakora mu gitondo, ku manywa na nimugoroba, bakazabiganiraho bagarutse mu ishuri.

Mwarimu asaba abanyeshuri ko nibagera iwabo bababaza **ibintu biranga** igitondo, amanywa n'ijoro bakabiganiraho bagarutse mu ishuri.

Isomo rya 3: Iminsi y'icyumweru n'ibikorwa bya buri munsi.

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutandukanya ibice bigize umunsi (igitondo, amanywa, umugoroba n'ijoro).

b) Imfashanyigisho:

Indangaminsi, utubarisho tunyuranye, udukarita twanditseho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7, ibishushanyo byateguwe na mwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu abaza abanyeshuri kuvuga ibice by'umunsi, ababaza umunsi baja gusenga, umunsi isoko ribera n'iminshi baja kwiga n'ibindi biganisha ku kuvuga iminsi y'icyumweru.

Kwerekera

Mwarimu ashobora gufasha abanyeshuri kumva no gusubiza ibibazo ku gakuru karimo iminsi y'icyumweru n'imirimo ikorwa buri munsi.

Abafasha kumenya ko habaho icyumweru kigizwe n'iminshi 7: **kuwa mbere, kuwa kabiri, kuwa gatatu, kuwa kane, kuwa gatanu, kuwa gatandatu, ku cyumweru.**

Mwarimu abasaba kuganira ku mirimo ikorwa kuwa gatandatu no ku cyumweru **urugero:** abantu bamwe ntibajya ku kazi (abadivantisiti baja gusenga iyo ari ku wa gatandatu, abagaturika n'abandi bakirisitu baja gusenga iyo ari ku cyumweru)

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya iminsi y'icyumweru akoresheje indangaminsi kandi akabafasha no kuyikoresha.

Igerageza

Mwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 118-120 akababazaho utubazo yibanda ku minsi y'icyumweru n'imirimo bakora buri munsi.

Urugero: Vuga iminsi muza ku ishuri?

Vuga iminsi mama na papa bajya ku kazi?

Vuga iminsi isoko ryo hafi y'iwanyu ribera?

Mu matsinda, abanyeshuri baganira ku byo bakora buri munsu kuva ku wa mbere kugeza ku cyumweru.

Imyitozo n'isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga iminsi igize icyumweru no kuvuga imirimo bakora buri munsu.

Mwarimu asaba abanyeshuri kuza kubaza iwabo imirimo bakora buri munsu guhera kuwa mbere kugeza ku cyumweru bakabyandika mu makaye y'imyitozo nyuma baka biganiraho bagarutse mu ishuri.

Mwarimu kandi abasaba ko nibagera iwabo baza gusaba ababyeyi bakabereka indangaminsi n'uko bayikoresha.

Isomo rya 5: Isuzuma risoza umutwe wa 11

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutondeka no kugereranya ibice by'ingenzi by'umunsu, iminsi y'icyumweru n'ibikorwa by'ingenzi bya buri munsu. Bagomba kandi kuba bashobora gusoma indangaminsi bakerekana umunsu bagezeho ku ndangaminsi.

b) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1) Mwarimu asomera abanyeshuri aka gakuru inshuro nyinshi maze akababaza ho ibibazo, azirikana ko abanyeshuri batazi ibihe kane. Ashobora guhindura agakuru akabaha akatarimo ibihe kane maze bagasubiza bandika mu makaye yabo bitewe n'aho bageze mu isomo ry'ikinyarwanda.

Alisa ku wa mbere aya ku isoko kugura ibiribwa, kuwa kabiri kugeza kuwa gatanu aya ku kazi, kuwa gatandatu akora amasuku yo mu rugo naho ku cyumweru akajya gusenga hamwe n'umugabo we n'abana be babiri.

Subiza utu tubazo mu magambo:

Alisa akora iki ku wa mbere?

Alisa akora iki ku wa kabiri?

Alisa akora iki ku wa gatatu?

Alisa akora iki ku wa kane?

Alisa akora iki ku wa gatandatu?

Alisa akora iki ku cyumweru?

2) Kora gahunda y'imirimo ukora nawe kuwa mbere kugeza ku cyumweru

Kuwa mbere	Kuwa kabiri	Kuwa gatatu	Kuwa kane	Kuwa gatanu	Kuwa gatandatu	Ku cyumweru
.....						
.....						

3. Huza igikorwa n'umunsi gikorerwaho

Ibikorwa	Umunsi
kwiga	Ku wa gatandatu
Gusenga mu rusengero	Ku cyumweru
Gukora ubukwe	Ku wa mbere

Ikitonderwa: Ku kibazo cya gatatu, mwarimu azirikana ko abanyeshuri bashobora gutanga ibisubizo binyuranye kandi byose bishobora kuba ari byo. Ni ngombwa kumenya no kubaha impamvu umunyeshuri uyu n'uyu yatanze igisubizo iki n'iki.

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora, mwarimu ashyiraho gahunda yo gufasha abafite ubushobozi buke, agatanga imyitozo nyagurabushobozi.

Umutwe wa 12

UMUTWE WA 12: Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100

12.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100 n'imyitozo ku igura n'igurisha.

12.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma, kwandika, kugereranya, gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99, guteranya imibare igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare iri musyi ya 100.

12.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, Uburere mbonezabukungu n'Uburezi budaheza.

12.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha
1	Isanganyamatsiko	Kwitegereza ishusho no gusubiza ibibazo biyerekeyeho hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100 n'ibiyaranga	Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100	1
3	Kuvunja amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100	Gushobora kuvunja neza amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100.	1

4	Iteranya n'ikuramo ry'amafaranga y'u Rwanda kuva ku F 1 kugera ku F100	Guteranya no gukuramo neza amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100.	2
		Gukora amahurizo agaragaza agaciro no gutanga ingero z'uko amafaranga y'u Rwanda ashobora gukoreshwa mu kugura no kugurisha ibintu bitarenze F100.	
5	Isuzuma risoza umutwe wa 12	Gukora neza isuzumabushobozi ku gukoresha neza amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100.	1
Amasaha yose y'umutwe			6

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko rusange

Iri somo ryigishwa mu buryo bw'ikiganiro

Umwari mu asaba abanyeshuri **kwitegereza ibikubiye mu ishusho y'insanganyamatsiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 123**

: urutonde rw'ibiceri bya F1, F5, F10, F20, F50, F100 ku meza na butiki irimo umucuruzi w'umugore n'umugabo uri guhaha afite amafaranga mu ntoki.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, mwarimu ababaza ibibazo bagomba gusubiza ariko akazirikana ko adahakana igisubizo cya buri munyeshuri.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho? Murabona abantu bangahe? Buri muntu ari gukora iki? Ni ibiki mubona muri iriya butiki? umununtu uje kugura afite iki mu ntoki? Ese ko umuntu aje kugura ikaramu imwe azishyura iki ?

Mwarimu asoza isomo afasha abanyeshuri gusobanukirwa ko kugirango umucuruzi aguhe ibyo ushaka ugomba kumuha amafaranga. Kugirango ugure ikaramu, amakaye, igome, isabune, ugomba kujyana amafaranga. Ababwira ko baziga amoko atandukanye y'amafaranga yo mu Rwanda bajya bakoresha bagiye kugura ibintu.

Isomo rya 2: Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100 n'ibiyaranga

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kubara, gusoma, kwandika , kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera ku 100, guteranya igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare iri muni ya 100.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibiceri bivangavanze by'amafaranga akoreshe mu Rwanda, ibishushanyo by'amafaranga biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu yifashisha agakuru gafasha abanyeshuri kumva akamaro k'amafaranga mu buzima busanzwe.

"Anita afite amafaranga 100 yagiye kugura amakaramu 2 yo guha abana be kugira ngo bage ku ishuri. Abana barishima cyane baja ku ishuri biga neza baratsinda."

Mwarimu abaza utubazo tunyuranye kuri aka gakuru yibanda ku kamaro k'amafaranga kugira ngo abanyeshuri bavumbure isomo bagiye kwiga.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mu matsinda 6, mwarimu aha abanyeshuri ibiceri yazanye guhera ku F1 kugeza ku F 100, akabasaba kubyitegereza bakavumbura umubare wanditseho n'agaciro ka buri giceri.

Abanyeshuri bitegereza ibiceri mu matsinda 6 atandukanye ku buryo bukurikira:

Itsinda rya 1: Igiceri cy'ifaranga rimwe: (F1)

Itsinda rya 2: Igiceri cy'amafaranga 5: (F5)

Itsinda rya 3: Igiceri cy'amafaranga 10: (F10)

Itsinda rya 4: Igiceri cy'amafaranga 20: (F20)

Itsinda rya 5: Igiceri cy'amafaranga 50: (F50)

Itsinda rya 6: Igiceri cy'amafaranga 100: (F100)

Mwarimu afasha buri tsinda ahinduranya ibiceri kuburyo abanyeshuri bose bagize itsinda babona ibiceri byose uko ari 6 (F1, F5, F10, F20, F50, F100)

Mwarimu abaza abanyeshuri kwitegereza bakavuga ibiranga buri giceri cy'amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100.

Nyuma yo kureba ibiceri nyirizina, Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amafoto agaragaza amafaranga y'u Rwanda ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 123-125 bakajya bavugaga agaciro ka buri giceri.

Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabaha ibiceri binyuranye bikoreshwa mu Rwanda maze bakareba kandi bakaganira ku biranga buri giceri bakurikije agaciro kacyo: ingano, ibishushanyo biriho, amabara yabyo n'imibare yanditseho.

Imyitozo

Mu matsinda, mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri ku rupapuro rwa 123-125 mu gitabo cy'umunyeshuri. Abanyeshuri bitegereza ibiceri bishushanyije, bakavuga agaciro kabyo nyuma bakagaragaza ibiranga ibiceri by'amafaranga y'u Rwanda: F1, F5, F10, F20, F50 na F100. Barangiza bakaganirira hamwe uko bakoze maze mwarimu akabafasha gushimangira ubushobozi bugamijwe.

Isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri gutekereza icyo bagura bahereye kubyo bakenera mu rugo cyangwa ku ishuri igihe bafite F20, F50 cyangwa F100.

Isomo rya 3: Kuvunja amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 100

a) Ubumenyi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutandukanya amafaranga y'u Rwanda ku kuva ku F1 kugeza ku F100 bavuga ibiyaranga. Bagomba kandi kuba bashobora guteranya imibare y'ibintu igiteranyo kitarenga 99 no gukuramo imibare y'ibintu bitarenga 100.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibiceri bivangavanze by'amafaranga akoreshe mu Rwanda, ibishushanyo by'amafaranga biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ahera ku biteranyo by'umubare 50 agasaba abanyeshuri kuvumbura umubare w'ibiceri bigize F50.

Urugero:

$$50=10+10+10+10+10$$

$$50=20+....+10$$

$$50=10+....+....$$

Mwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko igiceri cya F50 cyavunjwamo ibiceri bitandukanye (**urugero: F50 yavunjwamo ibiceri 5 bya F10**). Uyu mwitozo mwarimu ashobora kuwukoresha no kubindi bicere kandi akoresha amafaranga.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu yifashisha ibikorwa biri mu byiciro bitatu, agafasha abanyeshuri kubikorera mu matsinda. Buri tsinda rigomba gukora ibikorwa byose uko ari 3. Mbere yo kujya ku kindi gikorwa mwarimu abanza guhuriza hamwe ibyo babonye mu rwego rwo gushimangira ubushobozi bugamijwe.

Igikorwa cya1:

Mwarimu aha abanyeshuri ibiceri bifite agaciro kamwe maze akabasaba kubyegeranya kuburyo bagira F100, F50 n'ayandi.

Urugero: mwegeranye ibiceri bya F20 ku buryo bitanga F100? Mubonye ibiceri bingahe?

Igikorwa cya2:

Mwarimu abasaba kuvanga ibiceri yabahaye ku buryo babyegeranya bakabona amafaranga aya n'aya.

Urugero: Mwegeranye ibiceri bya F10, ibya F5 n'ibya F20 ku buryo mushyira hamwe F50. Mwabonye ibiceri bingahe kuri buri bwoko?

Igikorwa cya3:

Mwarimu aha abanyeshuri igiceri cy'amafaranga ahisemo noneho akabasaba kwegeranya imvange y'ibiceri bihitanyemo bifite agaciro kanyuranye kuburyo babona ayo mafaranga.

Urugero: Mwegeranye amafaranga mu buryo mwihitanyemo ku buryo mubona F100.

Urugero shusho:

Mwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 126-127 agaragaza uburyo abantu bavunja amafaranga yatanze bakoresheje ubwoko bumwe bw'igiceri cyangwa ibiceri bitandukanye.

Igerageza

Mwarimu aha abanyeshuri amafaranga anyuranye yo kuvunja bakoresheje ibiceri bahawe.

Mwarimu afasha abanyeshuri kuvuga uko bakoresha amafaranga baramutse bayafite.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo kuvunja amafaranga atarenga F100 no kuvuga ayo babagarurira mu gihe baba bagiye kugura ikintu kitarengeje F100. Abasaba kandi kuvuga ku kamaro k'amafaranga mu buzima bwa buri muni.

Isuzumabushobozi

Mwarimu aha abanyeshuri umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo. Mwarimu ashobora gutanga indi myitozo ifasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa n'akamaro k'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri F1 Kugeza ku F100.

Urugero: Amafaranga nyagura ibyo kurya, ibyo kwambara, ibikoresho by'ishuri,

Isomo rya 4: Iteranya n'ikuramo ry'amafaranga y'u Rwanda atarenga F100

a) Ubumenyi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku kuva ku F1 kugeza ku F100, kuvunja amafaranga y'u Rwanda atarenga F100, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 99.

b) Imfashanyigisho:

Ikibaho, ingwa, amakaye n'amakaramu, ibiceri bivangavanze by'amafaranga akoreshe mu Rwanda, ibibarisho, ibishushanyo byerekeranye n'amafaranga.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo kuvunja amafaranga y'u Rwanda atarenga F100 bakabikorera mu matsinda, bakoresha ibiceri byinshi bya F1, F 5, F10, F 20, F50 akabasaba kubishyira hamwe bakavuga umubare w'amafaranga bafite.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu afata amafaranga nk'ibiceri 2 bya F5 akabishyira hamwe akabaza abanyeshuri amafaranga agize kandi akabasaba kubyandika mu buryo bw'imibare. Umunyeshuri umwe ashobora kuza akandika $F5 + F5 = F10$.

Urugero shusho:

Mwarimu yereka abanyeshuri uburyo ibiceri 2 cyangwa 3 byegeranywa bikabyara andi mafaranga menshi angana n'igiceri gifite agaciro kanini, cyangwa uburyo igiceri gifite agaciro kanini kivunjwamo ibiceri by'agaciro gato, ariko igisubizo kitarenga F 100.

Urugero:

$$F5 + F5 = F10$$

$$F1 + F1 = F2$$

$$F50 + F50 = F100$$

$$F50 - F20 = F30$$

$$F100 - F20 = F80$$

Mwarimu asaba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko kumenya guteranya no gukuramo amafaranga bibanda ku yo bashobora kubagarurira mu gihe bagiye kugura ikintu. Banaganira kandi ku ngaruka umuntu yahura nazo aramutse atazi kureba amafaranga bari bumugarurire.

Urugero: Umwana bahaye igiceri cya F100 ngo age kugura ikaramu ya F50, bakamugarurira igiceri cya F20 yaba ahombye F30.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri kwifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 128-130, bakitegereza amashusho agaragaza uko bateranya n'uko bakuramo amafaranga y'u Rwanda atarenga F100 maze bagakora imyitozo ihari. Mwarimu ashaka uduhurizo twinshi ku guteranya no gukuramo amafaranga y'u Rwanda atarenga F100 akatubwira abanyeshuri mu mutwe nk'udukuru, two mu buzima busanzwe maze bagashaka igisubizo.

Nyuma yo kumenya guteranya no gukuramo amafaranga, mwarimu afasha abanyeshuri bakaganira ku kamaro k'amafarangan'ibyo bashobora kugura mu gihe baba bafite amafaranga aya n'aya atarenga F100.

Imyitozo n'isuzumabumenyi

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo bakora umwumwe ku giti ke maze akabakosora nyuma akabaha umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Iyi myitozo ikwiye kuba yiyongeraho amahurizo ku ikuramo n'iteranya ry'amafaranga mu buzima busanzwe.

Isomo rya 5: Isuzuma risoza umutwe wa 12

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kuvunja amafaranga atarengeje F100, guteranya no gukuramo amafaranga atarenga F100

b) Imfashanyigisho:

Amakaye, amakaramu, ibiceri binyuranye by'amafaranga, ibishushanyo by'amafaranga, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

- 1) Uhereye ku biceri bivangavanze ku meza, erekana igiceri cy'amafaranga akurikira:
amafaranga atanu F5
amafaranga icumi F10
amafaranga ijana F100
amafaranga makumyabiri F20
amafaranga mirongo itanu F50
- 2) Vuga uburyo butandukanye wavunjamo igiceri cya F100 ukoresheje ibiceri binyuranye.
- 3) Shaka igisubizo
 - i) $F50 - F20 = F\dots$
 - ii) $F10 + F20 = F\dots$
 - iii) $F50 + F50 = F\dots$
- 4) Uzuza amafaranga abura
 - i) $F100 = F50 + F30 + F\dots$
 - ii) $F50 = F20 + F10 + F\dots$
 - iii) $F20 = F10 + F5 + F\dots$
- 5) Kora aya mahurizo ku ikoreshwa ry'amafaranga y'u Rwanda
 - a) Muhire yari afite igiceri 1 cya F 100 aguramo ibisuguti bya F 50. Ubwo bamusubije amafaranga angahe?
 - b) Mukamana yari afite F100, agura imineke ya F20, arongera agura ipaki y'ibisuguti ku F50, nyuma y'aho agura ikibiriti ku F10. Mukamana yakoresheje F angahe? Mukamana bamugaruriye F angahe?
 - c) Ufite igiceri cya F 100 vuga cyangwa ukore urutonde rw'ibintu waguramo n'igiciro cyabyo ku buryo utarenza amafaranga ufite.

Ikitonderwa: Mwarimu iyo amaze gukosora, atanga ubufasha ku banyeshuri babukeneye agatanga imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi.

Umutwe wa 13

UMUTWE WA 13: KURANGA AHO IBINTU BIHEREREYE N'IMIRONGO

13.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kuranga aho ibintu biherereye n'imirongo inyuranye.

13.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora kubara, gusoma, kwandika, kugereranya imibare itarenga umubare 100 kandi azi no kuranga aho ikintu giherereye.

13.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, Kubungabunga ibidukikije n'Uburezi budaheza.

13.4. Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza ishusho no gusubiza ibibazo biyerekeyeho hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Imbere n'inyuma/ Hasi y'ikintu	Kwerekana imbere/ hasi n'inyuma h'ikintu	1
3	Hejuru no muni y'ikintu	Kwerekana muni no hejuru y'ikintu	1
4	Iburyo n'ibumoso bw'ikintu	Kwerekana iburyo n'ibumoso bw'ikintu cyangwa bw'umuntu	1
5	Hirya no hino y'ikintu	Kwerekana hirya no hino y'ikintu	1
6	Aho ikintu giherereye	Kuvuga aho ibintu biherereye ukoresheje amerekezo akwiye	1
7	Imirongo igororotse n'imirongo ihese	Kwerekana , guca imirongo igororotse n'ihese no gutanga urugero rw'aho babona imirongo igororotse n'imirongo ihese	1

8	Imirongo ifunze n'imirongo ifunguye	Kwerekana, guca imirongo ifunze n'ifunguye no gutanga urugero rw'aho babona imirongo ifunze.	1
9	Imirongo ivunaguye	Kwerekana, guca imirongo ihese, gutanga urugero rw'aho babona imirongo ivunaguye.	1
10	Utudomo two ku murongo ufunze n'utw'imbere n'inyuma yawo.	Kwandika utudomo ku murongo ufunze, n'utudomo imbere n'inyuma yawo.	2
11	Isuzuma risoza umutwe wa 13	Gukora neza isuzumabushobozi ku kuranga aho ibintu biherereye n'imirongo inyuranye.	1
	Amasaha yose y'umutwe		12

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho iri ku rupapuro rwa 131 mu gitabo cy'umunyeshuri no gusubiza ibibazo biyerekeyeho: Ibiti biteye ku mirongo . Mu biti hejuru hari inyoni n' ibisiga . Hagati mu rwuri hari umuhanda. Minsi ya kimwe mu biti hari ihene , minsi y'umuhanda hari inka.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, mwarimu ababaza ibibazo bagomba gusubiza.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho?

Iburyo bw'umuhanda hari iki? Ibumoso bwawo hari iki? Ibisiga mubona biri he? Ihene iri ahagana he? Inka iherereye hehe y'umuhanda?

Ibiti biteye ku buhe buryo ? Umuhanda usa n'iyihe mirongo ?

Mutange urugero rw'ibintu bimeze nk'ipine y'igare, cyangwa y'imodoka.

Mwarimu asaza isomo abwira abanyeshuri ko mu masomo azakurikira baziga amoko y'imirongo no kwerekana aho ibintu biherereye .

Isomo rya 2: Kwerekana imbere, hagati n'inyuma

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bakwiye kuba bazi kugendera kumurongo ugororotse bari ku karasisi no kuba bakwerekana umunyeshuri wavuye kuri uwo murongo. Kuri ako karasisi mwarimu abaza abanyeshuri kuvuga izina rya mugenzi wabo uri imbere n'uri inyuma.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, amakaramu, ibitabo, ibishushanyo, intebe, ameza, n'ibindi bikoresho bifite imigongo iteye mu buryo bunyuranye (imirongo igororotse, ihese n'imeze nk'uruziga) n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu akoresha agakino: asaba abanyeshuri batatu bakajya ku murongo maze akababaza kuvuga uri imbere, uri hagati n'uri inyuma.



Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu ahereye ku rugero rw'abandi banyeshuri 3 bari ku murongo:

Pawulo, Mariya, na Rudoviko; abaza abanyeshuri: ninde uri imbere? ninde uri inyuma, ni nde uri hagati? Afasha buri wese gusobanukirwa hagati aho ari ho.

Mwarimu yongera gusaba abandi banyeshuri batatu kwitondeka bakurikije aya mabwiriza: umwe imbere, undi hagati n'undi inyuma maze akabaza abandi banyeshuri aho buri wese uri kumurongo aherereye.

Asaba ba banyeshuri 3 guhindukira berekera mu kindi kerekezo kinyuranye n'icya mbere maze akababaza uri imbere n'uri inyuma.

Mwarimu afasha abanyeshuri kubona ko kuvuga imbere cyangwa inyuma biterwa n'ikerekezo abahaye.

Urugero shusho:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 131-132 akababazaho ibibazo biganisha ku kuranga aho ibintu biherereye.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha amabwiriza y'uko bitondeka umwe imbere, undi hagati n'undi inyuma, abasaba kwitoramo umunyeshuri ubaha amabwiriza maze bagakina ako gakino babazanya kuranga aho bagenzi babo baherereye bitewe n'ikerekezo barimo.

Iyo birangiye mwarimu abaha imyitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri iri ku rupapuro rwa 131-132. Bakavuga ikintu kiri imbere, ikiri inyuma n'ikiri hagati bitewe n'ikerekezo birimo maze akabakosora.

Isuzumabushobozi:

Mwarimu aha abanyeshuri iyindi myitozo inyuranye yo mu gitabo cy'umunyeshuri iri ku rupapuro rwa 131-132 yo kuranga aho ibintu biherereye. Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo kwitegereza ibishushanyo yashushanyije bakavuga aho ibintu biriho biherereye.

Isomo rya 3: Kwerekana "hejuru ya" no "munsi ya"

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bazi gutandukanya imbere, hagati n'inyuma.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, intebe n'ibindi bikoreshe biri mu ishuri, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri, ibiti biri hanze y'ishuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu akoreshe agakino ko gusaba abanyeshuri kureba hejuru, nyuma bakareba hasi.

Kwerekera

Urugero mbonwa :

Mwarimu asaba abanyeshuri gushyira igitabo k'imibare cyonyine hejuru y'ameza yabo maze akabasaba kuvuga aho igitabo kiri.

Mwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko igitabo k'imibare kiri **hejuru** y'ameza.

Ashyira ibindi bintu munsi y'ameza cyagwa munsi y' intebe maze akabaza abanyeshuri kuvuga aho ibintu biherereye.

Mwarimu afasha abanyeshuri gushimangira ibyerekezo: **hejuru ya ... no hasi/ munsi ya...**

Urugero shusho:

Mwarimu aha abanyeshuri amashusho ari mugitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 132 maze bakabona inyoni ziri hejuru y'igiti, umwana uri hasi ku rwego bakagira icyo babivugaho.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu yifashisha ibikoresho biri mu ishuri agakoresha abanyeshuri umwitozo wo gushyira ibintu hejuru cyangwa hasi y'ameza, intebe maze akababaza aho biherereye.

Mwarimu akoresha kandi ibishushanyo akabyereka abanyeshuri bakavuga aho ikintu giherereye bakoresha **hejuru, hasi, imbere, inyuma, no hagati**.

Isuzumabushobozi:

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yifashishije igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 132 akabakosora.

Mwarimu yifashisha ibikoresho biri mu ishuri agakoresha abanyeshuri umwitozo wo gushyira ibintu hejuru cyangwa hasi y'ameza, intebe maze akababaza aho biherereye.

Ashobora kandi kujyana abana hanze bakitegereza ibintu bakavuga ibyo babona biri hasi no hejuru y'ishuri, y'ibiti, y'inzu n'ahandi.

Isomo rya 4: Kwerekana iburyo n'ibumoso

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bazi gutandukanya imbere n'inyuma, hasi no hejuru no gutandukanya muni no hejuru y'ikintu.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, intebe n'ibindi bikoresho biri mu ishuri, ibishushanyo n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ashobora kujyana abana hanze y'ishuri akabakoresha akarasisi baririmba: "moso, ndyo"; nyuma akabasaba kwerekana ukuboko kw'imoso n'ukw'indyo.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Gusaba abanyeshuri:

- Kwerekana ukuboko kw'iburyo
- Kwerekana ugutwi kw'ibumoso
- Kwerekana ijisho ry'iburyo
- Kwerekana ukuguru kw'ibumoso
- Kwerekana itama ry'iburyo
- N'ibindi

Nyuma mwarimu asaba umunyeshuri guhagarara hagati mu ishuri noneho akamusaba kuzamura ukuboko kw'iburyo maze akabaza abandi banyeshuri kuvuga ibindi bintu biri ibumoso n'iburyo bw'uwo munyeshuri.

Urugero shusho:

Mwarimu ashobora gukoresha ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 132 iriho abana 3 bicaye ku ntebe umwe **ibumoso**, undi **iburyo** bw'undi, akabaza abanyeshuri kuvuga aho buri mwana aherereye ugereraniye n'aho mugenzi we ari.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabaha amabwiriza bagenderaho agamije ko bafashanya kuranga ibintu bimwe biri **ibumoso** ibindi **iburyo**.

Isuzumabushobozi:

Mwarimu ashobora gusaba abanyeshuri 3 umwe akicara imbere, undi akamuhagarara iburyo, undi ibumoso maze agasaba buri munyeshuri kuvuga no kwandika uri ibumoso (Amazina atagira ibihe kane). Atanga kandi imyitozo imufasha kumenya niba buri munyeshuri ashobora kwerekana ibintu biri iburyo, ibumoso no mu yandi merekezo bize. Yakoresha kandi ifoto y'umuntu n'ibintu bimwe ibumoso, ibindi iburyo bwe maze akababaza kuvuga urutonde rw'ibiri ibumoso cyangwa iburyo.

Urugero:

Mu kibuga, mwarimu asaba abanyeshuri kugenda, gukata iburyo, ibumoso, gusubira inyuma, kugenda imbere, ...

Isomo rya 5: Kwerekana hirya no hino

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kwerekana aho ikintu giherereye bakoresheje: imbere , inyuma, hejuru , muni cyangwa hasi , iburyo n'ibumoso.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, intebe n'ibindi bikoresho biri mu ishuri, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ajyana abanyeshuri hanze bakamukikiza maze akajya abasaba kwegera hino bamusanga no kwegera hirya.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu yereka abanyeshuri ikintu fatizo maze akabaza abanyeshuri kwerekana hirya no hino hacyo.

Urugero:

Kubasaba kwerekana hirya y'ishuri

Kubasaba kwerekana hino y'ishuri

Kubasaba kwerekana hirya y'urusengero

Kubasaba kwerekana hino y'urusengero

Ashobora kandi kwifashisha abanyeshuri batatu: Mariko, Kamana na Munezero bari ku murongo umwe maze akajya ababaza kuvuga uri hirya cyangwa hino y'uwundi bitewe n'aho bahagaze.



Urugero shusho:

Mwarimu yifashishije igishushanyo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 133 afasha abanyeshuri kumenya no kwerekana **hirya no hino** y' ikintu bakurikije aho baherereye.

Mwarimu yifashishije igishushanyo cyakoreshejwe, afasha abanyeshuri kumenya no kwerekana hirya yabo no hino yabo.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yateguye , imwe igomba kuba iyo mu bikorwa indi ari iyo basubiza bahereye ku bishushanyo.

Urugero: Gusaba abana 3 umwe akicara hirya y'abandi, undi akicara hino y'abandi.

Isuzumabushobozi:

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gukora.

Urugero : Mu kibuga, asaba abanyeshuri kugenda, bagakata hirya no hino ya bagenzi babo, gusubira inyuma, kugenda imbere n'ahandi. Mu ishuri, mwarimu ashobora gusaba abanyeshuri gushyira ibintu hirya y'ameza, no hino yayo.

Isomo rya 6: Kuranga ikerekezo cy'aho ikintu giherereye

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwerekana ikintu bifashishije amagambo: imbere, inyuma, hejuru , muni, iburyo n'ibumoso, hirya no hino.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, intebe n'ibindi bikoreshe biri mu ishuri, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ashya ibintu ahantu hanyuranye akabaza abanyeshuri ibibazo bibasaba kuvuga aho buri kintu giherereye.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu ashobora gufata umunyeshuri umwe wicaye ku ntebe iyi n'iyi maze akabaza abanyeshuri kuranga neza aho mugenzi wabo aherereye bakoresheje ibyerekezo babonye: iburyo, ibumoso, hirya, hino, imbere, inyuma.

Urugero shusho:

Mwarimu akoresheje igishushanyo afasha abanyeshuri kumenya no kuvuga aho ikintu giherereye. Nyuma bakoreshe amashusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 131 kugera ku rwa 133.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu atanga imyitozo bakora maze akabakosora umwumwe. Ashobora gusaba umwe agashyira ikintu ahantu akabaza bagenzi be aho giherereye.

Isuzumabushobozi

Mwarimu ajyana abanyeshuri mu kibuga agasaba abanyeshuri gukora imyitozo yo kuvuga aho ibintu biherereye. Ashobora gusaba abanyeshuri kuvuga ibintu biri hirya y'ishuri, hino yaryo, iburyo bwa ryo, ibumoso bwa ryo, haruguru yaryo no hepfo yaryo. Nyuma akabaha umukoro wo gukorera mu rugo aho bashobora kuranga inzu batuyemo bakurikije ibintu biyikikije.

Isomo rya 7: Imirongo igororotse n'imirongo ihese

a) Ubushobozi bw'ibanze:


Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwandika imibare 0, 1, 2, 4, 5, 6, 7, 9 no guca imisharabiko mu merekezo atandukanye.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu y'ibiti, gome, agacamurongo, imetero ya mwarimu, urudodo, umushipiri, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza utubiye turi ku gishushanyo maze bakavuga uburyo dutondetse bakurikije amabara n'imirongo. Mwarimu abafasha kuvumbura ko hari utubiye 3 turi ku murongo uhagaze, utubiye 3 turi ku murongo utambitse n'utundi 3 turi ku murongo uberamye.




Mwarimu ashobora no gukoresha ubundi buryo abona bwafasha abanyeshuri gutahura amoko atandukanye y'imirongo.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu yereka abanyeshuri imetero maze agasaba nk'abanyeshuri 2 cyangwa 3 kuyikoresha baca umurongo ku kibaho. Nyuma ababwira ko imirongo baciye ari imirongo igororotse.

Mwarimu yifashisha akagozi n'utubuye 3 agasaba abanyeshuri kukarambika hasi mu buryo buhese bakora inyuguti ya **U** mu buryo butandukanye ukurikije igishushanyo.



Nyuma ababwira ko ari imirongo ihese.

Ashobora kandi kubasaba kuvuga uburyo bandika imwe mu mibare bize.

Urugero: - Kubasaba kuvuga no kwerekana imirongo igize umubare 2.

- Kubasaba kuvuga no kwerekana imirongo igize umubare 3.
- Kubasaba kuvuga no kwerekana imirongo igize umubare 7.

Urugero shusho:

Mwarimu akoresheje ibishushanyo biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 134, afasha abanyeshuri kwitegereza no kwerekana umurongo ugororotse utambitse, umurongo ugororotse uhagaze cyangwa umurongo ugororotse uberamye. Mwarimu akoresheje ibishushanyo biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 134, afasha kandi abanyeshuri kwitegereza no kwerekana umurongo uhese.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri gutanga ingero z'ibintu bifite imirongo igororotse: imigongo y'amakaye, ameza, umurongo wo mu muhandu wa kaburimbo

Abasaba kandi gutanga ingero z'ibintu bifite imirongo ihese: imibare 3 na 2, imigongo y'intebe, ibibabi n'ibindi.

Nyuma y'izo ngero zombi mwarimu asaba abanyeshuri gushushanya mu makaye yabo imirongo igororotse (itambitse, ihagaze n'iberamye) ukwayo n'imirongo ihese ukwayo.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gukora umwumwe maze akabakosora. Asaba abanyeshuri guca imirongo igororotse itambitse, ihagaze n'iberamye no guca imirongo ihese mu makaye yabo cyangwa ku kibaho.

Ashobora kandi gutanga imyitozo yo kwerekana imirongo igororotse n'ihese cyangwa akababaza gutanga ingero z'ibintu bigaragaraho imirongo igororotse cyangwa ihese.

Isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo guca imirongo igororotse n'ihese no guhitamo iyo mirongo mu yindi.

Isomo rya 8: Imirongo ifunze n'imirongo ifunguye

a) Ubumenyi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye gutandukanya no gushushanya imirongo igororotse n'imirongo ihese.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, agacaruziga, imetero ya mwarimu, ibishushanyo, igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza umubare **0** uko wanditse, maze mu matsinda abasabe guhagarara ku ruziga bakoze umubare zero. Mwarimu abaza buri tsinda kuvuga ubwoko bw'umurongo bakoze kandi akabafasha kuvumburako ko bakoze umurongo ufunze.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Ahereye ku ruziga n'umurongo uhese, mwarimu afasha abanyeshuri gutandukanya imirongo ifunze n'imirongo ifunguye maze akababaza kuvuga ibintu babona bifite ishusho yayo.

- Kubasaba kuvuga no kwerekana imirongo igize imibare **0** na **8**
- Kubasaba kuvuga no kwerekana imirongo igize inyuguti ya **u** na **c**

Urugero shusho:

Mwarimu akoresheje ibishushanyo biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 134, asaba abanyeshuri kwitegereza no kwerekana umurongo ufunze, n'umurongo ufunguye.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu asaba abanyeshuri guca imirongo ifunze n'ifunguye cyangwa guhitamo imirongo ifunze n'ifunguye mu yindi itandukanye.

Isuzumabushobozi

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo guca imirongo ifunze n'ifunguye no kwerekana imirongo ifunze n'ifunguye mu yindi. Iyi myitozo ikwiye kubamo iyo bakorera mu ishuri n'yo bakorera mu rugo nk'umukoro.

Isomo rya 9: Imirongo ivunaguye

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashoboye kwandika zimwe mu nyuguti zikozwe n'imirongo ivunaguye nka W, Z, M, N,...

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, amakaye, ibitabo, amakaramu, agacamurongo, imetero ya mwarimu, ibishushanyo binini by'inyuguti Z, N, M na W, metero buhine n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu asaba abanyeshuri kwandika inyuguti ya Z, W, M n'izindi zigaragaramo imirongo ivunaguye no kwitegereza metero buhine bakavuga uko bazibona bakurikije imirongo bakoresha bazandika. Mwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko izi nyuguti zikozwe mu murongo uvunaguye.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu ahereye ku bisubizo abanyeshuri bagiye batanga, abasaba kwitegereza uko ashushanya umurongo uvunaguye akabasaba gusubiramo uko witwa: *Umurongo uvunaguye.*

Urugero shusho:

Mwarimu akoresheje igishushanyo kiri ku rupapuro rwa 134 mu gitabo cy'umunyeshuri, afasha abanyeshuri kwitegereza no kwerekana umurongo uvunaguye.

Igerageza n'imyitozo

Mwarimu atanga imyitozo yo guca imirongo ivunaguye mu makaye yabo.

Isuzumabushobozi

Mwarimu asa abanyeshuri gutanga ingero z'ibintu cyangwa ahantu hagaragaraho imirongo ivunaguye.

Isomo rya 10: Utudomo imbere n'inyuma no ku murongo ufunze

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutandukanya imbere n'inyuma y'umurongo ufunze.

b) Imfashanyigisho: Ikibaho, ingwa, agacaruziga, amakaye, ibitabo, amakaramu, igitabo cy'umunyeshuri, ibishushanyo by'uruziga.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora uruziga runini bakarukikiza maze bakarushushanya. Mwarimu abasaba gukina agakino **mu mazi, ku nkombe** aho gusimbuka baja imbere mu ruziga bivuga "mu mazi" naho gusimbuka ugarutse inyuma bivuga ku "nkombe".

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu ashushanya uruziga ku kibaho akoresheje agacaruziga agasaba abanyeshuri kuvuga ubwoko bw'umurongo yaciye. Akoresheje ingwa y'ibara asaba bamwe mu banyeshuri kuza ku kibaho gushyira akadomo imbere mu ruziga (abibutsa urugero rwo mu mazi).

Mwarimu asaba undi munyeshuri kuza gushyira akadomo inyuma y'uruziga (abibutsa ijamba ku nkombe ryo mu gakino bakinnye).


Mwarimu asaba undi munyeshuri kuza gushyira akadomo kumurongo ufunze cyangwa ku ruziga.

Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa n'aho akadomo kari ugereranije n'aho umurongo ufunze uherereye: **Imbere, ku murongo ufunze n'inyuma yawo.**

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri kwitegereza amashusho ari ku rupapuro rwa 135 bakaganira aho akadomo gaherereye.

Nyuma mwarimu akoresheje igishushanyo afasha abanyeshuri gushushanya akadomo ku murongo ufunze, imbere n'inyuma yawo.



Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha igishushanyo maze akababaza kukiganiraho bakavuga umubare w'utudomo turi ku murongo ufunze, uturi imbere yawo n'uturi inyuma yawo.

Mwarimu ashobora kubasaba gushushanya mu makaye yabo umurongo ufunze bagashyira mu utudomo 2 imbere yawo, utudomo 3 kuri uwo murongo n'akandi kadomo kamwe inyuma yawo.

Nyuma buri tsinda rigaragaza ibyo bakoze maze akabafasha gushimangira ubwo bushobozi.

Imyitozo

Mwarimu atanga imyitozo yo kwerekana aho akadomo gaherereye ku murongo ufunze.

Yifashisha kandi igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 135, abanyeshuri bavugaga aho utudomo duherereye ku murongo ufunze.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo yo gukorera mu ishuri n'yo gukorera mu rugo:

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo yo guca imirongo ifunze bagashyira akadomo imbere cyangwa inyuma. Atanga n'imyitozo yo kubaza abanyeshuri kuvugaga aho akadomo gaherereye ku murongo ufunze.

Isomo rya 11: Isuzuma risoza umutwe wa 13

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kuranga aho ibintu biherereye, guca imirongo inyuranye no gushyira akadomo ku murongo ufunze, imbere cyangwa inyuma yawo.

b) Imfashanyigisho:

Amakaye, amakaramu, ibishushanyo by'aho ibintu biherereye, iby'imirongo itandukanye hamwe n'igitabo cy'umunyeshuri.

c) Urugero rw'ibibazo bigize isuzumabushobozi

1) vuga aho inyoni zisherereye, vuga aho injangwe iherereye.



2) Vuga aho intebe iherereye ugereranyije n'ameza mu ishuri

3) Shushanya umurongo ufunze ushyire akadomo kamwe imbere yawo, utudomo 2 turi kuri uwo murongo n'utudomo 3 inyuma yawo.

4) Tanga ingero z'ibintu bitatu ku buryo ishusho ya buri kintu igira umurongo uhese: (igisubizo: ukwezi, amahembe, ugutwi, ...)

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora, Mwarimu ashyiraho gahunda yo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi bwifuzwa. Abandi banyeshuri abaha imyitozo nyagurabushobozi

Umutwe wa 14

Umutwe wa 14: Imfuruka igororotse, kare n'urukiramende

14.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutahura imfuruka igororotse, kare n' urukiramende mu yandi mashusho no kubishushanya.

14.2 Ubushobozi bw'ibanze:

Umunyeshuri aziga neza ibikubiye muri uyu mutwe ari uko ashobora guca imirongo igororotse ihagaze, itambitse cyangwa iberamye.

14.3 Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:

Kwimakaza umuco w'amahoro, Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi n'Uburezi budaheza.

14.4 Urutonde rw'amasomo

No	Amasomo	Intego	Umubare w'amasaha
1	Insanganyamatsiko	Kwitegereza ishusho no gusubiza ibibazo biyerekeyeho hagamijwe kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku byo baziga muri uyu mutwe.	1
2	Imfuruka igororotse n'ibiyiranga	Kwerekana imfuruka igororotse ahantu no ku bintu binyuranye (kugenekereza no gukoresha inguni).	3
3	Gushushanya imfuruka igororotse	Gushushanya neza imfuruka igororotse bakoresheje ikinyatuzu n'inguni	3
4	Kare n'ibiyiranga	Gutahura inshoza ya kare no kwerekana Kare mu bintu bitandukanye.	2
5	Gushushanya kare	Gushushanya neza kare bakoresheje ikinyatuzu.	3
6	Urukiramende n'ibiruranga	Gutahura inshoza y'urukiramende no kwerekana urukiramende mu bintu bitandukanye.	2

7	Gushushanya urukiramende	Gushushanya neza urukiramende akoresheje ikinyatuzu	2
8	Isizuma risoza umutwe wa 14	Gutahura no gushushanya imfuruka igororotse, Kare n'urukiramende.	1
Amasaha yose y'umutwe			17

Isomo rya 1: Insanganyamatsiko

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ibikubiye mu ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 137: Umwana ugiye kuvoma, araca mu kayira gakikijwe n'uturima dufite imfuruka zigororotse harimo utwa Kare n'utw'urukiramende. Iyo nzira kandi hari aho ifunganye.

Mu gihe abanyeshuri bitegereza ishusho, mwarimu ababaza ibibazo.

Urugero rw'ibibazo byabazwa abanyeshuri:

Murabona iki kuri iriya shusho?

Mwerekane inzira umwana agomba kunyuramo agiye kuvoma,

Inzira umwana ari bunyuremo ikikijwe n'iki?

Inzira ishushanyije igizwe n'imirongo iteye ite? Aho iyo mirongo ihurira hitwa ngo iki? Imirima iri muri iriya shusho irangana? Impande z'iyi mirima se zaba zingana?

Mwarimu asaza isomo abwira abanyeshuri ko mu masomo azakurikira baziga kumenya kwerekana imfuruka igororotse n'amashusho anyuranye agize uturima babonye kuri iriya shusho.

Isomo rya 2: Imfuruka igororotse n'ibiyiranga

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora guca imirongo igororotse ihagaze n'itambitse.

b) Imfashanyigisho:

Amashusho anyuranye y'ibinyatuzu, agacamurongo, inguni, amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti n'ibintu bifite imfuruka zigororotse.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu ahereye ku tuzu dushushanyije mu makaye y'abanyeshuri, abasaba guca umurongo ugororotse umwe utambitse n'undi uhagaze kandi inyuranamo, bakurikiza imirongo y'ikaye. Abaza banyeshuri utubazo kuri iyo mirongo

bashushanyije: uko bayibona, imfuruka ziyigize. Nyuma mwarimu abereka inguni akabafasha kuvumbura ko imirongo inyuranamo ikora imfuruka igororotse.

Kwerekera

Mwarimu yifashisha ikinyatuzu yashushanyije maze agafasha abanyeshuri kwitegereza aho imirongo ibiri igororotse ihurira kandi akabasobanurira ko ikorana imfuruka igororotse.

Urugero mbonwa:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ibintu biri mu ishuri bakerekana aho babona imirongo 2 ikorana inguni /imfuruka igororotse, nyuma bakamubwira n'izindi ngero z'ibintu bitari mu ishuri, bahereye ku mashusho ari ku rupapuro rwa 137

Urugero shusho:

Mwarimu yereka abanyeshuri ishusho yateguye cyangwa iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 138 agaragaza imfuruka igororotse n'ibiyiranga.

Abereka kandi uko basuzuma imfuruka igororotse bakoresheje inguni.

Mwarimu abasaba kwifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 138 bakavuga ibiranga imfuruka igororotse n'aho bayibona ku bikoresho bigira imfuruka igororotse.

Igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri gusuzuma imfuruka igororotse bakoresheje inguni bakabikorera ku kibaho nyuma bakabikorera mu makayi yabo

Nyuma mwarimu abasaba gukoresha igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 137 kugirango bitegereze basobanukirwe imfuruka igororotse igaragara ku bikoresho bimwe.

Imyitozo

Bari mu matsinda, mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gusuzuma imfuruka igororotse, kuvuga ibintu biyiranga, guhitamo imfuruka igororotse mu zindi ndetse no gutanga ingero zinyuranye z'ibintu n'ahantu babona imfuruka igororotse.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo yo gukorera ku ishuri n'indi igize umukoro ushobora gukorerwa mu rugo. Bagomba guhitamo imfuruka igororotse mu zindi nyinshi zinyuranye, gusuzuma niba imfuruka yatanze igororotse no gushaka ingero nyinshi z'ibintu bifite imfuruka igororotse.

Isomo rya 3: Gushushanya imfuruka igororotse

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwerekana imfuruka igororotse iri mu zindi no gutanga ingero z'ibintu bifite imfuruka igororotse.

b) Imfashanyigisho:

Amashusho anyuranye y'ibinyatuzu, agacamurongo, inguni, amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti n'ibintu bifite imfuruka igororotse.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu abwira abanyeshuri guca imirongo inyuranamo umwe ugororotse utambitse n'undi ugororotse uhagaze mu makaye y'utuzu.

Abereka ikinyatuzu yateguye ku kibaho maze agakoresha inguni akababaza kuvuga niba imirongo y'ikinyatuzu ikorana inguni igororotse.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu yereka abanyeshuri uko baca imfuruka igororotse bahereye ku kinyatuzu kandi bifashishije imetero ya mwarimu, agasaba bamwe mu banyeshuri kuza nabo bakabikorera ku kibaho.

Mwarimu yereka kandi abanyeshuri uko baca imfuruka igororotse bakoresheje inguni yonyine agasaba bamwe mu banyeshuri kuza nabo bakabikorera ku kibaho.

Urugero shusho:

Mwarimu abasaba kwifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 138 hagaragaramo imfuruka igororotse n'uko bayishushanya.

Mwarimu afasha abanyeshuri kumenya uko bakoresha agacamurongo n'utuzu two mu makaye yabo cyangwa uko bakoresha inguni yonyine baca imfuruka igororotse mu makaye yabo.

Mwarimu abereka kandi akabasobanurira ko aho iyo mirongo 2 igororotse uhagaze n'utambitse ihurira ikorana inguni igororotse ariyo bita **"imfuruka igororotse"**.

Igerageza

Mwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa n'uko baca imfuruka igororotse bifashishije agacamurongo mu ikaye y'utunyatuzu cyangwa inguni yonyine bakabikorera mu makayi yabo no kukibaho.

Yifashishe igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 138 mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza uko baca neza imfuruka igororotse bakoresheje inguni.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo guca imfuruka igororotse bakoresheje inguni yonyine cyangwa bakoresheje ikinyatuzu n'agacamurongo.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo:

Imyitozo isaba gushushanya imfuruka igororotse, isaba kuyerekana mu bishushanyo byinshi byatanzwe n'indi myitozo isaba gutanga ingero z'ibintu bifite imfuruka igororotse.

Isomo rya 4: Kare n'ibiyaranga

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwerekana no gushushanya imirongo igororotse, itambitse n'imfuruka ihagaze ndetse n'imfuruka igororotse.


b) Imfashanyigisho:

Amashusho anyuranye y'ibinyatuzu, agacamurongo, inguni, amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti n'ibintu bifite imfuruka zigororotse.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza ikinyatutuzu cya Kare yateguye ku buryo imirongo ikizengurutse iba ari ibara.



Maze akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura icyo bagiye kwiga:

Urugero: - Kuri iyi shusho murabona imirongo igororotse y'ibara ritukura ingahe?

- Iyo mirongo ikoze imfuruka zigororotse zingahe?
- Ese ku mirongo itambitse hari utuzu tungahe?
- Ku mirongo ihagaze hari utuzu tungahe?

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Ahareye ku kinyatuzu cyatanzwe haruguru n'ibisubizo abanyeshuri bagiye batanga, mwarimu abereka indi shusho ya Kare agafasha abanyeshuri kubona no gusobanukirwa neza Kare n'ibiyiranga:

- Kwerekana ko Kare ari ishusho ifite **impande enye zingana** babaze utuzu turi kuri buri ruhande bakabona ko impande zose zifite utuzu tungana;
- Kwerekana ko Kare igizwe **n'imfuruka 4 zigororotse** akoresheje inguni.

Urugero shusho:

Mwarimu abasaba kwifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 139-140 bakaganira ku ishusho ya Kare n'ibiyiranga.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri kwifashisha ikinyatuzu bagashushanya Kare igizwe n'utuzu 4 kuri buri ruhande. Mwarimu yifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 140 agasaba abanyeshuri gukorera mu matsinda kandi bakavuga ibiranga Kare.

Mwarimu ashobora kandi kubaza abanyeshuri gutanga ingero z'ibintu bifite ishusho ya Kare.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo kuri Kare:

- Kwerekana imfuruka 4 zigororotse,
- Kwerekana ko Kare ifite impande 4 zingana.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo igize umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Imyitozo isaba:

- Guhitamo Kare mu yandi mashusho ari hamwe,
- Gutanga ingero z'ibintu bifite ishusho ya Kare (amakaro, impande z'agakibe n'ibindi).

Isomo rya 5: Gushushanya Kare

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora guca imirongo igororotse ihagaze n'itambitse, kwerekana kare no kuvuga ibiyiranga.

b) Imfashanyigisho:


Amashusho anyuranye y'ibinyatuzu, agacamurongo, inguni, amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti n'ibintu bifite ishusho ya kare.

c) Ibikorwa

Mwarimu afasha abanyeshuri gushushanya Kare bakoresheje amakaye yabo y'utuzu n'agacamurongo:

Ivumburamatsiko

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ikinyatuzu yashushanyije kirimo utudomo akabasaba kudukuhuza.



Mwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko ishusho bakoze ari Kare.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza uko bashushanya neza Kare bakoresheje agacamurongo n'inguni mu kinyatuzu.

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri kwitegereza ishusho ya Kare iri mu kinyatuzu mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 140 bakavuga niba ari Kare n'impamvu babyemeza bagendeye ku mfuruka zigororotse n'umubare w'utuzu turi kuri buri ruhande. Mwarimu ahera kuri iyo shusho akabayobora uko bagomba kujya bashushanya Kare mu makaye yabo y'utuzu.

Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bagashushanya Kare zinyuranye mu makaye yabo y'utuzu.

Nyuma buri tsinda rihabwa umwanya rikereka abandi ibyo bakoze basobanura impamvu bemeza ko amashusho yabo ari Kare.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo inyuranye yo gushushanya Kare buri wese mu ikaye ye maze akabakosora.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo igize umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo: gushushanya Kare zinyuranye, guhitamo Kare mu yandi mashusho anyuranye no kuzana ibintu bimeze nka Kare (ibice by'impapuro, ibice by'ibikarito, uduce tw'urubaho n'ibindi).

Isomo rya 6: Urukiramende n'ibiruranga

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora kwerekana no gushushanya imfuruka igororotse na Kare.


b) Imfashanyigisho:

Amashusho anyuranye y'ibinyatuzu, agacamurongo, inguni, amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti n'ibindi.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza igishushanyo k'ikinyatutuzu cy'urukiramende yateguye ku buryo imirongo ikizengurutse iba ari ibara.



Maze akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura icyo bagiye kwiga:

Urugero: - Kuri iyi shusho murabona imirongo igororotse y'ibara ritukura ingahe?

- Iyo mirongo ikoze imfuruka zigororotse zingahe?
- Ese ku mirongo itambitse hari utuzu tungahe?
- Ku mirongo ihagaze ho hari utuzu tungahe?

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Ahareye ku kinyatuzu cyatanzwe haruguru n'ibisubizo abanyeshuri bagiye batanga, mwarimu abereka indi shusho y'urukiramende agasaba abanyeshuri kubona no gusobanukirwa neza urukiramende n'ibiruranga:

- Kwerekana ko urukiramende ari ishusho ifite **impande enye ebyirebyiri ziteganye zingana** babaze utuzu turi kuri buri ruhande bakabona buri mpande ebyirebyiri ziteganye zifite umubare w'utuzu ungana;
- Kwerekana ko urukiramende rufite **imfuruka 4 zigororotse**.

Urugero shusho:

Mwarimu abasaba kwifashisha igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 141 bakaganira ku ishusho y'urukiramende n'ibiruranga.

Igerageza

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza neza urukiramende ruri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 141-142 no kuvuga ibiruranga.

Mwarimu ashobora kandi kubaza abanyeshuri gutanga ingero z'ibintu bifite ishusho y'urukiramende.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo k'urukiramende:

- Kwerekana imfuruka 4 zigororotse
- Kwerekana ko Urukiramende rufite impande 4, ebyirebyiri ziteganye zingana,

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo igize umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo.

Imyitozo isaba:

- Guhitamo urukiramende mu yandi mashusho ari hamwe,
- Gutanga ingero z'ibintu bifite ishusho y'urukiramende (amakaro, impapuro, ameza, ikibaho n'ibindi).

Isomo rya 7: Gushushanya urukiramende

a) Ubushobozi bw'ibanze:

Abanyeshuri bagomba kuba bashobora guca imirongo igororotse ihagaze n'itambitse, kwerekana urukiramende no kuvuga ibiruranga.


b) Imfashanyigisho:

Amashusho anyuranye y'ibinyatuzu, agacamurongo, inguni, amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti n'ibindi.

c) Ibikorwa

Ivumburamatsiko

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ikinyatuzu yashushanyije kirimo utudomo akabasaba kudukuhuza.



Mwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura ko ishusho bakoze ari Urukiramende.

Kwerekera

Urugero mbonwa:

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza uko bashushanya neza Urukiramende bakoresheje agacamurongo n'inguni mu kinyatuzu.

Urugero shusho:

Mwarimu afasha abanyeshuri kwitegereza ishusho y'Urukiramende iri mu kinyatuzu mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 142 bakavuga niba ari Urukiramende n'impamvu babyemeza bagendeye ku mfuruka zigororotse n'umubare w'utuzu turi kuri buri ruhande. Mwarimu ahera kuri iyo shusho akabayobora uko bagomba kujya bashushanya Urukiramende mu makaye yabo y'utuzu.

Igerageza

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bagashushanya Urukiramende mu makaye yabo y'utuzu, bakoresheje umubare w'utuzu bihitiyemo.

Nyuma buri tsinda rihabwa umwanya rikereka abandi ibyo bakoze basobanura impamvu bemeza ko amashusho yabo ari Urukiramende.

Imyitozo

Mwarimu aha abanyeshuri imyitozo inyuranye yo gushushanya Urukiramende buri wese mu ikaye ye maze akabakosora.

Isuzumabushobozi

Mwarimu atanga imyitozo igize umukoro ushobora gukorerwa mu ishuri cyangwa mu rugo: gushushanya Urukiramende, guhitamo Urukiramende mu yandi mashusho anyuranye no kuzana ibintu bimeze nk'urukiramende (impapuro, ibice by'ibikarito, uduce tw'urubaho n'ibindi).

Isomo rya 8: Isuzuma risoza umutwe wa 14

a) **Ubushobozi bw'ibanze:** abanyeshuri bagomba kuba bashobora gutahura imfuruka igororotse, Kare n' Urukiramende mu yandi mashusho. Bagomba kandi kuba bashobora gushushanya Kare n'Urukiramende no kuvuga ibibiranga.

b) **Imfashanyigisho:** Amakaye y'utuzu, amakaramu y'ibiti, uducamurongo n'inguni.

c) Urugero rw'ibibazo bigize isuzuma

1) Itegereze iki gishushanyo usubize ibibazo bikurikira:




- Ni irihe bara rigaragaza ishusho y'urukiramende?
- Ni irihe bara rigaragaza ishusho ya Kare?
- Kare ifite imfuruka zingahe? Ifite impande zingahe?
- Urukiramende rurangwa n'iki?

2) Shushanya Kare ifite uruhande rufite utuzu 6.

3) Tanga ingero z'ibintu 3 bifite ishusho y'urukiramende.

4) Itegereze aya mashusho maze usubize:



Umuringa




Umutuku



Ubururu



Umuhondo



Icyatsi



Umuhondo

Kare isize ibara rya.....

Urukiramende rusize ibara rya.....

Ikitonderwa: Nyuma yo gukosora, mwarimu ahyiraho uburyo bwo gufasha abanyeshuri bataragera ku bushobozi bwifuzwa. Abandi banyeshuri akabaha imyitozo nyagurabushobozi.

IBITABO BYIFASHISHIJE

1. Minisiteri y'Uburezi, (1884). Imibare 1, Igitabo cy'umunyeshuri, Kigali.
2. Minisiteri y'Uburezi, (1992). Imyigishirize y'imibare mu mashuri abanza, Icapiro ry'Amashuri: Kigali.
3. Mwungeri E., et Al., (2008). IMIBARE, IGITABO CY'UMWARIMU, UMWAKA WA MBERE, MK Publishers: Kigali.
4. Rwanda Education Board, 2015. Integanyanyigisho y'Imibare y'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza P1-P3, Kigali.
5. Uworwabayeho, A., & al. (2012). *Mathematics for primary grade 1 Pupils' book*. Jomo Kenyatta Foundation Educational Publishers: Nairobi.
6. Uworwabayeho, A., & al. (2012). *Mathematics for primary grade 1 Teacher's book*. Jomo Kenyatta Foundation Educational Publishers: Nairobi.
7. Curriculum Planning and Development Division (2012). *Primary Mathematics Teaching and Learning Syllabus*. Ministry of Education: Singapore.
8. Gatsinzi F. (2016). Imibare icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, Umwaka wa 1, NMI Education: Kigali.

